" SI UMUGANI"

# N Y I R A M P A K A N Y E

# Y A P F U Y E   U R W O   B A S E K A .

++++++++++++++++++++++++
++++++++++++++++++++++++

NKERABIGWI - MUBERA Gratien

Abantu benshi, bambbira ko bakunda iki kiganiro, tugirana. Koko rero abagira amatsiko, umwete w'umubyeyi, bakunda kugishililira ubute, bagikulikira cyane, kuko bumva kandi bakagikundira akamaro kanini kibafitiye.
Naho rero abarambirwa vuba, bo banterera, bidateye kabili, nibura ngo babanze basogongereho, nabo ngo biyumvire ubwabo uko biryoshye batagombye kuzabibalirwa, ahubwo nabo ngo bazabone icyo babara!

Nyamara usanga abamenyereyebo,bifuza guhamana na njye iteka; "Umumararungu", kuko bareba bagasanga ntayindi nshuti nziza banguranа nayo. Kuko? Kuko nkunda kuganira, kandi nkagira ibanga.

Ali abato ali abakuru, buli wese tuganira ibimwerekeye, kandi binamushimishije. Ahubwo ibiganiro ngiranye na buli muntu ukwe, ndabivangura, kugirango umukuru maganilire iby'abato b'ubu, umuto nawe kandi, mumenyeshe iby'abakuru batubyara.
Bityo buli wese akabona mo inyigisho zimubereye, kandi zihuje n'amatwara y'iki gihe tugezemo. Kuko buli wese aba ashaka guhuguka mu bintu by'ibyo bigero byombi.

Ntawe utaliboneye uko umuntu muto iyo ahuye n'usheshe akanguhe uko bigenda! Baratinyana rukabura gica, ntibashobore kuganira ngo bashyikirane bihagije, koko baba banyuranyije amatwara, n'ibitekerezo.
Nyamara, uwo mukato unyuze hagati y'ibyo bice byombi, wagombaga gusibangana. Kugirango ubumwe, umushyikirano, ubukijurane mu bantu bishobore guterera iyo mpinga ndende kandi rihanije kuzamuka.

Bityo, ninabwo igihugu cyakwitilirwa iryo zina ryacyo, ali naryo nyakuli, dukomeje kwungura uwo muco n'umubano wacu wa "Kinyarwanda", ali nawo wa "Gihanga" dukesha abakurambere navuze haruguru.

Uruhare rwacu natwe abato ni ukurushaho kuwukungahaza, no kuwuvugurura, aliko tutawutesheje ishusho ryawo wa "Kamere-Nyarwanda."

Ibyo rero ndibubabwire mu mwanya uje, ndibwibande ahanini k'uby'urubyiruko, nibyo menyereye, kandi ahanini nanarwo runshishikaje. Ngirango nta n'undi rutatashishikaza, kuko utaramenye ikibazo cyarwo, cyangwa akiyumvisha, ntacyo amaze.

Icyo kibazo ni icy'igihugu cyose, ni icya buli mubyeyi uwo aliwe wese, cyangwa se undi murezi wabyitangiye; Mbese ni icya buli Munyarwanda" wese urutuye kandi ukunda igihugu cyimubyaye.

Alu uwabyaye, ali ingaragu, ndetse n'kivuka usanga alicyo akurana. Nurumva rero ko niyise "Nshuti ya Bose "naba ntibeshye kuko aha buli wese ahafite mo uruhare runini mu gipande kimwerekeye, kandi afitemo ubushobozi bwo kwubaka igihugu cyacu.

Ali abakuru muli twe batwumve baduhe inama. Abato natwe kandi ntitwiyumvilire ngo twinumire. Ngo tuvugire agati mu ryinyo, ngo bize ngarame ngo bizizana.! Oya ra, aho twaba twibeshye bikomeye, ninaho ibyago byacu bitangilira. Ubwo urumva ko ntaho twaba dutaniye n'inka bashobararamu cyuzi, itazi impamvu, ntinabaze. Ibyo rero u Rwanda rushya rurabyanze cyane! Dushatse kwifata dutyo badushakira, urwuli, bakaruzitira, tukiberaho ngirango rero nta n'umwe wifuza ibyo ko byamubaho!

Ahubwo rero rubyiruko ibyo tubirwanye, turushaho gutekereza ukuntu twarushaho kubaho dukulikije amatwara y'igihe tugezemo, naho ubundi twatanzwe.

Ntakugirango twerekwe inzira y'umukiro tuyiteshe, cyangwa twange inama zingirakamaro, ngo byinjilire mu gutwi kumwe bisbhokere mu kundi; icyo gihe twakwitwa "IBIRUMBU". Iryo zina naryo rero ntawe uryishimiye na gato, uretse nyine babandi ba "RUJEBEJEBE" bapfuye umutima bakivuka aliko nabo tubarwanye, aho bali hose, kuko baradusebereza izina duhuliyejo "URUBYIRUKO".

Ubundi rero usanga hali aho bamwe twibeshya ngo turakora ibyacu, bya gisore ngo bya "Kijyambere" kandi nyamara bidafite icyo bishingiyeho n'icyo bigamije bizatugezaho.

Umuntu mukuru yavuga" Ngo ceceka wa mbozi we" Ngo iljya njiji ko isi igiye kuyirangilirabo, kandi irarondogora mu biki? Undi ngo mwihorere shahu yabiye bwana!

Ngo buliya se ugirango azi aho igihugu kigeze?

Nyamara kandi amagambo ye baba basuzuguye, yazuye mo ibitekerezo n'inyigisho nyinshi, z'ingirakamaro. Kuko abashingiye ahanini kubyo yiyumviye ubwe, cyangwa se yiboneye, ali nabyo byatumye agera aho yigejeje!

Ahubwo twebwe rubyiruko dukwiye kubyumva, tukabitekerezaho, tukabijagajaga, tugatoratoramo ibihuje n'amatwara y'igihegu tulimo bityo tukagera ku kinti kigaragara kandi kiboneye igihugu.

Erega n'ubundi ngo "ugutanze mu kibo aguhaza intore" Uwaciye uwo mugani se yalibeshye ntimujya mubyibonera? Shaka shaka icyatuma urushaho kumererwa neza uhungiye kureumuvumo w'ababyeyi wananiye. Kubera uburangare, ubwiralike, ubwiyandalike, uburara n'ubwomanzi, cyangwa se ubwirare budafite epfo na ruguru, tukirengagiza imilimo

idufitiye akamaro ngo turangamiye ubukarani tutazi na bwake bute. Kandi ntawe utazi ibyago izo ngeso mbi zizana mu bana bifashe batyo bakibyiruka. Ndetse hakaba ubwo bamwe bazikurana k'uburyo usanga na bamwe twakwita basheshe akanguhe balita mubo babyaye, kuberako bazikuranye mu gihe bali bararenze ihaniro!
Ibyo rero usanga bitesha bene abo agaciro mu gihugu hose.

Ibyo rero nkabona byatuma duteshuka k'umugambi twasezeranije "Umubyeyi w'u Rwanda" Wo kumufasha kwubaka igihugu cyacu, mu mahoro, ubumwe n'ubwitange bwa buli wese mu rwego rwe. Cyane cyane twebwe urubyiruko.

Tanga gato ufite, ejo uzatanga kanini utazi kandi utavunitse. Twebwe rero rubyiruko twakora iki mu bintu? Ngibi: Si bikeya kandi si byinshi k'uburyo twavuga ko bivunanye.
Twumvise inama tugibwa, tukarwanya uburara n'ubugwahabi, ntitube ibigwali, tugahagurukira imilimo y'amaboko n'indi yose dushoboye gukora, mu ntego rusange yo kwubaka igihugu cyacu, mu nzira iboneye amajyambere tugezemo;

" NIWO MUGANDA RUTURA."

Reka rero turebere hamwe ibitubuza kugera kuli iyo ntego y'ingirakamaro maze tugerageze kubyilinda.

Dore urugero rubitwumvisha neza:

SI UMUGANI : <u>NYIRAMFAKARAMYE YAPFUYE URWO BASEKA</u>.

Navutse nkubagana na n'ubu kandi sindacogora kuli iyo ngeso mbi . None mungire inama y'ukuntu nazabigeka. Gusa kera nakubaganaga rwana aliko ubu nsigaye nkubagana" Kigabo" Akenshi ubukubaganyi bwigisha byinshi, aliko iyo umuntu arengeje igipimo, biba bibi ndetse bikaba byanamuviramo ibyago. "K'uburyo umuntu yagwa mu ruzi arwita ikiziba"

Ubu rero nanjye nkaba nishimiye kwongera kubona umwanya wo kuganira namwe hano, ngo mbanyuliremo bimwe na bimwe nagiye mbona muli ubwo bukubaganyi bwanjye. Si ukubatera igihe ahubwo ni ukugirango namwe mubikulikirane neza mubikuremo isomo rya kigabo lizabagilira akamaro.

Erega n'ubundi ngo abana bose ni bamwe : Gusa iyo bamaze guca akenge nibwo bashobora kubatandukanya bavuga bati "Kanaka uliya azaba imbwa, undi ngo "ni umuhemu" Naho undi rero ngo ni "Igisambo". Bitewe nyine n'amatwara yabo babona babyirukanye.

Umva rero nanjye nabonye byinshi aliko uyu munsi ndabanyuliramo duke kuko igihe ali gito; Ibisigaye tuzajya tubicagagulira aho dhuhuliye, mu gihe dufite akanya gahagije nko mu gitaramo, mu kiganiro nk'iki se n'ahandi......

Cyakora mu byo ngiye kubabwira, ntawe mpitiyemo ngo akora atya, ahubwo tekereza nawe urebe aho igihe kigeze nawe wibaze iby'iyi si si uko byifashe. Wibaze nawe uti: "Nk'ubu se jyewe mbalirwa mu kihe gice?" Maze icyo wisubiza araba alicyo." Kugirango nawe utazata umurongo w'abana b'abantu"

Bityo ugahinduka "Ruvumwa" Kandi bitali ngombwa.
Ngirango namwe mwagiye mubyibonera, abantu bagiye bifata batyo uko byagiye bibagendekra!. Erega n'Immana iratanga ibihano kuli iyi sinuko tutabyitaho ngo tubimenye!
Utabyemera rero nafatire urugero kuli ibi bikulikiye ngiye kubatekerereza:

" SI UMUGANI, NYIRAMFAKARAMYE YAPFUYE URWO BASEKA!

Aliko mbere yo gutangira iyi nkuru ishimishije cyane ngirango mbanze nisegure ku bahuje izina na "Nyirapfakaramye bose" Ngirango rero muzi ko abantu benshi bitiramwa kandi bataziranye cyangwa se badaturanye. Bagati aha rero murumva ko umuntu atazira amakosa y'undi ngo ni uko bahuje amazina baba bitiramwa.
Kuli mwe rero, ntihazagire uwikeka cyangwa ngo akeke mugenzi we k'ubusa ngo ni uko yitwa atyo.

Ahubwo uwo tigiye kuganira hano, ni "UMUKOBWA "nyine witwa "Nyiramfakaramye wibwiraga ko ali mwiza cyane, ndetse ahubwo tugira isano mu byo imiryango, ni uko Immana iza kumuha amahirwe arayitesha, nayo rero ntimuyayobewe ahita amutera umugongo. Ubuzima bwe bwose aburangiza atanga impongano z'icyo gikorwa ku isi.

Nagirango rero namwe ababere urugero mutazagwa muli bene icyo cyago kandi mwali mufite umwanya n'igihe cyo kugihunga.

Kandi rero nawe mukumubabwira ni uko yapfuye, kandi mbere y'ibyo bizazane, nali narabanje kumusaba uburenganzira bwo kugirango nzagerageze kwandika ibyo ngiye mbona mu buzima bwacu twembi. Kugirango mu gihe cy'amatage, umwe agire urwibutso rw'undi. Amuhoze k'umutima kuko twali inshuti z'amagara, kuva mu bwana;

Ubwo ibyo ahita abyakirana ubwuzu n'umutima mwiza cyane. Urumva neza ko atali gushobora kumpakanirira aho kandi yali na Mushiki wanjye" mu by'imiryango! Yali umwana twareranywe, ni hambere, kandi ubu njye ndakabakaba imwe ya Yezu.
Kuliyumvisha rero ko ntacyo nawe namuhimbira cyangwa se ngo mukabilize, ngo uko yitabye immana, kandi yali inkora mutima yanjye.

Aliko kandi ntimuseke, si urw'umwe ahubwo mufatire k'umutima nk'ubwngati niko bavuga mu Kinyarwanda.

Ahubwo duzabe Rurema!
Yewe: nagumye kubikimbira mbisha amatsiko, none ubwo bigeze aharyoshye, nimukube akabero maze mbibahe neza.

Hali n'andi mazina muli buhure nayo, nayo nagirango mbanze mbabwire iby'ayo aha rugikubita.

Hali:

Nyiramfakaramye Jeanne d'Arc: Ni uwo mukobwa w'akataraboneka.

Nzabandora Clément : Ni umwalimu wali mugenzi wa Nyiramfakaramye.

Banyangiliki Théophili: Fonctionnaire muli Ministèri ya coopération

Ntibihezwa Jean de Dieu: uwo ni umusore washakaga gusaba Jeanne d'Arc aramubenga adaseka.

Bizabavaho Dieu Donné: Ni uwali ufite akabali acuruza uducongo n'inzagwa.

Ayinda Paul: Uyu rero akaba umusaza, se wa Jeanne.

Habamahirwe Spéciose: Uwo nawe ni Mwene Nyina wa Jeanne.

Nyiragahinda Primitiva: Uwo rero mwamwibwira : ni nyina wa Jeanne.

Dupont Jean Pierre: Conseiller muli ambassade y'ubufransa mu Rwanda.

Mfuyuruhe Christophe: umuhungu wibera mu giturage, nyine musaza wa Jeanne mu by'imiryango.

Nzaruturamo Taddée: Musaza wa Jeanne kuli se na nyina.

Nimwiyumvire rero biratangiye nk'iby'a cinema.

Nyirapfakaramye yali iki? Yagize ate? Yabayeho ate? Tubitekerezaho iki?
" Si umugani" Nyiramfakaramye, yali umukobwa wo mu bwoko bw'Abasindi. Akaba na none akomoka k'umurenge bitaga "Busindi".
Sinzi rero impamvu y'icyo cyitiliro. Akoko ngirango muzi neza ko Abanyarwanda ba kera bakundaga gutura hamwe mu gatsiko k'umurenge umwe. Bakulikije ubwoko bw'ikinyarwanda. Kugirango barusheho kubana neza no gufashanya, gutabarana se batewe, cyane cyane aliko kugirango barusheho kwungura umuryango ngo urusheho kugira amaboko.
Uretse ububyahindutse! Aliko ubu ho birumvikana ikibitera.

Maze reka twikomereze iby'uwo mwali mwiza cyane, ufite amenyo y'urubura, akagira ishinya y'igikara, mbese reka tuvuge zahabu ngo nijo nziza.

Ababyeyi bali abatindi nyakujya, kandi bituliye imisozi miremire. Mbese namwe mwumve ayo mazina yabo: Hali se akitwa Ayinda na nyina Nyiragahinda? Aliko nta wabagayira amazina, ngo izina ni ilikujije mugabo wa Kigeli!
Ubwo se babuhorwa? ashwi da! n'aho bali amatare. Si bo biyise ko! Abavandimwe ba Jeanne bakaba urwili! Nyamara akaba imfura y'iwabo. Nawe umukulikira rero akaba ubuheta mu rugo ali umukobwa nyine nigeze kubabwira Habamahirwe Spéciose.
Uwa gatatu aho iwabo ni we muhungu witwa Nzaruturamo Tadeyo.

Nyamara shenge aho "Umutindi yanitse ntiliva". Iwabo bitondaga bitangaje bakagira ubupfura no kwakira! Gushyikirana n'abaturanyi aho mu ipoli, yibe n'ubutindi bwaratumaga baba neza sinabimenya. Aliko nabyo birashobòka kuko ngo" Amaboko make atera imico myiza.
Aliko se abagabo nabo ko batihishira, ko nabonaga n'Ayinda yililirwa mu kilima, akahava ajya kwivumbira? Agashali! N'iyo kabaga kitambitse mu jisho ntiyapimaga ibyo kwanduranya! Yalikururukiraga akigira imuhira! Naho ubundi keretse uwashaka kumutera urubwa.

Reka Nyiragahinda we, ntiyali azi hanze y'uruzitiro rw'isambu y'umugabo! Iyo yabaga ajereje akazi uruhande rumwe, ali uguhinga cyangwa se gutera intabire, amaze guteka, akabona urugo rulijuse iwe byabaga ali ubuhoro.
Ntiyifatiraga umusambi n'umukobwa we Habamahirwe bakibohera? Ikindi ki? Yewe, nyamara na Nzaruturamo nawe ntabwo yali afite amarere y'abubu. Reka da! Atiliwe se mu mulizo w'akanyabwoya ka se aho yatahuka akazamugabulira? Yiliwe abungera, Ndakurahiye da! Muti abo bantu wabakemanga iki?

Uwabona rero "Nyiramama wanjye" aliwe wavuye muli urwo rugo ateye ukwe kwa wenyine'wabona ko ali umubyalirano! N'ubundi ngo "Nta muryango utagira ikigoryi!"

UKWIGA KWA NYIRAMFAKARAMYE.

Reka Nyiramfakaramye rero agire amahirwe ajye mu ishuli. Ali nawe rukumbi mu rugo rwa se uje kukijuka. Aliko bahungu kwiga kwe biba ingobati. Bitewe n'ubukene bw'ababyeyi, maze bigiye guhumira ku mirali, imyifatire ye mu bandi ibigira agasitwe. Kwiralira kwe bituma avumwa na bose. Abigisha be bakamureba nabi kuko we yibonagamo nk'Immana yareba umuntu akamubonamo ubusa,Nyamara uretse kwibeshya hali icyo yarushaga abandi? Cyahe cyo gatabwa. Keretse kimwe gusa. Aho wowe ntuli bwibeshye ugirango ni bwa bwiza? Reka da. Ubwiza se buralibwa?
Yabonaga ali igikara gisize, yibonera uwiherewe n'immana afite akabili kanoze agatangira kugira ibibazo byinshi. Akibaza icyo rurema ya-

muhoye! Akibagirwako nyamara ko hejuru ye hali abandi bantu basa n'ingurube baharuyeho ubwoya, akagirango ahali ubwo nibwo buntu. Aho kubabalira bene nkabo ahubwo ishyali ligacumbeka. Bityo rero atangira gushakashaka icyatuma asa n'inyama y'inyoni! Umwenda mwiza ntiyawutangwaho, inkweto mukwambara niwe babalizagaho kuli mode! Atimenye icupa ry'amavuta ku mutwe ntiyabaga ali umukobwa! Izuba ntilivuye ugasanga arashashagira nk'urugimbi. Erega ubwo bigatangira bikajojoba bigatemba ku matama no mu maso. Ahali umenya nawe ibyo gutwika imisatsi, yagiraga se? Reka yali injwili! Urumva nawe ko aliwe wadukanye inzilini kuyisiga! Kimwe n'ibitambaromu mutwe ngo bihishe uwo mwanda. Aliko jye nkibazaaho akura amahumbi aguzwe ibyo byose bikanyobera: Reka nawe iwabo ntibali bakize ngo babimugulire n'ubwo ali ukomwica umutima bwose! Nta kazi yali aliho ngo bigaragare, yibe afite uko yapagasaga muli vacances, cyangwa se Imana ikayamumanulira aryamye si nabimenya. Aliko ngirango ntaho yigeze ikora igitangaza cy'amafaranga!

Iyo mali se iguze ibyo kwangiza ntiba igiye ilira? Ubwo se ayo yose aba atunze abashonji babili kangahe? Yewe ntawarubara! Nyamara nyakunyagwa ntiyibuke ko iwabo bashira nk'abarenge! Yabonye ageze kuli iyo ntego yishyira hejuru y'abagenzi be ngo arabarenze. Nyamara akaba umuswa mu ishuli! Kuko atabonaga igihe cyo kwiga, yagitaga muli utwo umunsi n'ijoro, mu gihe cyo gufata notes nk'abandi we akirorera mu ndorerwamo yahoraga iwe mu bubiko. Akareba ko umusatsi we wahambutse xxxxxxx cyangwa se ko amavuta yashize k'umubili ubwo agahita asaba uruhusa umwigisha ngo agiye kwituma naho ni ukwitotobeka! Ubwo ishuli likibera iryo ngiryo umwaka ugashira undi ugataha. Wowe roho nk'iyo ngo nigire amahirwe mu buzima? Yego dawe ya hali n'abagira umutima mwiza bagira ibyago aliko ugasanga babalirwa. Nk'uwo se wahera hehe? Nyamara bagenzi be mu kumwangabyali ngombwa kuko iyo ntiyali imyifatire mu bandi cyane cyane uli umukobwa.

Yewe yali igicuma mu bindi! Yego kwiryoshya ni byiza aliko iyo ukabije hazamo ingeso z'indi! Kuko we yashakaga kwiremura.

Igihembwe kirashize rero nawe ngo ni umukobwa uvuye kwiga ubwenge, namwe nimwiyumvire igitera inkware ikirungulira. Agatumiza Ayinda ngo azaze kumwakira. Nawe agahibibikana bigacika ngo asanganiye ikibondo kizamukiza !
Agashengurwa n'ivalisi ipakiyemo umugàsiro w'ibitabo ngo nawe ni umuntu ugiye kwigira mu biruhuko. Aragomagira imbere ya se nk'igikomangoma. Ngo ni munyeshulikazi uhinze ngo abaturage bamutinye aho ku murenge. Nyamara se ubwo wumva abisoma ryali? Yabonaga igihe se atagiye kwilirwa abeyabeya aho mu cyaro? Aliko tubivuge tubisubire iyo atiyica ntiyali mwiza aragasiga ubusa.
Ubwo rero yamara kugeraho iwabo akigira nk'igihinza. Barumuna be bakamutinya, bakamugendera kure kuko yabafataga bure. Kuko bo batali barigeze mu ishuli. Niwe wategekaga urugo rwa se bityo agahita yigira ikiroli aho hose, yigira impuguke n'akadakoreka nyamara ali igicucu bidasubirwaho, mwene Ayinda na Nyina Nyiragahinda.

Bene nyina babyukiye mu gishanga mu nzarwe n'urukangaga naho we akabyukira imuhira yoza ikirenge cyangwa se aryamiliye. Nta kunyuza umweyo aho mu kikoni ibyo guteka biragatabwa. Aliko ibyo ntiwabimurengahyiliza kuko baryaga limwe mu munsi nabwo igicuku nikishye.

Saa ine yagera akaba amaze kulimba no kwiryoshya agafata iya rwebeya byo kubunga ngo nawe ni umukobwa ugendereye bagenzi be biganaga n'ubwo batamurebaga bwose: Iwabo baba bavuye ku mushike w'igishanga, bagatangira gufurufumba ngo umwana wabo yiliwe ubusa, kandi yaramenyereye kulira igihe. Barumuna be bagakoboka, nyamara habe no kubafasha umulimo n'umwe! Nyagasani se ubonye yaroreye umulimo n'umwe, aliko nibura akabavugisha! Akaba aliwe mwana mu rugo nyamara kuli jye mwita icyohe. Yewe ni koko "Ibyaye ikiboze irakiligata" Kandi ngo "Ababyeyi bapfusha bahagalitse". Umva urwo si urupfu ni urubozo.

Ese nyine nk'uwo yitwa umwali? Mbese nyine igihe agarukira mu rugo murakizi? Keretse ali uko abonye igicuku kinishye akabunguka! Uti " Ese nk'ubwo yilirwaga he? Sinakubeshya kuko na bagenzi be batumvikanaga, k'uburyo yakwilirwa ngo bifate icyo gihe cyose.

Ngirango n'Immana ishobora byose ntiyahamenya.!

Bityo rero iminsi igashira indi igataha. Ibiruhuko bikihilika. Akabonana n'iwabo agiye kubahagamo amafaranga yo kujya kwangiza no kunyanyagiza ngo aliga ibizabakiza! Barumuna be bakamushagara agiye ngo azabakiza! Byahe byo gatabwa! N'ubundi ngo "Insira ntibwira umugenzi". Kandi Umwana apfa mw'iterura". Ese wowe umuntu ubyirukanye ayo matwara wazamwizera ho umukiro? Uretse ko ngo "Ntawe uta akanyago atagahambuye"? Naho ubundi nyina keretse abo bishobeye! Ahaaaa.

Ageze aho ku ishuli ubwo naho nikwa kundi nk'iwabo mu rugo! Umukobwa data w'i Noramali?! Uwamubona ali kumwe n'impumyi z'icyaro? Cyangwa afashe umukubuzo aliho akubura? Icyo kimwaro yagikwizahehe? Reka reka ibyo ntiyabikozwa!

Gusa aho muli vacansi Mama wanjye we akamushobora, akamutukagura bigacika, bakazirana ibi bya cyane. Kuko yamwenderaga aho amuboneye. Akamukorera ibi bya Mfura mbi. Ati: "Aliko ma? Iyo wiliwe imuhira wowe ntigira isoni? Iyo ubona barumuna bawe bakurusha umutima w'urugo? kandi ali wowe witwa ngo walize? Iyo ubona wicaye imbere y'iyi mbata nta soni bigutera? Ese nk'ubu hagize mugenzi wawe uhatunguka, cyangwa umusore ukugendereye? Wakwifata ute rwose ngaho nawe mbwira!!

Nhaho ra! Nimwige amashuli nzaba ndeba: Kubyara abize nkawe birutwa no kubahamba! Ese iyo mugiye iyo mu mashuli ni ukwiga ubupfayongo? Cyangwa se ubukozi bw'ibibi? Ntureba ko nitwa ngo ndi Nyoko wanyu? Nushaka nkubwilire aha, ntaguhishe ntukangerere mu bana, ntaho bize ejo utazabanduza izo nyigisho! Ntukankize utikijije, uzahamane uwo mukiro wawe. Ese Nyagu? Iyo ubuze inyigisho zo mu mashuli ubura n'ibanga rya "Gikobwa"?

Umukobwa biramutangaza cyane kuko bwali ubwa mbere umuntu atinyuka kumwigabiza! Maze yurahira asa n'ubiseka. Ati "Ego ko mwa Basindi mwe!" Aho si ishyano mbonye? Ese mama, Abakecuru b'ubu barasaze? Nibe ali ubujiji, niba ali ubugare sinabimenya. Urajye ujya kubugira ku mugabo wawe da! Naho mwene Ayinda agusabye amahoro! Ubwo bwakuvanye iwawe ngo uje kuntukira ahangaha ngo urampana umutima? Wabuze kwigisha abawe ngo bajye mu mashuli none ngo uje kwigisha ukurusha ubwenge? Ubwo ibyanjye birakureba? Ubu se urusha mama kurera neza? Uramenye Ma! urusha nyina w'abana imbabazi aba ashaka kubarya! Yewe urakoze ni uko ukuze mba nkumvishije none reka nkureke! Ndakubwira se ngo ushobore kunyumva? Ni uko mama akubitwa n'inkuba arumirwa arataha.

Ati: "Kwana wanjye ntacyo dupfa naguhanaga, none ubwowanze kunyumva baca umugani ngo "Utumviye se na nyina yumvira ijeli. Ikomereze amajyambere yawe!

Nyiramfakaramye arahanyanyaje arangije umwaka wa kane. Kuko nyine yabyiganiraga umwanya w'abananiwe w'ubwenge. Nurumva neza ko muli uwo mwaka wa nyuma yawubuzemo amanota wenyine gusa! Ni uko bamugilira imbabazi bamunagira Diplome ngo azikosora n'agera hanze! Noneho aho ayishyikiliye si ukwitwaralika aremalirako.

Imyifatire ya Nyiramfakaramye mu buzima hanze.

Reka rero muli ibyo biruhuko binini umusore aze kumugenderera! Umukobwa muzima amukubise amaso aratangara. Atangira kwibaza icyamuzanye aho iwabo. Kumuvugisha biragatabwa! Ese wowe ntubyumva? Yali kuvugana n'umuseya ali umu D4 da! Uwamubona yagirango iki? Reka reka! Si ukulita! Nanjye Nyiramfakaramye bagiye kungira "Ikinnyogorero!" Ejo bundi umukecuru yaraje aransibanga none uyu nawe aragarutse? Aho wenda wabona nawe alicyo kumuzinduye! Emwe nanjye mwihorere numve akamuvamo!

Ashyi we! Ubonetse wese! Ubonetse wese? Sinashobora nagende! Reka reka! Bene nka baliya narabarenze! Ngo ni uko ali umuhungu? Azi iki? Yizehe? Umuntu utazi no guteguza?

Ikiganiro cy'Umwalimu, Nzabandora na Nyiramfakaramye.

Dore rero ikiganiro nagiranye n'umwalimu mugenzi wanjye, avuye kwa Nyiramfakaramye amaze kumujujubya.

Kuko Nzabandora yalu mugenzi wanjye duhuye rero aratangira atanganyira, ati: "Uva rero shahu Mfuyuruhe uli mugenzi wanjye, mbabalira ngutekerereze amakuba nagize ngiye gusura umukobwa. Ni uko nti: "Kagire inkuru". Dore ko nanjye muguhimbaza ikiganiro ngana guhamba! Nasetse uwenda gupfa! Ngana icumu rya mugiga! Nti "Bimpe neza! shahu Kilimenti we!

Ahubwo ndetse dufate agatebe tumene ho abili ubwo twali iwacu. Ati: "Nabe nawe urakampaye! Uwagira ibyago yabigira ali kumwe n'umuhungu! Nti: "Aliko shahu umenya ufite icyakubabaje kikagushegesha umutima. Ati: "Have shahu sigaho" Ati: "Ibyo bireke ubwo ubona ngenda ubu narashize.

Ubwo nyine ni Nzabandora utagiye kumwirwa, urwo yabonye kandi yali amaze umwaka gusa yigishije kuva yava muli E.M.A. (Ecole de moniteurs auxiliaires). Aratangiye ati: "Ni ubwa mbere mbona ibyago." Nti: "Ese shahu kandi bite?" Ati: "Erega wigira ishyushyu ndabikubwira ! Ni uko ndiyumanganya ndyumaho ndanuma. Nguhagurukiye iwacu ejobundi buliya rero ngo ngiye gusura umukobwa iwabo mu biruhuko! Uwo nyirakumpemukira rero ngo yibe yitwa Nyiramfakaramye ! Ngeze mu marembo ndasuhuza, aliko ubwo nkaba nali muzi kuko twiganye primeri.

Nti: "Ese shahu Kilimenti uwo mukobwa ko numva nshaka kumumenya ! Atuye ahagana he? Ngo ni ahitwa i Busindi ra! Ubwo akimara kuvuga uwo murenge mpita nkomaho agatima nti "Wikwilirwa uvunika namumenye" Ahubwo uvuge wizigama kuko tugira isano!

Ati: "Reka sha! Arumirwa! Ati: "Nihahandi, reka ngukomereze, abahungu tugira ibanga nizeye ko utazamubwira!
Ubwo rero ngezeyo ndasuhuza ntegereza uwanyikiliza mpera. Ndibwira nti Ubwo azi ikizungu ni uko adahali, aba nyanyikilije, ahubwo iyo mbimenya ngateguza. Aliko se nali guteguza duhuliyehe?

Ubwo mu gihe ndimo kwibaza ibyo gutaha, mbona ahagaze mu ryango. Ubwo arandeba nk'aho atanzi rwose. Ntiyamvugisha mbonye ntacyo ambwiye ndahatiliza mba mugeze imbere.

~~Ubwo mu gihe ndimo kwibaza ibyo gutaha~~ Aho mugabo abonye namusatiliye aba yangejejeho imitwe y'intoki. Ndayakira. Mbonye atanshuhuje inyuma nti n'ubuhoro. Aho ali ku mutima nibwira.

Ni uko nanjye nyuzamo nti: "Aliko se Nzabando? Aho mwali muziranye bihagije? Mbere yo kugira icyo nkubwira? Ubwo umuhungu muzima ahita ancyaha ati: ""Sigaho sha" Nibe nawe ali ukumurengera ubimbwire, ndekere aho kuvuga menshi.
Nti, Ashwi da! Ndamurengera se ngo mukoshe? Ati: Ngaho rero nawe reba imyaka itandatu yo mu bwana, twigana primairi, n'ibili tuli bakuru, uzi nawe za reunion z'abanyeshuli. Urebe urugendo ruvaiwacu kugera iwabo, ubwo koko urabona twayoberannwa dute? Uretse kwirengagiza by'ubungubu? Nti "Yewe ni koko wali umuzi." Aliko ndahomeza muha ibibazo; mubaza igitekerezo yali afite mbere yo kujya kumusura. Ambwira ko mu by'ukuli atali bimwe abasore biha ngo bagiye kurambagiza, cyangwa ibindi bindi. Bimwe dushaka kuryarya no kwona umutima w'abakobwa.

Ati "Ahubwo ni uko nali maze kumenya ko aliwe tuzakorana. Kuko nali numvise ko aliwe uzaza nwigisha aho nigishaga.
Bityo ngenda ngiye kumubaza imvaho. Nawe ntuyobewe ibihuha by'ubungubu abaturage bihaye, nyine abino mu cyaro, byo kumenya amakuru no gukulikira twose. Nyamara kandi bamwe bahuhira ngo babone ijambo mu bandi iyo bali mu runywera. Ninayo mpamvu njyewe nashatse ahanini kumwibaliza. Aliko sha? aho wowe uzi umuntu mzakorana iyo musanzwe muziranye ukuntu birushaho kuba byiza, ndetse n'akazi kakaborohera? Ngicyo igitekerezo nali mfite mu icyo gihe nta kindi nali mfite ku mubwira.

Yeee! Nkomereza rero aho twali tugeze. Hanyuma rero aragusuhuza! Arakwakiliye! Ehh!! Wowe uravuga ibyo kunyakira? Si bwo ahubwo aho mpabaye umwanya munini cyane! Nawe ubwe akaba yantaye aho akajya mu nzu, ubwo njye nkibwira ko ali bugaruke. Namara gushya amaguru

bikubitiyeho n'umunaniro w'urugendo nkukubura ngataha? Namusezeraho akajwigilira mu nzu boshye uwanizwe n'ibijumba? Si nabwo se nyine natashye atamperekeje?
Yewe ga shahu nawe urasetsa!! Wowe se waherekeza uwo mutavuganye? Sha ni koko! Aliko se ye, ubundi se umuco w'Ikinyarwanda, uretse nanjye wali uje kumusura, ntuzi ko n'umugenzi bamuherekeza? Ni iyo aje kuyoboza inzira gusa? Bakamurenza urw'irembo ngo imbeba zitamuhema? Reka rero shahu nawe ugiye gukabya! Burya se wowe niko ubyita? Kandi aba ali ukumureka inzira nyine?

Ubwo se urabona ko Madamazela yali gufinda ko utazi inzira? Ukaba aliyo waje kuyoboza? Nonese ko wumva we yize kuki atambajije ikingenza? Kandi abonye atanzi? Ubwo wowe umugore wawe n'afata atyo abashyitsi uzishima? Hanyuma ujye wilingira ngo inyuma uhasize umuntu? Huu!! Ese wowe uyobewe ikizungu cy'ubunguhu? Byarahindutse da! Ahubwo gitoza kuvuga make! Egokooo! Ngaho nzabandora ra! Erega umuco w'Igihugu turawuciye? Erega ni uko ndeba utangiye kumburanya nkaho ali jyewe wabigize! Oya! sha! Si ukukuburanya ahubwo ndaguhanuza.

Aliko ubwo uzi ukuntu natashye nasuherewe?
Nibaza ko nabigenza n'aho naligitira twongeye guhura? Uko natashye merewe ntiwabyumva umutima wahagaze kubera ako keza kanjujubije rugikubita? Nubu nkaba ntateze kwongera kubyutsa umutwe.
Uzi ko yatumye nzinukwa igitsina kobwa cyose? Kuko nibwira ko buli mukobwa wese ubu ali ko ateye. Yewe sha Kilime! Erega burya abenshi mwigira ubusa! Nkeka iyo balimo gutanga inyigisho abenshi baba bibereye inyuma y'inshuli.

Ese ubu koko nturamenya ibyo abakobwa n'iyo myaka? Umva re! Kandi nanjye aliyo mpamvu nakwegereye, nkakwisunga ngo ube umpa inama? Ngo unambwire ukuntu nabyifatamo?

Umva rero njye nguhe inama. Yego nanjye sinazobereye mu by'abakobwa aliko rero mbizihoo gato. Kubera bagenzi banjye tuganira, no gusoma ibitabo by'urukundo, kandi rero nakubitiraho n'ibyambayeho ntakubeshye, kuko umwe nanjye yigeze kunjyuhesja nk'uko bukeye mperukira aho.

Inama ngiyi rero:
Mbere yo kuvugisha umukobwa nk'uwonguwo, ndetse ni uwo aliwe wese, ugomba kubanza kumenya uko ateye mbere ya byose; yego data simvuga kumumenya wese! Kuko nzi ko bidashoboka. Aliko nibura ukamenya aho abogamiye, ali mu mico cyangwa se imyifatire, Bimwe mu bitekerezo bye, cyane cyane mu byo akora kuko byo bidakunda kwihishira cyane.

Ndetse ukanareba niba hali aho yanyuze mu gashuli, ako aliko

kwose, ukanareba uko yifata muli bagenzi be, hanze utibagiwe no kureba imyifatire y'abamubyara n'abo bava inda imwe bose.

Kuko ngo "Ijya kulisha ihera k'urugo". Kandi ngo "Inyana ni iya mweru". N'ubundi ga ngo" Imfizi y'intama itega nka se". Uretse ko ibintu bihinduka limwe na limwe nk'uwo Nyiramfakaramye!

Aliko se waba udafite uburere bw'ababyeyi waraburenze, ukagirango Nyina w'undi niwe uzagushobora? Cyangwa ngo uzagororerwa mu mashuli? Ndakurahiye da! n'iyo wateka ibiye ligashya.

Nawe rero ni aho wali guhera mbere yo gusagalira mwene rubanda. Erega njye uwo mukobwa muzi neza kuva kera! Ni nayo mpamvu njye ntashobora kumwigabiza, igihe shakiye n'igihe mboneye. Kabone n'ubwo tugira isano mu by'imiryango.! Aliko se shahu Nzabando? Nakurondogoreye nibagirwa kukubaza niba yaraje kwigisha aho wigishaga n'uko hanyuma byagenze. Mbese n'uko mumeranye ubungubu.

Dore shahu uli mugenzi wanjye Mfuyuruhe ntacyo nguhisha! kandi wowe icyo ngukundira ni uko nyoba ukanyobora. Ubwo nyine ukwizera nkugilira gutuma ntacyo nguhisha.

Kandi rero ngo "wasuze agirwa no kunutsa". nanone reka mbikurangilize. Dore mu gitondo cy'itangira ry'amashuli nagiye kubona mbona araje. Aho ubwo mugabo yali yazindutse! Numva rero no kurugi rw'ishuli ryanjye aradondanga! Nti "Kingura" Njye nkibwira ko ali umunyeshuli kuko we nali maze kumwibagirwa. Ngiye kubona mbona niwe . Ni uko ndasuhererwa. Aliko ndihangana nti kingura. Ni uko umwana w'umukobwa aratambuka! Indamutso iba yayindi. Ahita ambaza ati: "Ese ishuli ry'uwa gatanu banyohereje kwigishamo ni ilihe? "

Ubwo musubiza buhoro kandi neza n'ikinyabupfura cyinshi mpagazen nti: "Niko se Madamasele! Ko umbajije utyo ni jye Inspegiteri? Ubwo se uxalikwoherejemo ni igicucu k'uburyo atakuyoboye neza? Ngo agusobanulire aho lihereye?

Ni abili aba ino gusa i Kajumba. Nawe ugende ufate iryo ubona litagira umuntu. Niba kandi uzi ko bansezereye ufate ilingili.

Nyine kandi birumvikana ko nawe aho yali mushya, nagombaga kumunnyuzura. Aliko atali inzika ya wa munsi, cyangwa se urundi rwango rundi. Ahubwo nagirango atazanyigiraho Kagarara, amaze kumenyera. Kuko bene uwo nguwo iyo utamufatiranye rugikubita, ntiwazamushobora amaze kumenyera. N'ubundi ngo "Bagalira yose ntuzi ilizera mbere. Nibyo koko sha! Ese ubundi si nakubwiye? Ngo "Wikaraga k'umuntu uyu munsi ejo ukamukenera?" Kandi wasanga afite roho mbi bikakurushya. Ubwose ntiyicujije? Reka da! we wasangaga ntacyo bimubwiye!

Cyakora nawe yage ze aho agwa mu kayubi abonye kuva ubwo mwihoreye, ni uko nti " ni ubuhoro." Aho ali k'umutima aliko. Nshatse kumugarulira agatima ubwo arananira.
Ni uko nti "boshi ngukingulire. "Kuko ali jye wabikaga imfuguzo z'ayo mashuli yombi. Mbanze nakumenyereze iby'ino ubwo uli mushyashya! Kuko mbona gutangira umwuga w'ubwalimi biragora. Aho ubwo arandeka njya imbere ndakingura.
Mwereka intebe y'umwalimu n'ububiko, ni uko ndangije no kumwereka abanyeshuli bimukira muli iryo shuli ndimanukira. Nta "Merci! nta n'ikindi"! Ntiyashubilije. Erega tubyaranye abo! Sha niba yarashatse kunyereka ko yize akaminuza sinabimenya!. Cyangwa se yashatse kunyereka ko andenze nanjye mba igicucu ngumya gushinyika.

Sinashoboraga kwiyumvisha niba aliko yali ateye, aliko ubu naramutahuye. Nyine muli ubwo busa bw'igihe twamaranye ahongaho, kuko ubwo we yahamaze igihe gitoya ibyo kwigisha biramutsinda. Ishuli alita adasezeye azize gukererwa ho gufata nabi abanyeshuli be. Yiba yaratindaga asokoza cyangwa se atega imimbunda ibyo sinabimenya!
Nta bucucu rero nko gusuzugura abatumva. Ubonye n'abanyeshuli yigishaga kubereka ko abarenze? Akiha kubigisha mu cyongereza, nabwo nyine abo b'uwa gatanu! Atali nibura uwa gatandatu ngo yitwaze ko abategulira uwa gatandatu, ni ubwo muli enseignema bibujijwe bwose yali kubona urwitwazo. Ubwo se wumva utyo icyo cyongereza cya yali azi? Nuko mbonye asibye iminsi myinshi ataza aho kwigisha nuko iryo shuli rye naryo ndifatanya n'irya njye hashira icyumweru. Mpita mbimenyesha Inspegiteri w'akarere nawe kuko yali amuzi ahita abibwira uw'ifasi, nawe rero ubwo ntiyatinda ahita yandikira Ministre ubishinzwe. Kuva ubwo rero bahita bamusuka nanze, bashyiraho undi ubwo bidatinze.
Yewe amakaramu azira akamama! Uzi ko bahise bamuha cote ya mediokre ? Nibura iyo bandika ho ko atazwi muli enseignement, kuko niwe muntu wa mbere nabonye walidutesheje ibi byimazeyo.

Erega ni n'ubwo namuherukaga shenge! Indi service yagiye gusebya yitwa umukozi wayo ubu sinyizi. Aliko sinahamya ko hali akandi kazi yabonye, nkulikije amatwara yali afite kuli icyo gihe.
Nibe atali ak'uburaya yali ashigaje gufata Immana ibimpanire.

Aliko uwanyereka Nyasani ubu shenge ngo ndore uko asa. Nibura ngo ambwire amakuru ye kuli iki gihe. Kuko nicyo kintu cyinteye inkeke kiliho cyane. Yewe sha! Abantu baragwira ko data buja. Yego abana baba ibigwali aliko uwo niwe nabonye wali agahebuzo, mu Rwanda.

Yooo! Se sha Nzabando? burya bwose ni uko byagenze? Sinali mbizi mugenzi. Uwo munyazi yali uwo kubabalirwa shenge! No kuva kera kwose. Koko ngo burya ngo ababyeyi bapfusha bahagalitse, si aka nyina

wamubyaye. Aliko ubu nyine ngo aralira ayo kwalika nako ngo ni amaraso! Yewe ni mu gihe ga aliko aho shahu uzi kubyara umwana akamera nk'uwo kandi aliwe wali utezeho umukiro? Biragatsindwa.

Niba ali ibyo reka nage nze ngutekerereze isabwa rye uko ryagenze.

Isabwa rya Nyiramfakaramye na Ntibihezwa Jean de Dieu.

Ntibihezwa rero nawe yali umusore usoretse nawe, akaba yali umu D4 yigisha muli secteur imwe na Nyiramfakaramye uwonguwo.
Bukeye baza kumenyanira mu nama bagira za abalimu nyine. Baza gushimana, ndetse baza no kwongera uwo mubano urakomera, haziraho n'umugenderano w'abasabana. Bamaze kwemerana ko iryo saba lizaba bashaka ndetse no kubigira vuba ngo bimwe bya Ruzungu". Dore rero uko umusore yabanje kumwandikira. Kuko aliko umukobwa yali yarabimusabye mbere, ngo azabimumenyeshe mu ibaruwa bitali mu magambo gusa.

Karuru, le..........

K'uwo ndukda Jeanne d'Arc,

Maze iminsi nshaka ukuntu nawibonanira nawe, aliko akazi karanga kambana ingobati.
None rero ngutumyeho iyi baruwa ngo igushyikilize ijambo nali ngufitiye kandi maranye iminsi. Maze rero uzi ko ubucuti bwacu bumaze iminsi, none nkaba nagusabaga ko ubwo bucuti bwacu busozwa n'umubano wacu twembi, tukwubakana urugo rukomeye, kandi rero nkaba nkúbaza niba nawe wabyifuzaga ukabimenyesha vuba ahangaha. Kugirango nanjye mpite mbimenyesha ababyeyi bacu twembi; kugirango bye gutinda bya giturage birambanye! Kuko ntashaka ibi bitambiranye.

Mbaye mbashimiye igisubizo muzangezaho bidatinze.

Ugukunda Jean de Dieu.

Ubwo nyamara Nyiramfakaramye we yali akili ku kazi k'ubwalimu; gusa aka reba ukuntu azabana n'undi mwalimu bikąmushobera. Kuzahorotera iyo mu cyaro? Biteye agahinda! Ubwo aliko uwo musore apfa kumureŕeka aho. Ubwo aliko ntiyahwema gushakisha ukuntu yakwibonera undi owo ngo amujugunye. Cyakora ngo naramuka abuze uwo ashaka azapfef gifata uwo nguwo. Ngo ubuze uko agira agwa neza"! Maze dore uko yaje gusubiza ibaruwa y'uwo musore.

Kivumu, le...........

Très Cher Jean de Dieu,

Nkimara kubona ibaruwa yawe ibyishimo byahise binyuzura umutima. Ubwuzu ibineza neza, reka sinakubwira..... None rero nagirango ngusubize vuba kandi uko wifuza.
Amagambo yali akubiyemo yali asobanuye, kandi nizeye ko wayavuze uyakuye k'umutima atali ibikino, kuko nsanzwe nzi ukuli kwawe.

None rero urabona ko uwo mubano wacu twembi unsaba wishi miye rwose kandi sinshobora kuwanga cyangwa kuwitesha: Aliko kuko ntitegeka; kandi nkaba mfite ababyeyi bombi nagirango rero uzabanze ubibabaze nyuma babyemera bikaba binyuze mu nzira nziza.

Amagambo y'uyu munsi ni ayo, asigaye n'ayo ubutaha.

Ugukunda cyane

Jeanne d'Arc.

Ni uko kuva uwo munsi umuhungu anambana icyizere. Atangira gusaba uwo mukobwa ndetse biza kugeza aho baza gukwa. Ikwa lirarangira, ali ko namwe rero mwiyumvire ubukwe bugiye gushya mumve uko byagenze. Namwe mwiyumvire ikibuza umutindi gusinzira. Reka lero umuhungu yikore ajye gusuraumukobwa. Nyine ngo bakorane programmu y'ubukwe bwabo kuko bwali bwegereje. Aliko abanze kumwakindira nyine amumenyesha ko azamugenderera ku cyumweru. Jeanne lero akaba yali afite undi muhujgu wiga i Burayi nawe uzamugenderara. Uwo muhungu ahagera mu masamunani yakodesheje imodoka n'uko araza atumiza n'inzoga baliywera, mu masaa kumi Jean de Dieu aba nawe agejeje ikirenge. Arakomanga umukobwa abanza kumuninira aho bigeze arasindagira arakingura kuko ijisho ryali mimaze guhena. Ubwo umuhungu arabusuhuza bamuha ikirago alicara, ubwo aliko abandi bagumya kuvuguta akabyali ndetse bageze aho nawe baramwibuka bakajya bamwuzuliza mu kirahuli cyabo bakamuha nawe akihera igifu. Niba aliko yagumyaga kubareba cyane simbizi! Aliko akanywa umutima utali mu nda! kuko yarebaga agasanga atali mu mwanya we; agashaka ukuntu yamumenyesha ikimugenza akabura umwanya.
Abonye bimushobeye ashaka noneho ukuntu yasezera ngo azagaruke undi munsi. Kuko yangaga kumuvugisha nabi ngo atamujujubya.

Mu gihe yendaga kwikubura ngo atahe nuko wa musore wundi uvuye i Burayi aranguliza akabyeli k'indeka mu kirahuli aheresa Jean de Dieu. Ahita rero abwira Jeanne ati: "Mperekeza ndatashye, kuko imodoka y'abandi nayitindanye! Nuko bahagurukana ubwo. Umukobwa asiga abwiye Jean de Dieu ati "Hama aho ndaje." Bageze ku

~~xxxxxxxx xxxxxxxxx, xxxxx Bageze ngo~~

modoka umusore ati: Ese ntuza ngo tujyana ko nkugarura vuba? Nonese si imodila; urabona ko tuli butinde? ~~Ese ntuza~~ Umukobwa muzima yinagamo bagenda ubwo yitambika mu makusi amarerwa neza.

Bagiye he? Muli ville.! Gukora iki? Gufuraha! Uwo muhungu amusize he? imuhira! ali kumwe na nde? Ntawe amusiliitse ku katsi gusa? Ubwo se amugiliye neza? Ubwose wowe ntibyiyumvisha ibyo amukoreye? Ni uko. Ntibihezwa arategereza mpera! Abura uwamuvugisha kuko Nyiragahinda we yali yibereye mu gikoni atetse. Naho Ayinda yibereye mu rutoki arushangurulira . Bali batanze umwanya da! Ngo abasore babe bibereye mu byabo ngo niyo majyambere.

HABAMAHIRWE Spéciose we yali yagiye mu guca ubwatsi mu bandi bakobwa kuko abo basilimu yabagenderaga kure cyane.

Nuko rero NTIBIHEZWA abuze uko agira alikubura aratana.

Dore rero icyo yagiye yiyemeje abwira iwabo, ati: "Babyeyi banjye mwansabiye mubishaka aliko none ubu umukobwa yankoreye amarorerwa. Ku buryo mvuyeyo muzinutswe. Inka yanjye ndayiretse inzoga zanjye zigende zihere, isuka n'ikibindi nibatware aliko icyo nshaka n'amahoro. Abakobwa baliho benshi nzaba nshaka abandi. Ababyeyi be rero urumva ko nta kindi bagomba kwongeraho nyuma y'ibyo. Bagwa mu kantu gusa barekera iyo.

Dore uko yandikiye umukobwa.

Karuru, le........

Madamazela Jeanne,

Nkwandikiye igitaraganya nkimara kuva iwanyu kugirango igihe uzabungukira umenye imigambi nafashe nkihava.

Ngirango uzi neza ko nali naragusabye ngukunda, none ngirango ibyo wankoze uyu munsi urabyiyiziye.

None aho kugira ngo dutere amahane, umubano wacu uhagaraliye aha. Ntuzandenganye mwana wa mama si jye ubiteye.

Amahoro meza.

NTIBIHEZWA Jean de Dieu.

Dore rero uko umukobwa nawe yahize amasubiza.

Kivumu, le.....

Bwana Yohani,

Ntibintagaje kubona unyandikira aya magambo.

Ahubwo ugize neza watekereje gukora gutyo? Mu by'ukuli ntugirengo ndababaye. Ahubwo worosoye uwabyukaga. Maze si wowe musore wenyine ugende ushake undi nanjye ndacyali muto sindiheba nzasha ka nanjye undi umutima wanjye uzagwaho.

Ugire amahoro.

NYIRAMFAKARAMYE Jeanne d'Arc.

Ni iyo rero inkuru ya Jeanne y'isabwa rye ubukwe bwe burapfa, ndetse no muli iyo minsi ninabwo yahise ahagalikwa ku kazi ni uko none rero ubu yerekeje iya Kigali. Reka mbakomereze rero naho uko byamugendeye.

Aliko mbere yo kugutekerereza ibyo byose, mugenzi ~~wan~~ ufungure amatwi ukomeze umutima. Sinshaka amalira cyangwa amaseka. Kuko ntagushinyika cyangwa se guhinyura. Dore ko ali nawe ubinyisabiye. Simunegura cyangwa ngo musebye ni mushiki wanjye. Utazavaho unabiseka akazamubyara nkawe. Dore ka na se atahamagaye. Aho yalinze kumunanira we atali yaragoragaje?
Reka se shahu Mfuyuru? Namwihanganiye tukibana nkatw~~sez~~ ubu ageze kure nk'izuba? Ese wowe wabona umuntu wagize ibyago nk'ibyo ukamuseka sha! Ni uko rero ngaho tega amatwi nkubwire kandi rero nkunda umugabo utantaba mu nama!

Uva rero ibyo nkubwiye si inkuru mbalirano si n'impimbano. Ndakubwiza amanyakuri unsiho kuva kera twacudika. Maze ahasigaye twiyumvilire, kandi rero wilinde kumbaza menshi udatuma nteshaguzwa. Simunegura ni mushiki wanjye. Ndabiguha neza uko byagenze, kugirango nawe bigufashe kumenya abakobwa. Ndetse no kugirango abadashobotse ujye ubaha inama, nibakunanira ubareke aho kuryitesha.

Ntabwo nawe uyobewe imbaraga zabo zituma biyenza ngo wenda babona umwanduranyo. Ndetse no kugirango nkwemeze ko nvuga imvaho, ndi bukwereke ibaruwa yandikiye ageze iyo ali. Uzabigire ibanga ni wowe mbwiye. Aliko shahu ceceka. Aliko mbere ya byose banza umenyeshe aho ahagaraliye muli iki gihe. Ese ko umenya uli intumwa, ntitwasezeranye kutandogoya? Kandi wabona mbwyihoreye. Oya ngaho komeza sinongera rwose. Aliko rero ubigire ibanga: Umva re! Aliko wowe uyobewe iyifata ryanjye. Naho rero nimbisanga hanze bizatuma ducana umubano. Naho unbundi ubyitayeho byatuma umenya n'abandi umutima w'abo. Kuko we yaralitaye urwe rwarushe. Ahubwo na bagenzi be bumvireho. Urubategereje niba nabo bifashe nabi. Batazavaho bibeshya ko kwiralika bigira umumaro.

Erega shuhu, ntaho ubeshya, kuko hali umwana w'inshuti yanjye wigeze kumbwira tuganira ati: Urucuruzo ruragwira ko Data buja" Kandi uzi ko mu Rwanda tutavuga kimwe cyane n'ubwo igihugu cyacu atali kinini cyane bikabije. Aliko numvise iyo mvugo ye n'iyo nteruro mbitekerezaho numva binyuze amatwi n'ubu uwo mwana ali kure, aliko mpora mutekereza, nkanamwikundira kubera imico ye myiza n'ibitekerezo bye yihoranira.

Twakundaga rero nawe kuganira bene ibi biganiro tukavuga byinshi bikanatwigisha ibindi bifitiye abato akamaro. Nabitekereza nabona n'ingero zabyo ngatangara. Aliko se sha! Uretse ibyo kuba icyo he wakwilirwa ujya kuragira iyo uzi ko ilibutembe?

Ngo ibe yalinda igusigamo imvune? Yo kagwa mu rugo? Niko se di Mfuyuru! Kurushywa n'ubusa kandi ubizi si amakuba? Uwo muruho nawuhunga ahubwo ngafata indi nzira, cyangwa se ngasaba inama.

Aho kwiyemeza ngo ndihagije kandi ejo bikangaruka.

Ako kali agaparu, n'ubundi ngo agaparu ni agasheke je. Maze rero reka nguhe umwanya ungarukire kuli ya makuru ya wa mwana w'umukobwa unkomereze aho twali tugeze.

EEEEEh, EEEEEh! Nibyo koko sha! Nali nabyibagiwe. Nuko rero mumaze kumuhilika muli enseignema, amaze nawe kwitesha umusore wali kuzamufasha mu byago, ubwo ahita nawe agana iyo mu mijyi.! Ngo agiye gushaka akazi keza ko mu basilimu. Ngo no kuba mu cyaro yali amaze kubisaya!

Yagiye ambwiye ati: "Aho uzi kubana n'injiji sitazi na limwe ko umuntu ashobora guserebera no guseba bidasubirwaho? Nti: Wakwigumiye n'aha ra! ukamenyera ko akabi kamenyerwa nk'akeza? Ngo: "Reka reka utansuzugura! "Ukaba unshyize hasi. Nungamo nti: "Ese ubu abatubyara bo wabagaye iki?
Mbonye tugiye gutongana kandi dupfa ubusa, kandi nzi ko buli muntu agomba uburenganzira bwo gutekereza no gukora icyo yumva kimumereye neza mu gihe nta wundi muntu kibogamiye, ni uko murekera amahoro yifuzaga. Nti "Ngaho Nyakubyara uyu mwanya ni uwanyu!"
Genda nzaba ndeba akawe! Nti nugera ku ntego ugamije urage wibuka abo usize inyuma!

Ansezeraho neza numva ndanyuzwe ku mutima "noneho njyewe sinzi icyo nisize!".

Ubwo nkaba nali mfite magana abili aho ku mufuka gusa, mpita musingilizamo ijana; aliko rero icyo gihe ryali ligifite agaciro bitali nk'ubu nti: "Umbabalire kuko ubu usanze nkennye, aliko mfa gushyikira iyo mpamba; uzayigura "Fanta" nibigukomerana.

Nali nzi ko yize kandi agiye mu ruganda rw'amafaranga agomba kuzakira byanze bikunze ninayo mpamvu ntashobora kwisibira amayira mugilira nabi kuko wenda yali kuzandengera nanjye ngeze kure kuko no mu "Kinyarwanda" baca umugani ngo" Umukobwa ni nyampinga".
Ubwo aliko agatima kagerako kagakomaho nkibaza nti: "Mbese Nyagasani ko ntarutambulira imfusha ulubiza uliya we ni uruhe?.

Bikambana ikibazo kinini ntashoboraga kwisubiza muli ubwo busa bw'igihe kuko ntacyo nali nakamumenyaho.
Bityo bimbana urujijo, nsigara mu kantu, Nashobewe!

"Mbese bikubana urudaca" Ni uko shahu Nzabando" Aho ahubwo urangobotse. Iryo niryo jambo nyakuli. Komeza aliko nagirango ngusongere mu magambo. Dore rero ibindi bibazo nibajije akimara kugenda.

Agiye he? mu mujyi. Kwenda iki? Gushaka akazi! Kwande? Ntabwo nawe ubwe akazi. Kazi ki? ntabwo akazi. N'akabura se ubwo azamera ate? Ntakabuza azandavura kuko i Kigali ntihakinishwa! Nali amafaranga yali apfunyitse? Nta nalimwe Emwe habe n'ihafu? Uretse rya janalimwe gusa nalimunagiye! Lizamumalira iki? Kigali ko mpazi? Sinalubeshya! Nonose ko aliryo nali mfite gusa nali kwiyahura? Oya da! N'aho ndetse ngira ubuntu! n'ubundi butiza urugi!

Niba se yarabonaga ko azamererwa nabi ibe yararoreraga kujyayo? Umva shahu rero nawe ngo urateta! ubupfayongo se bwamukundiye?

Maze rero shahu nawe Nzabandora ureke wiyumvire ibyago bye! Agize guhubuka mu rugo iwabo batabizi, ngo agiye iyo ntazi kwangara! Nta nabusa abasigiye kandi aliwe wabonse akabanyunyuza! akabica urw' imbwa! Akaba abasize iheruheru! Ni uko mbese wabimenye! ndumva unkulikira neza cyane.

Ni uko mbonue arenze atakigarutse nanjye ndatangira ndibwira nti: "Uliya mugwagasi nahannye none akaba amaze kunanira, none akaba yifashe kuliya, ni agende azaboneraya rubi.! Dore ko nanjye nsa n'umupfumu. Biza avuga.

Nyamara iwabo babonaga ngo acagura imyenda, ishaje anagira bene-Nyina bo bakibwira ko agiye kumesa! Naho indi alimo kurunda mu ivalisi yaguliwe n'iwabo akijya mu mashuli makuru. Naho ubwo ntibamenye ko we bucya yatumutse! Yohoshye: ni uko mbese wabimenye!

Yajiraye kú kababa inkoko niyo ngoma! Bigeje je mu museso arabyuka iyarutura, nuko afata iya "Rwebeya" Ati: "Kwaheli n'icyaro"! Erega mugenzi ntiwumve utyo ngo ugirengo ni ukumutuka, cyangwa se ngo ni ukumwanga reka da! Ahubwo ni ukubura uko namugira, nawe urebye aho asize iwabo ntiwaba ukimuciliye n'akali urutega! Ahubwo iyo niyo mvugo ikoreshwa bene abo bana bigize ibyomanzi! Bigize kagarara.

Ubwo nyine nawe urabyumva si uko ali umukobwa tuvugiraho gusa ahubwo ni abana bose ali abahungu cyangwa se abakobwa batangiye kwigira bya "Rutare".

<u>Urugendo rw'iyo Hogoza rero ryahogoje abasore.</u>
Aho mugabo abane amazuru ntibabura n'imigisha y'akanya gato. Sha: Dore nawe ibaruwa yanyandikiye akimara kugera iyo ali, yerekeye nyine iby'urwo rugendo.

Yanyinyandiye mu gifransa aliko ndagerageza kuyisobanula mu "Kinyarwanda". Ubwo se yalindaga kunyandikira mu gifransa yali ayobewe ko amashuli yanjye angana! Yali ayobewe ko ntaho nize? Ntawa-

murenganya aliko kuko wenda ahali abageze mu "Kizungu" babujijwe kwandika i "Kinyarwanda! Ubwo se yalindaga kunyandikira igifaransa yali ayobewe uko amashuli yanjye angana? Ntawamurenganya aliko ubwo wenda yageze mu kizungu amaze kwibagirwa urulimi rwacu mbese ~~mbwxxwendxxyxgezexxmxkixxxgxxxxxxxxkx~~ ubu n'igifaransa ab'iyo bose bakoresha gusa? Nicyo da! Noneho nibyo ndamwumva.

Ilindi zina ryanjye rero ni Christophe, ntibigutangaza kuko burya ndabatije n'ubwo nomera bike. Nako reka ibyo tube tibicumbitse, turebere hamwe iby'iyo baruwa ya Jeanne d'Arc kuko niryo zina rye nawe lindi ryo mu idini. "Abapadri aliko ndakeka ko nabo baba baratashye igihe bamusukaho amazi cyangwa se ayo mazi ntacyo amaze. Umva umuntu n'akazi ke, kandi nawe tumurekere umutima nawe siwe.

Dore uko atangiye.

Kigali, le..........

Cher Frère et Ami Christohe,

Nkwandikiye iyi baruwa ngutashya cyane, kubera ko ngufitiye urukumbuzi rwinshi cyane, kandi ni wowe nshuti y'amagara nagiraga, Urumva ko ntabura kuba ali wowe nabanza kugezaho amakuru yanjye, kuko ali wowe nizeraga cyane, nawe urabemera.

Ubu rero shenge nagirango ngutekerereze amakuru y'urugendo rwanjye, kuko nabonye rutangaje cyane. Kuko rero ntarabona umwanya wo kwandikira ababyeyi banjye uzaba ubanyuliyemo mu makuru yanjye n'aho ndi ubungubu mu gihe bategereje ko mbandikira.

Burya rero tumaze gutandukana, ngende nguhagaralire ku muhanda munini, nta faranga mfite ku mufuka uretse rya jana wamfunyikiyeho impamba, ndetse ryakuye ahaga! Ninayo mpamvu mboneyeho umwanya wo kugushimira byimazeyo di! Imana iguhe amahoro n'amafaranga. Nzahora ntekereza iyo neza kugeza gupfa. Amaherezo ngomba kukwitura! Ndetse yiba limwe wali kuzanyarukira i Kigali twabonana!

Nuko rero ngira ntya mbona imodoka y'umuzungi iraje. Nuhagarikana amasoni soni menshi cyane. Iby'imana mbona arahagaze, turagenda n'ubwoba bwinshi, kandi ali nakwo igitima kidiha. Ngirango aransha amafaranga! Kuko ubwo hali hamze kuba mu ma saa kumi n'igice, kuko nali nagumye guhagalika izindi zanga nabuze icyo ntanga kuko amafaranga yali atuzuye. Naratesetse wowe!

Ni uko ati "Ese uragana he Madamase? Nti "I Kigali".

Ahagana he? Kuli rond point. Kuko ntahandi nali nzi ngo abe aliho mubwira ngo ahangeze. Ni uko tuhageze ngira immana ntinyumbaza na limwe.

Nawe urumva ko namushimiye byimazeyo. Aliko niba yali umupadri simbizi kuko numvaga anvugisha mu kinyarwanda.

Ni uko nkanaguzwa amaso hirya hino, mpabura umumenyi. Nshaka wa muzungu ngo mubwire ajye kuncumbikira ndamubura nd'anga yagiye nicuza impamvu ntamubwiye hakili kare!
None nali kubigira nte? Ko nali mbuze uko ngira?
Nyuma nza kwibuka ko muli home hali umukobwa twiganye muli ishuli kera witwa Uwimana; ni uko njya kumubwira ngo ancumbikire n'ubwo kw'ishuli twanganaga urunuka! Ni uko ndahabaliliza mbona ndahamenye, hanyuma ndarayo mbona iryo lirakeye!

Yewe: Amaburakindi yihetsa umwanzi! Bukeye cyakora mvayo ngumya kurarataguza ntyo hose hirya hino.

Amezi abili alinda yihilika atyo yombi nta kazi mfite. Ewe uretse n'akazi nta n'icumbi lifashije nalimwe nali mfite.

Sinzi rero ukuntu naje kubona akazi ko kuba "Vendeuse" mu iduka ry'umuhinde mpakora amezi atatu gusa, ashize ndahava kuko nyine we yampembaga make cyane reba nawe ibihumbi bitatu gusa yampaga i Kigali kandi nkubitiyeho no kuba umukobwa nvuye mu cyaro ngikeneye kwifata neza nk'umukobwa w'umujyi. Nkigabulira nkucumbikira nkagira no kwiyambika. Ni uko ndongera nirenza andi mezi atandatu ndi shomeli.
Ubuzima burongera bumbera bwabundi.

Nyuma hali umuntu w'inshuti yanjye twali tumaze kumenyana waje kunsabira kujya kwiga imashini yo kwandika ahanti bita i Gikondo. Umwak urangira nanjye menye kuyandikisha. Ubwo nyine nkirangiza muli Ambassad y'U Bufaransa bahita bansmira mu birere ngo njye kubabera umukozi. Ubw akazi ndakahashitura ako kanya. Ubu kandi mpamaze amezi abili. Aliko niba hali umuntu uhamerewe neza ni njye! Kuko ubu bantangije bitandatu kandi ndacyali mu igeragezwa. Ukwezi gutaha rero bambwiye ko bazampamb ibihumbi cumi. Limwe na limwe rero abo bafaransa nabo rero bagumya kun mbereza, tukajya muli za week-end, ubundi twaba ntaho twagiye, bakantu ra iwabo mu rugo. Tukaganilirahho bityo sinumve ndambiwe kubaho. Aliko sinakwilirwa nkubwira ukuntu nabanje guteseka; mbere y'ubu buzima bwi mfite. Mbese nawe wabyiyumvisha ko nali ngiye guserebera.
Yewe ni amabanga nzi ko byakubabaza, mbikubwiye ubu. Nzaba mbiguha uj kunsura kuko muli iyi minsi itaha ndateganya kuzagutumira, ngo uze k uko merewe, ngutembereze muli Kigali ujya wumva! Kandi nakwereke n'i nshuti zanjye z'Abafaransa.

Cher Frère, ngusezeyeho asigaye nzay kugezaho ubundi, ubutaha ko nawe ntuzatangwe kungezaho amakuru yo muli icyo cyaro cyanu, kuko yacyeneye cyane. Kandi uzantahilize abantu bose bantashya.

Ta soeur Nyiramfakaramye Jeanne d'Arc.

" SI UMUGANI"

# NYIRAMPAKANYE

# YAPFUYE URWO BASEKA.

++++++++++++++++++++++++++
++++++++++++++++++++++++++

NKERABIGWI - MUBERA Gratien

Abantu benshi, bambbira ko bakunda iki kiganiro, tugirana. Koko rero abagira amatsiko, umwete w'umubyeyi, bakunda kugishililira ubute, bagikulikira cyane, kuko bumva kandi bakagikundira akamaro kanini kibafitiye.
Naho rero abarambirwa vuba, bo bantererana, bidateye kabili, nibura ngo babanse basogongereho, nabo ngo biyumvire ubwabo uko biryoshye batagombye kusabibalirwa, ahubwo nabo ngo basabone icyo babara!

Nyamara usanga abamenyereyebo,bifuza guhamana na njye iteka; "Umumararungu", kuko bareba bagasanga ntayindi nshuti nsisa banguranа nayo. Kuko? Kuko nkunda kuganira, kandi nkagira ibanga.

Ali abato ali abakuru, buli wese tuganira ibimwerekeye, kandi binamushimishije. Ahubwo ibiganiro ngiranye na buli muntu ukwe, ndabivangura, kugirango umukuru maganilire iby'abato b'ubu, umuto nawe kandi, mumenyeshe iby'abakuru batubyara.
Bityo buli wese akabona mo inyigisho simubereye, kandi sihuje n'abatwa ra y'iki gihe tugezemo. Kuko buli wese aba ashaka guhuguka mu bintu by'ibyo bigero byombi.

Ntawe utaliboneye uko umuntu muto iyo ahuye n'usheshe akanguhe uko bigenda! Baratinyana rukabura gica, ntibashobore kuganira ngo bashyikirane bihagije, koko baba banyuranyije amatwara, n'ibitekereso.
Nyamara, uwo mukato unyuze hagati y'ibyo bice byombi, wagombaga gusibangana. Kugirango ubumwe, umushyikirano, ubukijurane mu bantu bishobore guterera iyo mpinga ndende kandi rihanije kusamuka.

Bityo, ninabwo igihugu cyakwitilirwa iryo sina ryacyo, ali naryo nyakuli, dukomeje kwungura uwo muco n'umubano wacu wa "Kinyarwanda", ali nawo wa "Gihanga" dukesha abakurambere navuze haruguru.

Uruhare rwacu natwe abato ni ukurushaho kuwukungahaza, no kuwuvugurura, aliko tutawutesheje ishusho ryawo wa "Kamere-Nyarwanda."

Ibyo rero ndibubabwire mu mwanya uje, ndibwibande ahanini k'uby'urubyiruko, nibyo menyereye, kandi ahanini nanarwo runshishikaje. Ngirango nta n'undi rutatashishikasa, kuko utaramenye ikibazo cyarwo, cyangwa akiyumvisha, ntacyo amaze.

Icyo kibazo ni icy'igihugu cyose, ni icya buli mubyeyi uwo aliwe wese, cyangwa se undi muresi wabyitangiye; Mbese ni icya buli Munyarwanda" wese urutuye kandi ukunda igihugu cyimubyaye.

Alu uwabyaye, ali ingaragu, ndetse n'kivuka usanga alicyo akurana. Kurumva rero ko niyise "Nshuti ya Bose "naba ntibeshye kuko aha buli wese ahafite mo uruhare runini mu gipande kimwerekeye, kandi afitemo ubushobozi bwo kwubaka igihugu cyacu.

Ali abakuru muli twe batwumve baduhe inama. Abato natwo kandi ntitwiyumvilire ngo twinumire. Ngo tuvugire agati mu ryinyo, ngo bise ngarame ngo bisisena.! Oya ra, aho twaba twibeshye bikomeye, ninaho ibyago byacu bitangilira. Ubwo urumva ko ntaho twaba dutaniye n'inka bashobaramu cyusi, itasi impamvu, ntinabaze. Ibyo rero u Rwanda rushya rurabyanse cyane! Bushatse kwifata dutyo badushakira, urwuli, bakarusitira, tukiberaho ngirango rero nta n'umwe wifusa ibyo ko byamubaho!

Ahubwo rero rubyiruko ibyo tubirwanye, turushaho gutekeresa ukuntu twarushaho kubaho dukulikije amatwara y'igihe tugezemo, naho ubundi twatanzwe.

Ntakugirango twerekwe inzira y'uukiro tuyiteshe, cyangwa twange inama zingirakamaro, ngo byinjilire mu gutwi kumwe bisohokere mu kundi; icyo gihe twakwitwa "IBIRUMBU". Iryo zina naryo rero ntawe uryishimiye na gato, uretse nyine babandi ba "RUJEBEJEBE" bapfuye umutima bakivuka aliko nabo tubarwanye, aho bali hose, kuko baradusebereza izina duhuliyejo "URUBYIRUKO".

Ubundi rero usanga hali aho bamwe twibeshya ngo turakora ibyacu, bya gisore ngo bya "Kijyambere" kandi nyamara bidafite icyo bishingiyeho n'icyo bigamije bisatugezaho.

Umuntu mukuru yavuga" Ngo ceceka wa mbosi we" Ngo iljya njiji ko isi igiye kuyirangilirahc, kandi irarondogora mu biki? Undi ngo mwihorere shahu yabiye bwana!

Ngo buliya se ugirango asi aho igihugu kigeze?
Nyamara kandi amagambo ye baba basuzuguye, yasuye mo ibitekerezo n'inyigisho nyinshi, s'ingirakamaro. Kuko abashingiye ahanini kubyo yiyumviye ubwe, cyangwa se yiboneye, ali nabyo byatumye agera aho yigejeje!

Ahubwo twebwe rubyiruko dukwiye kubyumva, tukabitekerezaho, tukabijagagaga, tugatoratorame ibihuje n'amatwara y'igihugu tulimo bityo tukagera ku kinti kigaragara kandi kiboneye igihugu.

Brega n'ubundi ngo "ugutanze mu kibo aguhasa intore" Uwaciye uwo mugani se yalibeshye ntimujya mubyibonera? Shaka shaka icyatuma urushaho kumererwa neza uhungiye kureumuvumo w'ababyeyi wananiye. Kubera uburangare, ubwiralike, ubwiyandalike, uburara n'ubwomansi, cyangwa se ubwirare budafite epfo na ruguru, tukirengagisa imilimo

idufitiye akamaro ngo turangamiye ubukarani tutasi na bwake bute. Kandi atawe utasi ibyago izo ngeso mbi zisana mu bana bifashe batyo bakibyiruka. Ndetse hakaba ubwo bamwe basikurana k'uburyo usanga na bamwe twakwita basheshe akanguhe balita mubo babyaye, kuberako basikuranye mu gihe bali bararenze ihaniro!
Ibyo rero usanga bitesha bene abo agaciro mu gihugu hose.

Ibyo nero nkabona byatuma duteshuka k'umugambi twasezeranije "Umubyeyi w'u Rwanda" Wo kumufasha kwubaka igihugu cyacu, mu mahoro, ubumwe n'ubwitange bwa buli wese mu rwego rwe. Cyane cyane twebwo urubyiruko.

Tanga gato ufite, ejo usatanga kanini utasi kandi utavunitse. Twebwe rero rubyiruko twakora iki mu bintu? Ngibi: Si bikeya kandi si byinshi k'uburyo twavuga ko bivunanye.
Twumvise inama tugibwa, tukarwanya uburara n'ubugwaâibi, ntitube ibigwali, tugahagurukira imilimo y'amaboko n'indi yose dushoboye gukora, mu ntego rusange yo kwubaka igihugu cyacu, mu nsira iboneye amajyambere tugezemo;

" NIWO RUGANDA RUTURA."

Reka rero turebere hamwe ibitubusa kugera kuli iyo ntego yiigihugu y'ingirakamaro maze tugeragese kubyilinda.

Dore urugero rubitwumvisha neza:

SI UMUGABI : <u>NYIRAMFAKARANYE YAPFUYE URWO BASEKA</u>.

Navutse nkubagana na n'ubu kandi sindacogora kuli iyo ngeso mbi . None mungire inama y'ukuntu nasabigeka. Gusa kera nakubaganaga rwana aliko ubu nsigaye nkubagana" Kigabo" Akenshi ubukubaganyi bwigisha byinshi, aliko iyo umuntu arengeje igipimo, biba bibi ndetse bikaba byanamuviramo ibyago. "K'uburyo umuntu yagwa mu rusi arwita ikisiba"

Ubu rero nanjye nkaba nishimiye kwongera kubona umwanya wo kuganira namwe hano, ngo mbanyuliremo bimwe na bimwe nagiye mbona muli ubwo bukubaganyi bwanjye. Si ukubatera igihe ahubwo ni ukugirango namwe mubikulikirane neza mubikuremo isomo rya kigabo lisabagilira akamaro.

Erega n'ubundi ngo abana bose hi bamwe : Gusa iyo bamase guca akenge nibwo bashobora kubatandukanya bavuga bati "Kanaka uliya asaba imbwa, undi ngo "ni umuhemu" Naho undi rero ngo ni "Igisambo". Bitewe nyine n'amatwara yabo babona babyirukanye.

Umva rero nanjye nabonye byinshi aliko uyu munsi ndabanyuliramo duke kuko igihe ali gito; Ibisigaye tuzajya tubicagagulira aho dhuhuliye, mu gihe dufite akanya gahagije nko mu gitaramo, mu kiganiro nk'iki se n'ahandi......

Cyakora mu byo ngiye kubabwira, ntawe mpitiyemo ngo akora atya, ahubwo tekeresa nawe urebe aho igihe kigeze nawe wibase iby'iyi si si uko byifashe. Wibase nawe uti: "Nk'ubu se jyewe mbalirwa mu kihe gice?" Maze icyo wisubiza araba alicyo." Kugirango nawe utazata uburongo n'abana b'abantu"

Bityo ugahinduka "Ruvumwa" Kandi bitali ngombwa.
Ngirango namwe mwagiye mubyibonera, abantu bagiye bifata batyo uko byagiye bibagendokra!. Erega n'Immana iratanga ibihano kuli iyi sinuko tutabyitaho ngo tubimenye!
Utabyenera rero nafatire urugero kuli ibi bikulikiye ngiye kubatekereresa!

" SI UMUGANI, NYIRAMFAKARAMYE YAPFUYE URWO BASEKA!

Aliko mbere yo gutangira iyi nkuru ishimishije cyane nagirango mbanze nisegure ku bahuje izina na "Nyirapfakaramye bose" Ngirango rero muzi ko abantu benshi bitiramwa kandi batasiranye cyangwa se badaturanye. Bagati aha rero murumva ko umuntu atasira amakosa y'undi ngo ni uko bahuje amazina baba bitiramwa.

Muli awe rero, ntihazagire uwikeka cyangwa ngo akeke mugenzi we k'ubusa ngo ni uko yitwa atyo.

Ahubwo uwo tigiye kuganira hano, ni "UMUKOBWA "nyine witwa "Nyiramfakaramye wibwiraga ko ali mwiza cyane, ndetse ahubwo tugira isano mu byo imiryango, ni uko Immana iza kumuha amahirwe arayitesha, nayo rero ntimuyayobewe ahita amutera umugongo. Ubusima bwe bwose aburangisa atanga impongano z'icyo gikorwa ku isi.

Nagirango rero namwe ababere urugero mutazagwa muli bene icyo cyago kandi mwali mufite uwwanya n'igihe cyo kugihunga.

Kandi rero nawe mukumubabwira ni uko yapfuye, kandi mbere y'ibyo bisazane, nali narabanje kumusaba uburenganzira bwo kugirango nzageragese kwandika ibyo nagiye mbona mu busima bwacu twembi. Kugirango mu gihe cy'amatage, umwe agire urwibutso rw'undi. Amuhoze k'umutima kuko twali inshuti z'amagara, kuva mu bwana;

Ubwo ibyo ahita abyakirana ubwuzu n'umutima mwiza cyane. Urumva neza ko atali gushoborą kumpakanirira aho kandi yali na Mushíki wanjye" mu by'imiryango! Yali vmwana twareranywe, ni hambere, kandi ubá njye ndakabakaba imwe ya Yesu.
Muliyumvisha rero ko ntacyo nawe namuhimbira cyangwa se ngo mukabilise, ngo uko yitabye immana, kandi yali inkora mutima yanjye.

Aliko kandi ntimuseke, si urw'umwe ahubwo mufatire k'umutima nk'ubwngati niko bavuga mu kinyarwanda.

Ahubwo dusabe Rurema!
Yewe: nagumye kubikimbira mbisha amatsiko, none ubwo bigeze aharyoshye, nimukube akabero mase mbibahe neza.

Hali n'andi masina muli buhure nayo, nayo nagirango mbanse mbabwire iby'ayo aha rugikubita.

Hali:

Nyiramfakaramye Jeanne d'Arc: Ni uwo mukobwa w'akataraboneka.
Nsabandora Clément : Ni umwalimu wali mugenzi wa Nyiramfakaramye.
Banyangiliki Théophili: Fonctionnaire muli Ministèri ya coopération
Ntibiheswa Jean de Dieu: uwo ni umusore washakaga gusaba Jeanne d'Arc aramubenga adaseka.
Bisabavaho Dieu Donné: Ni uwali ufite akabali acurusa uducongo n'inzagwa.
Ayinda Paul: Uyu rero akaba umusaza, se wa Jeanne.
Habamahirwe Spéciose: Uwo nawe ni Mwene Nyina wa Jeanne.
Nyiragahinda Primitiva: Uwo rero mwamwibwira : ni nyina wa Jeanne.
Dupont Jean Pierre: Conseiller muli ambassade y'ubufransa mu Rwanda.
Mfuyuruhe Christophe: umuhungu wibera mu giturage, nyine musaza wa Jeanne mu by'imiryango.
Nsaruturamo Taddée: Musaza wa Jeanne kuli se na nyina.

Nimwiyumvire rero bitatangiye nk'ibya cinema.

Nyirapfakaramye yali iki? Yagise ate? Yabayeho ate? Tubitekeresaho iki?
" Si umugani" Nyiramfakaramye, yali umukobwa wo mu bwoko bw'Abasindi. Akaba na none akomoka k'umurenge bitaga "Busindi".
Simzi rero impamvu y'icyo cyitiliro. Akoko ngirango muzi neza ko Abanyarwanda ba kera bakundaga gutura hamwe mu gatsiko k'umurenge umwe. Bakulikije ubwoko bw'ikinyarwanda. Kugirango barusheho kubana neza no gufashanya, gutabarana se batewe, cyane cyane aliko kugirango barusheho kwungura umuryango ngo urusheho kugira amaboko.
Uretse ububyahindutse! Aliko ubu ho birumvikana ikibitera.

Mase reka twikomereze iby'uwo mwali mwiza cyane, ufite amenyo y'urubura, akagira ishinya y'igikara, mbese reka tuvuge zahabu ngo niyo nziza.

Ababyeyi bali abatindi nyakujya, kandi bituliye imisosi miremire. Mbese namwe mwumve ayo masina yabo: Hali se akitwa Ayinda na nyina Nyiragahinda? Aliko nta wabagayira amasina, ngo isina ni ilikujije mugabo wa Kigeli!
Ubwo se babuhorwa? ashwi da! n'aho bali amatare. Si bo biyise ko! Abavandimwe ba Jeanne bakaba urwili! Nyamara akaba imfura y'iwabo. Nawe umukulikira rero akaba ubuheta mu rugo ali umukobwa nyine nigeze kubabwira Habamahirwe Spéciose.
Uwa gatatu aho iwabo ni we muhungu witwa Nsaruturamo Tadeyo.

Nyamara shenge aho "Umutindi yanitse ntiliva". Iwabo bitondaga bitangaje bakagira ubupfura no kwakira! Gushyikirana n'abaturanyi aho mu ipoli, yibe n'ubutindi bwaratumaga baba nesa sinabimenya. Aliko nabyo birashoboka kuko ngo" Amaboko make atera imico myiza.
Aliko se abagabo nabo ko batihishira, ko nabonaga n'Ayinda yilililwa mu kilima, akahava ajya kwivumbira? Agashali! N'iyo kabaga kitambitse mu jisho ntiyapimaga ibyo kwanduranya! Yalikururukiraga akigira imuhira! Naho ubundi keretse uwashaka kumutera urubwa.

Reka Nyiragahinda we, ntiyali asi hanze y'uruzitiro rw'isambu y'uhugabo! Iyo yabaga ajerejo akasi uruhande rumwe, ali uguhinga cyangwa segutera intabire, amase guteka, akabona urugo rulijuse iwe byabaga ali ubuhoro.
Ntiyifatiraga umusambi n'umukobwa we Habamahirwe bakibohera? Ikindi ki? Yewe, nyamara na Nsaruturamo nawe ntabwo yali afite amarere y'abubu. Reka da! Atiliwe se mu muliso w'akanyabwoya ka se aho yatahuka akasamugabulira? Yiliwe abungera, Ndakurahiye da! Muti abo bantu wabakemanga iki?

Uwabona rero "Nyiramama wanjye" aliwe wavuye muli urwo rugo ateye ukwe kwa wenyine wabona ko ali umubyaliramo! N'ubundi ngo "Nta muryango utagira ikigoryi!"

## UKWIGA KWA NYIRAMFAKARAMYE.

Reka Nyiramfakaramye rero agire amahirwe ajye mu ishuli. Ali nawe rukumbi mu rugo rwa se uje kukijuka. Aliko bahungu kwiga kwe biba ingobati. Bitewe n'ubukene bw'ababyeyi, mase bigiye guhumira ku mirali, imyifatire ye mu bandi ibigira agasitwe. Kwiralira kwe bituma avumwa na bose. Abigisha be bakamureba nabi kuko we yibonagamo nk'Imana yareba umuntu akamubonamo ubusa,Nyamara uretse kwibeshya hali icyo yarushaga abandi? Cyahe oyo gatabwa. Keretse kimwe gusa. Aho wowe ntuli bwibeshye ugirango ni bwa bwisa? Reka da. Ubwiza se buralibwa? Yabonaga ali igikara gisise, yibonera uwiherewe n'imana afite akabili kanose agatangira kugira ibibaso byinshi. Akibasa icyo rurema ya-

muhoye! Akibagirwaka nyamara ko hejuru ye hali abandi bantu basa n'ingurube baharuyeho ubwoya, akagirango ahali ubwo nibwo buntu. Aho kubabalira bene nkabo ahubwo ishyali ligacumbeka. Bityo rero atangira gushakashaka icyatuma asa n'inyama y'inyoni! Umwenda mwiza ntiyawutangwaho, inkweto mukwambara niwe babalizagaho kuli mode! Atimenye icupa ry'amavuta ku mutwe ntiyabaga ali umukobwa! Izuba ntilivuye ugasanga arashashagira nk'urugimbi. Erega ubwo bigatangira bikajojoba bigatemba ku matama no mu maso. Ahali umenya nawe ibyo gutwika imisatsi, yagiraga se? Reka yali injwili! Urumva nawe ko aliwe wadukanye insilini kuyisiga! Kimwe n'ibitambaromu mutwe ngo bihishe uwo mwanda. Aliko jye nkibazaaho akura amahumbi agu- swe ibyo byose bikanyobera: Reka nawe iwabo ntibali bakize ngo babi- mugulire n'ubwo ali ukomwica umutima bwose! Nta kazi yali aliho ngo bigaragare, yibe afite uko yapagasaga muli vacances, cyangwa se Imana ikayamumanulira aryamye si nabimenya. Aliko ngirango ntaho yigeze ikora igitangaza cy'amafaranga!

Iyo muli se iguze ibyo kwangiza ntiba igiye ilira? Ubwo se ayo yose aba atunze abashonji babili kangahe? Yewe ntawarubara! Nyamara nyakunyagwa ntiyibuke ko iwabo bashira nk'abarenge! Yabonye agezo kuli iyo ntego yishyira hejuru y'abagenzi be ngo arabarenze. Nyamara akaba umuswa mu ishuli! Kuko atabonaga igihe cyo kwiga, yagitaga muli utwo umunsi n'ijoro, mu gihe cyo gufata notes nk'aba- ndi we akirorera mu ndorerwamo yahoraga iwe mu bubiko. Akareba ko umusatsi we wahambutse xgaxxgix cyangwa se ko amavuta yashize k'umu- bili ubwo agahita asaba uruhusa umwigisha ngo agiye kwituma naho ni ukwitotobeka! Ubwo ishuli likibera iryo ngiryo umwaka ugashira undi ugataha. Wowe roho nk'iyo ngo nigire amahirwe mu buzima? Yego dawe ya hali n'abagira umutima mwiza bagira ibyago aliko ugasanga babali- rwa. Nk'uwo se wahera hehe? Nyamara bagenzi be mu kumwangabyali ngo- mbwa kuko iyo ntiyali imyifatire mu bandi cyane cyane uli umukobwa.

Yewe yali igicumu mu bindi! Yego kwiryoshya ni byiza aliko iyo ukabije hazano ingeso z'indi! Kuko we yashakaga kwiremura.

Igihembwe kirashize rero nawe ngo ni umukobwa uvuye kwiga ubwenge, namwe nimwiyumvire igitera inkware ikirungulira. Agatumisa Ayinda ngo azase kumwakira. Nawe agahiğibikana bigacika ngo asanganiye ikibondo kizamukiza !
Agashengurwa n'ivalisi ipakiyemo umugasiro w'ibitabo ngo nawe ni umuntu ugiye kwigira mu biruhuko. Aragomagira imbere ya se nk'igikomangoma. Ngo ni munyeshulikazi uhinze ngo abaturage bamutinye aho ku murenge. Nyamara se ubwo wumva abisoma ryali? Yabonaga igihe se atagiye kwilirwa abeyabeya aho mu cyaro? Aliko tubivuge tubisubire iyo atiyica ntiyali mwiza aragasiga ubusa.
Ubwo rero yamara kugeraho iwabo akigira nk'igihinza. Barumuna be bakamutinya, bakamugendera kure kuko yabafataga bure. Kuko bo batali barigeze mu ishuli. Niwe wategekaga urugo rwa se bityo agahita yigira ikiroli aho hose, yigira impuguke n'akadakoreka nyamara ali igicucu bidasubirwaho, mwene Ayinda na Nyina Nyiragahinda.

Bene nyina babyukiye mu gishanga mu nzarwe n'urukangaga naho we akabyukira imuhira yoza ikirenge cyangwa se aryamiliye. Nta kunyusa umweyo aho mu kikoni ibyo guteka biragatabwa. Aliko ibyo ntiwabimurengaãyiliza kuko baryaga limwe mu munsi nabwo igicuku nikishye.

Saa ine yagera akaba amase kulimba no kwiryoshya agafata iya rweboya byo kubunga ngo nawe ni umukobwa ugendereye bagenzi be biganaga n'ubwo batamurebaga bwose: Iwabo baba bavuye ku mushike w'igishanga, bagatangira gufumyumba ngo umwana wabo yiliwe ubusa, kandi yaramenyereye kulira igihe. Barumuna be bagakoboka, nyamara habe no kubafasha umulimo n'umwe! Nyagasani se ubonye yarereye umulimo n'umwe, aliko nibura akabavugisha! Akaba aliwe mwana mu rugo nyamara kuli jye mwita icyohe. Yewe ni koko "Ibyayo ikibose irakiligata" Kandi ngo "Ababyeyi bapfusha bahagalitse". Umva urwo si urupfu ni urubozo.

Ese nyine nk'uwo yitwa umwali? Mbese nyine igihe agarukira mu rugo murakizi? Keretse ali uko abonye igicuku kinishye akabunguka! Uti " Ese nk'ubwo yilirwaga he? Sinakubeshya kuko na bagenzi be batumvikanaga, k'uburyo yakwilirwa ngo bifate icyo gihe cyose.

Ngirango n'Immana ishobora byose ntiyahamenya.!

Bityo rero iminsi igashira indi igataha. Ibiruhuko bikihilika. Akabonana n'iwabo agiye kubahagamo amafaranga yo kujya kwangisa no kunyanyagisa ngo aliga ibisabakisa! Barumuna be bakamushagara ngiyonngo asabakisa! Byahe byo gatabwa! N'ubundi ngo "Insira ntibwira umugensi". Kandi Umwana apfa mw'iterura". Ese wowe umuntu ubyirukanye ayo matwara wasamwisera ho umukiro? Uretse ko ngo "Ntawo uta akanyago atagahambuye"? Naho ubundi nyine keretse abo bishoboye! Ahaaaa.

Agese aho ku ishuli ubwo naho nikwa kundi nk'iwabo mu rugo! Umukobwa data w'i Noramali?! Uwamubona ali kumwe n'impumyi s'icyaro? Cyangwa afashe umukubuso aliho akubura? Icyo kimwaro yagikwisaheho? Reka reka ibyo ntiyabikoswa!

Gusa aho muli vacansi Mama wanjye we akamushobora, akamutukagura bigacika, bakasirana ibi bya cyane. Kuko yamwenderaga aho amuboneye. Akamukorera ibi bya Mfura mbi. Ati: "Aliko ma? Iyo wiliwe amuhira wowe ntigira isoni? Iyo ubona barumuna bawe bakurusha umutima w'urugo? kandi ali wowe witwa ngo walise? Iyo ubona wicaye imbere y'iyi mbata nta soni bigutera? Ese nk'ubu hagise mugensi wawe uhatunguka, cyangwa umusore ukugendereye? Wakwifata ute rwose ngaho nawe mbwira!!

Nhaho ra! Nimwige amashuli nsaba ndeba: Kübyara abise nkawe birutwa no kubahamba! Ese iyo mugiye iyo mu mashuli ni ukwiga ubupfayongo? Cyangwa se ubukosi bw'ibibi? Ntureba ko nitwa ngo ndi Nyoko wanyu? Nushaka nkubwilire aha, ntaguhishe ntukangerere mu bana, ntaho bise ejo utazabandusa isô nyigisho! Ntukankise utikijije, usahamane uwo mukiro wawe. Ese Nyagu? Iyo ubuse inyigisho so mu mashuli ubura n'ibanga rya "Gikobwa"?

Umukobwa biramutangaza cyane kuko bwali ubwa mbere umuntu atinyuka kumwigabisa! Nase yurahira asa n'ubiseka. Ati "Ego ko mwa Basindi mwe!" Aho si ishyano mbonye? Ese mama, Abakecuru b'ubu barasase? Nibe ali ubujiji, niba ali ubugare sinabimenya. Urajye ujya kubugira ku mugabo wawe da! Naho mwene Ayinda agusabye amahoro! Ubwo bwakuvanye iwawe ngo uje kuntukira ahangaha ngo urampana umutima? Wabuse kwigisha abawe ngo bajye mu mashuli none ngo uje kwigisha ukurusha ubwenge? Ubwo ibyanjye birakureba? Ubu se urusha mama kurera neza? Uramenye Na! urusha nyina w'abana imbabasi aba ashaka kubarya! Yewe urakose ni uko ukuse mba nkumvishije none reka nkureke! Ndakubwira se ngo ushobore kunyumva? Ni uko mama akubitwa n'inkuba arumirwa arataha.

Ati: "Mwana wanjye ntacyo dupfa naguhanaga, none ubwowanse kunyumva baca umugani ngo "Utumviye se na nyina yumvira ijeli. Ikomereze amajyambere yawe!

Nyiramfakaramye arahanyanyaje arangije umwaka wa kane. Kuko nyine yabyiganiraga umwanya w'abananiwe w'ubwenge. Murumva nesa ko muli uwo mwaka wa nyuma yawubuzemo amanota wenyine gusa! Ni uko bamugilira imbabazi bamunagira Diplome ngo asikosora n'agera hanze! Noneho aho ayishyikiliye si ukwitwaralika aramaliirako.

## Imvifatire ya Nyiramfakaramye mu busima hanze.

Reka rero muli ibyo biruhuko binini umusore ase kumugendererera! Umukobwa musima amukubise amaso aratangara. Atangira kwibasa icyamusanye aho iwabo. Kumuvugisha biragatabwa! Ese wowe ntubyumva? Yali kuvugana n'umuseya ali umu D4 da! Uwamubona yagirango iki? Reka reka! Si ukulita! Nanjye Nyiramfakaramye bagiye kungira "Ikinnyogorero!" Ejo bundi umukecuru yaraje aransibanga none uyu nawe aragarutse? Aho wenda wabona nawe alicyo kumusinduye! Enwe nanjye mwihorere numve akamuvamo!

Ashyi we! Ubonetse wese! Ubonetse wese? Sinashobora nagende! Reka reka! Bene nka baliya narabarenze! Ngo ni uko ali umuhungu? Asi iki? Yiseho? Umuntu utazi no gutegusa?

## Ikiganiro cy'Umwalimu. Nsabandora na Nyiramfakaramye.

Dore rero ikiganiro nagiranye n'umwalimu mugensi wanjye, avuye kwa Nyiramfakaramye amase kumujujubya.

Kuko Nsabandora yalu mugensi wanjye duhuye rero aratangira afanganyira, ati: "Uva rero shahu Mfuyuruhe uli mugensi wanjye, mbabalira ngutekererese amakuba nagise ngiye gusura umukobwa. Ni uko nti: "Kagire inkuru". Dore ko nanjye muguhimbasa ikiganiro ngana guhamba! Nasetse uwenda gupfa! Ngana icumu rya mugiga! Nti "Bimpe nesa! shahu Kilimenti we!

Ahubwo ndetse dufate agatebe tumene ho abili ubwo twali iwacu. Ati: "Nabo nawe urakampaye! Uwagira ibyago yabigira ali kumwe n'umuhungu! Nti: "Aliko shahu umenya ufite icyakubabaje kikagushegesha umutima. Ati: "Mavo shahu sigaho" Ati: "Ibyo bireke ubwo ubona ngenda ubu narashise.

Ubwo nyine ni Nsabandora utagiye kumwirwa, urwo yabonye kandi yali amase umwaka gusa yigishije kuva yava muli E.M.A. (Ecole de moniteurs auxiliaires). Aratangiye ati: "Ni ubwa mbere mbona ibyago." Nti: "Ese shahu kandi bite?" Ati: "Erega wigira ishyushyu ndabikubwira !
Ni uko ndiyumanganya ndyumaho ndanuma. Nguhagurukiye iwacu ejobundi buliya rero ngo ngiye gusura umukobwa iwabo mu biruhuko! Uwo nyirakumpemukira rero ngo yibe yitwa Nyiramfakaramye ! Ngese mu marembo ndasuhusa, aliko ubwo nkaba nali musi kuko twiganye primeri.

Nti: "Ese shahu Kilimenti uwo mukobwa ko numva nshaka kumumenya ! Atuye ahagana he? Ngo ni ahitwa i Busindi ra! Ubwo akimara kuvuga uwo murenge mpita nkomaho agatima nti "Wikwilirwa uvunika namumenye" Ahubwo uvuge wizigama kuko tugira isano!

Ati: "Reka sha! Arumirwa! Ati: "Nihahandi, reka ngukomerese, abahungu tugira ibanga nizeye ko utazamubwira!
Ubwo rero ngezeyo ndasuhuza ntegereza uwanyikilisa mpera. Ndibwira nti Ubwo azi ikisungu ni uko adahali, aba nyanyikilije, ahubwo iyo mbimenya ngatoguza. Aliko se nali guteguza duhuliyehe?

Ubwo mu gihe ndimo kwibaza ibyo gutaha, mbona ahagaze mu ryango. Ubwo arandeba nk'aho atansi rwose. Ntiyamvugisha mbonye ntacyo ambwiye ndahatilisa mba mugeze imbere.

~~Ubwo mu gihe ndimo kwibaza ibyo gutaha~~ Aho mugabo abonye namusatiliye aba yangejejeho imitwe y'intoki. Ndayakira. Mbonye atanshuhuje inyuma nti n'ubuhoro. Aho ali ku mutima nibwira.

Ni uko nanjye nyuzamo nti: "Aliko se Nzabando? Aho mwali musiranye bihagije? Mbere yo kugira icyo nkubwira? Ubwo umuhungu muzima ahita ancyaha ati: ""Sigaho sha" Nibe nawe ali ukumurengera ubimbwire, ndekere aho kuvuga menshi.
Nti, Ashwi da! Ndamurengera se ngo mukoshe? Ati: Ngaho rero nawe reba imyaka itandatu yo mu bwana, twigana primairi, n'ibili tuli bakuru, usi nawe za reunion z'abanyeshuli. Urebe urugendo ruvaiwacu kugera iwabo, ubwo koko urabona twayoberannwa dute? Uretse kwirengagiza by'ubungubu? Nti "Yewe ni koko wali umusi." Aliko ndahomeza muha ibibaso; mubaza igitekerezo yali afite mbere yo kujya kumusura. Ambwira ko mu by'ukuli atali bimwe abasore biha ngo bagiye kurambagiza, cyangwa ibindi bindi. Bimwe dushaka kuryarya no kwona umutima w'abakobwa.

Ati "Ahubwo ni uko nali maze kumenya ko aliwe tuzakorana. Kuko nali numvise ko aliwe uzaza nwigisha aho nigishaga.
Bityo ngenda ngiye kumubaza imvaho. Nawe ntuyobewe ibihuha by'ubungubu abaturage bihaye, nyine abino mu cyaro, byo kumenya amakuru no gukulikira twose. Nyamara kandi bamwe bahuhira ngo babone ijambo mu bandi iyo bali mu runywera. Ninayo mpamvu njyewe nashatse ahanini kumwibalisa. Aliko sha? aho wowe usi umuntu mwakorana iyo musanswe musiranye ukuntu birushaho kuba byiza, ndetse n'akazi kakaborohera? Ngicyo igitekerezo nali mfite mu icyo gihe nta kindi nali mfite ku mubwira.

Yeee! Nkomoreza rero aho twali tugeze. Hanyuma rero aragusuhusa! Arakwakiliye! Shh!! Wowe uravuga ibyo kunyakira? Si bwo ahubwo aho mpabaye umwanya munini cyane! Nawe ubwo akaba yantaye aho akajya mu nzu, ubwo njye nkibwira ko ali bugaruke. Namara gushya amaguru

bikubitiyeho n'umunaniro w'urugendo nkukubura ngataha? Namusezeraho akajwigilira mu nzu boshye uwaniswe n'ibijumba? Si nabwo se nyine natashye atamperekeje?
Yewe ga shahu nawe urasotsa!! Wowe se waherekeza uwo mutavuganye? Sha ni koko! Aliko se ye, ubundi se umuco w'Ikinyarwanda, uretse nanjye wali uje kumusura, ntusi ko n'umugenzi bamuherekeza? Ni iyo aje kuyoboza inzira gusa? Bakamurenza urw'irembo ngo imbeba sitamuhena? Reka rero shahu nawe ugiye gukabya! Burya se wowe hiko ubyita? Kandi aba ali ukumureka inzira nyine?

Ubwo se urabona ko Madamasela yali gufinda ko utazi inzira? Ukaba aliyo waje kuyoboza? Nonese ko wumva we yize kuki atambajije ikingenza? Kandi abonye atanzi? Ubwo wowe umugore wawe n'afata atyo abashyitsi usishima? Hanyuma ujye wilingira ngo inyuma uhasize umuntu? Huu!! Ese wowe uyobewe ikisungu cy'ubunguhu? Byarahindutse da! Ahubwo gitosa kuvuga make! Egokooo! Ngaho nzabandora ra! Erega umuco w'Igihugu turawuciye? Erega ni uko ndeba utangiye kumburanya nkaho ali jyewe wabigize! Oya! sha! Si ukukuburanya ahubwo ndaguhanuza.

Aliko ubwo usi ukuntu natashye nasuherewe?
Nibaza ko nabigenza n'aho naligitira twongeye guhura? Uko natashye merewe ntiwabyumva umutima wahagaze kubera ako koza kanjujubije rugikubita? Nubu nkaba ntatese kwongera kubyutsa umutwe.
Usi ko yatumye nsinukwa igitsina kobwa cyose? Kuko nibwira ko buli mukobwa wese ubu ali ko ateye. Yewe sha Kilime! Erega burya abenshi mwigira ubusa! Nkeka iyo balimo gutanga inyigisho abenshi baba bibereye inyuma y'inshuli.

Ese ubu koko nturamenya ibyo abakobwa n'iyo myaka? Umva re! Kandi nanjye aliyo mpamvu nakwegereyo, nkakwisunga ngo ube umpa inama? Ngo unambwire ukuntu mabyifatamo?

Umva rero njye nguhe inama. Yego nanjye sinazobereye mu by'abakobwa aliko rero mbisiho gato. Kubera bagenzi banjye tuganira, no gusoma ibitabo by'urukundo, kandi rero nakubitiraho n'ibyambayeho ntakubeshye, kuko umwe nanjye yigeze kunjyuesja nk'uko bukeye mperukira aho.

<u>Inama ngivi rero</u>:
Mbere yo kuvugisha umukobwa nk'uwonguwo, ndetse ni uwo aliwe wese, ugomba kubanza kumenya uko ateye mbere ya byose; yego data simvuga kumumenya wese! Kuko nsi ko bidashoboka. Aliko nibura ukamenya aho abogamiye, ali mu mico cyangwa se imyifatire, Bimwe mu biteketezo bye, cyane cyane mu byo akora kuko byo bidakunda kwihishira cyane.

Ndetse ukanareba niba hali aho yanyuze mu gashuli, ako aliko

kwose, ukanareba uko yifata muli bagenzi be, hanse utibagiwe no kureba imyifatire y'abamubyara n'abo bava inda imwe bose.

Kuko ngo "Ijya kulisha ihera k'urugo". Kandi ngo "Inyana ni iya mweru". N'ubundi ga ngo" Imfizi y'intama itega nka se". Urebse ko ibintu bihinduka limwe na limwe nk'âwo Nyiramfakaranye!

Aliko se waba udafite ubursre bw'ababyeyi warabureñze, ukagirango Nyina w'undi niwe usagushobora? Cyangwa ngo usagororerwa mu mashuli? Ndakurahiye da! n'iyo wateka ibiye ligashya.

Nawe rero ni aho wali guhera mberé yo gusagalira mwene rubanda. Erega njye uwo mukobwa muzi nesa kuva kera! Ni nayo mpamvu njye ntashobora kumwigabisa, igihe shakiye n'igihe mboneyo. Kabone n'ubwo tugira isano mu by'imiryango.! Aliko se shahu Nzabando? Nakurondogoreye nibagirwa kukubasa niba yaraje kwigisha aho wigishaga n'uko hanyuma byagenze. Mbese n'uko mumeranye ubungubu.

Dore shahu uli mugenzi wanjye Mfuyuruhe ntacyo nguhisha! kandi wowe icyo ngukundira ni uko nyoba ukanyobora. Ubwo nyine ukwisera nkugilira gutuma ntacyo nguhisha.

Kandi rero ngo "wasuse agirwa no kunutsa". nanone reka mbikurangilise. Dore mu gitondo cy'itangira ry'amashuli nagiye kubona mbona araje. Aho ubwo mugabo yali yasindutse! Numva rero no kurugi rw'ishuli ryanjye aradondanga! Nti "Kingura" Njye nkibwira ko âli umunyeshuli kuko we nali mase kumwibagirwa. Ngiye kubona mbona niwe . Ni uko ndasuhererwa. Alikô ndihangana nti kingura. Ni uko umwana w'umukobwa aratambuka! Indamutse iba yayindi. Ahita ambasa ati: "Ese ishuli ry'uwa gatanu banyohereje kwigishamo ni ilihe? "

Ubwo musubisa buhoro kandi nesa n'ikinyabupfura cyinshi mpagasen nti: "Niko se Madamasele! Ko umbajije utyo ni jye Inspegiteri? Ubwo se uzalikwoherejemo ni igicucu k'uburyo atakuyoboye nesa? Ngo agusobanulire aho lihereye?

Ni abili aba ino gusa i Kajumba. Nawe ugende ufate iryo ubona litagira umuntu. Niba kandi usi ko banseserey ufate ilingili.

Nyine kandi birumvikana ko nawe aho yali mushya, nagombaga kumunnyusura. Aliko atali insika ya wa munsi, cyangwa se urundi rwango rundi. Ahubwo nagirango atazanyigiraho Kagarara, amaso kumenyera. Kuko bene uwo nguwo iyo utamufatiranye rugikubita, ntiwasamushobora amase kumenyera. N'ubundi ngo "Bagalira yose ntusi ilisera mbere. Nibyo koko sha! Ese ubundi si nakubwiye? Ngo "Wikaraga k'umuntu uyu munsi ejo ukamukenera?" Kandi wasanga afite roho mbi bikakurushya. Ubwose ntiyicujije? Reka da! we wasangaga ntacyo bimubwiye!

Cyakora nawe yage ze aho agwa mu kayubi abonye kuva ubwo mwihoreye, ni uko nti " ni ubuhoro." Aho ali k'umutima aliko. Nshatse kumugarulira agatima ubwo arananira.
Ni uko nti "hoshi ngukingulire. "Kuko ali jye wabikaga imfunguzo z'ayo mashuli yombi. Mbanze nakumenyereze iby'ino ubwo uli mushyashya! Kuko mbona gutangira umwuga w'ubwalimu biragora. Aho ubwo arandeka njya imbere ndakingura.
Mwereka intebe y'umwalimu n'ububiko, ni uko ndangije no kumwereka abanyeshuli bimukira muli iryo shuli ndimanukira. Nta "Merci! nta n'ikindi"! Ntiyashubilije. Erega tubyaranye abo! Sha niba yarashatse kunyereka ko yize akaminuza sinabimenya!. Cyangwa se yashatse kunyereka ko andenze nanjye mba igicucu ngumya gushinyika.

Sinashoboraga kwiyumvisha niba aliko yali ateye, aliko ubu naramutahuye. Nyine muli ubwo busa bw'igihe twamaranye ahongaho, kuko ubwo we yahamaze igihe gitoya ibyo kwigisha biramutsinda. Ishuli alita adasezeye azize gukorerwa ho gufata nabi abanyeshuli be. Yiba yaratindaga asekosa cyangwa se atega imimbunda ibyo sinabimenya! Nta bucucu rero nko gusuzugura abatumva. Ubonye n'abanyeshuli yigishaga kubereka ko abarenze? Akiha kubigisha mu cyongereza, nabwo nyine abo b'uwa gatanu! Atali nibura uwa gatandatu ngo yitwaze ko abategulira uwa gatandatu, ni ubwo muli enseignema bibujijwe bwose yali kubona urwitwazo. Ubwo se wumva utyo icyo cyongereza cya yali azi? Nuko mbonye asibye iminsi myinshi ataza aho kwigisha nuko iryo shuli rye naryo ndifatanya n'irya njye hashira icyumweru. Mpita mbimenyesha Inspegiteri w'akarere nawe kuko yali azuzi ahita abibwira uw'ifasi, nawe rero ubwo ntiyatinda ahita yandikira Ministre ubishinzwe. Kuva ubwo rero bahita bamusuka nanze, bashyiraho undi ubwo bidatinze.
Yewe amakaramu azira akamama! Uzi ko bahise bamuha cote ya mediokre ? Nibura iyo bandika ho ko ataswi muli enseignement, kuko niwe muntu wa mbere nabonye walidutesheje ibi byimazeyo.

Erega ni n'ubwo namuherukaga shenge! Indi service yagiye gusebya yitwa umukozi wayo ubu sinyizi. Aliko sinahamya ko hali akandi kasi yabonye, nkulikije amatwara yali afite kuli icyo gihe.
Nibe atali ak'uburaya yali ashigaje gufata Immana ibimpanire.

Aliko uwanyereka Nyasani ubu shenge ngo ndore uko asa. Nibura ngo ambwire amakuru ye kuli iki gihe. Kuko nicyo kintu cyinteye inkeke kiliho cyane. Yewe sha! Abantu baragwira ko data buja. Yego abana baba ibigwali aliko uwo niwe nabonye wali agahebuzo, mu Rwanda.

Yooo! Se sha Nzabando? burya bwose ni uko byagenze? Sinali mbizi mugenzi. Uwo munyazi yali uwo kubabalirwa shenge! No kuva kera kwose. Koko ngo burya ngo ababyeyi bapfusha bahagalitse, si aka nyina

wamubyaye. Aliko ubu nyine ngo aralira ayo kwalika nako ngo ni amaraso! Yewe ni mu gihe ga aliko aho shahu usi kubyara umwana akamera nk'uwo kandi aliwe wali utoseho umukiro? Biragatsindwa.

Niba ali ibyo reka nage nse ngutekererese isabwa rye uko ryagenze.

<u>Isabwa rya Nyiramfakaramye na Ntibiheswa Jean de Dieu.</u>

Ntibiheswa rero nawe yali umusore usoretse nawe, akaba yali umu D4 yigisha muli secteur imwe na Nyiramfakaramye uwonguwo.
Bukeye basa kumenyanira mu nama bagira sa abalimu nyine. Basa gushimana, ndetse basa no kwongera uwo mubano urakomera, hasiraho n'umugenderano w'abasabana. Bamase kwemerana ko iryo saba lisaba bashaka ndetse no kubigira vuba ngo bimwe bya Rusungu". Dore rero uko umusore yabanje kumwandikira. Kuko aliko umukobwa yali yarabimusabye mbere, ngo azabimumenyeshe mu ibaruwa bitali mu magambo gusa.

Karuru, le..........

K'uwo nduhda Jeanne d'Arc,

Mase iminsi nshaka ukuntu nawibonanira nawe, aliko akasi karanga kambana ingobati.
None rero ngutumyeho iyi baruwa ngo igushyikilise ijambo nali ngufitiye kandi maranye iminsi. Mase rero usi ko ubucuti bwacu bumase iminsi, none nkaba nagusabaga ko ubwo bucuti bwacu busoswa n'umubano wacu twembi, tukwubakana urugo rukomeye, kandi rero nkaba nkubasa niba nawe wabyifusaga ukabimenyesha vuba ahangaha. Kugirango nanjye mpite mbimenyesha ababyeyi bacu twembi; kugirango bye gutinda bya giturage birambanye! Kuko ntashaka ibi bitambiranye.

Mbaye mbashimiye igisubiso musangesaho bidatinse.

Ugukunda Jean de Dieu.

Ubwo nyamara Nyiramfakaramye we yali akili ku kasi k'ubwalimu; gusa aka reba ukuntu asabana n'undi mwalimi bikamushobora. Kusahorotéra iyo mu cyaro? Biteye agahinda! Ubwo aliko uwo musore apfa kumurekeka aho. Ubwo aliko ntiyahwema gushakisha ukuntu yakwibonera undi owo ngo amujugunye. Cyakora ngo naramuka abuse uwo ashaka asapfe gifata uwo nguwo. Ngo ubuse uko agira agwa nesa"! Mase dore uko yaje gusubisa ibaruwa y'uwo musore.

Kivumu, le............

Très Cher Jean de Dieu,

Nkimara kubona ibaruwa yawe ibyishimo byahise binyusura umutima. Ubwuzu ibinesa nesa, reka sinakubwira..... None rero nagirango ngusubize vuba kandi uko wifuza.
Amagambo yali akubiyemo yali asobanuye, kandi niseye ko wayavuse uyakuye k'umutima atali ibikino, kuko nsanswe nsi ukuli kwawe.

None rero urabona ko uwo mubano wacu twembi unsaba wishi miye rwose kandi sinshobora kuwanga cyangwa kuwitesha: Aliko kuko ntitegeka; kandi nkaba mfite ababyeyi bombi nagirango rero usabanse ubibabase nyuma babyemera bikaba binyuse mu nsira nsisa.

Amagambo y'uyu munsi ni ayo, asigaye n'ayo ubutaha.

Ugukunda cyane

Jeanne d'Arc.

Ni uko kuva uwo munsi umuhungu anambana icyisere. Atangira gusaba uwo mukobwa ndetse bisa kugesa aho basa gukwa. Ikwa lirarangira, ali ko namwe rero mwiyumvire ubukwe bugiye gushya mumve uko byagense. Namwe mwiyumvire ikibusa umutindi gusinsira. Reka lero umuhungu yikore ajye gusuraumukobwa. Nyine ngo bakorane programmu y'ubukwe bwabo kuko bwali bwegereje. Aliko abanse kumwakindira nyine amumenyesha ko asamugenderera ku cyumweru. Jeanne lero akaba yali afite undi muhujgu wiga i Burayi nawe usamugenderera. Uwo muhungu ahagera mu masamunani yakodesheje imodoka n'uko arasa atumisa n'insoga baliywera, mu masaa kumi Jean de Dieu aba nawe agejeje ikirenge. Arakomanga umukobwa abansa kumuninira aho bigese arasindagira arakingura kuko ijisho ryali mimase guhena. Ubwo umuhungu arabusuhusa bamuha ikirago alicara, ubwo aliko abandi bagumya kuvuguta akabyali ndetse bagese aho nawe baramwibuka bakajya bamwusulisa mu kirahuli cyabo bakamuha nawe akihera igifu. Niba aliko yagumyaga kubareba cyane simbisi! Aliko akanywa umutima utali mu nda! kuko yarebaga agasanga atali mu mwanya we; agashaka ukuntu yamumenyesha ikimugensa akabura umwanya.
Abonye bimushobeye ashaka noneho ukuntu yasesera ngo asagaruke undi munsi. Kuko yangaga kumuvugisha nabi ngo atamujujubya.

Mu gihe yendaga kwikubura ngo atahe nuko wa musore wundi uvuye i Burayi arangulisa akabyeli k'indeka mu kirahuli aheresa Jean de Dieu. Ahita rero abwira Jeanne ati: "Mperekesa ndatashye, kuko imodoka y'abandi nayitindanye! Nuko bahagurukana ubwo. Umukobwa asiga abwiye Jean de Dieu ati "Hama aho ndaje." Bagese ku modoka umusore, ati: Ese ntusa ngo

modoka umusore ati: Ese ntusa ngo tujyana ko nkugarura vuba? Nonese si imodila; urabona ko tuli butinde? žžsaxxztuzz Umukobwa musima yinagamo bagenda ubwo yitambika mu makusi amerorwa neza.

Bagiye he? Muli ville.! Gukora iki? Gufuraha! Uwo muhungu amusize he? imuhira! ali kumwe na nde? Ntawe amusilàtse ku katsi gusa? Ubwo se amugiliye neza? Ubwose wowe ntibyiyumvisha ibyo amu koreye? Ni uko Ntibihezwa arategereza mpera! Abura uwamuvugisha kuko Nyiragahinda we yali yibereye mu gikoni atetse. Naho Ayinda yibereye mu rutoki arushangurulira . Bali batanze umwanya da! Ngo abasore babo bibereye mu byabo ngo niyo majyambere.

HABAMAHIRWE Spéciose we yali yagiye mu guca ubwatsi mu bandi bakobwa kuko abo basilimu yabagenderaga kure cyane.

Nuko rero NTIBIHEZWA abuze uko agira alikubura aratana.

Dore rero icyo yagiye yiyemeje abwira iwabo, ati: "Babyeyi banjye mwansabiye mubishaka aliko none ubu umukobwa yankoreye amarorerwa. Ku buryo mvuyeyo musinutswe. Inka yanjye ndayiretse inzoga zanjye zigende zihere, isuka n'ikibindi nibatware aliko icyo nshaka n'amahoro. Abakobwa baliho benshi nzaba nshaka abandi. Ababyeyi be rero urumva ko nta kindi bagomba kwongeraho nyuma y'ibyo. Bagwa mu kantu gusa barekera iyo.

Dore uko yandikiye umukobwa.

Karuru, le.........

Madamazela Jeanne,

Nkwandikiye igitaraganya nkimara kuva iwanyu kugirango igihe uzabungukira umenye imigambi nafashe nkihava.

Ngirango uzi neza ko nali naragusabye ngukunda, none ngirango ibyo wankoze uyu munsi urabyiyisižeka

None aho kugira ngo dutere amahane, umubano wacu uhagaraliye aha.

Ntuzandonganye mwana wa mama si jye ubiteye.

Amahoro meza.

NTIBIHEZWA Jean de Dieu.

Dore rero uko umukobwa nawe yahise amasubiza.

Kivumu, le.....

Bwana Yohani,

Ntibintagaje kubona unyandikira aya magambo.

Ahubwo ugize neza watekerejo gukora gutyo? Mu by'ukuli ntugirengo ndababaye. Ahubwo worosoye uwabyukaga. Mase si wowe musore wenyine ugende ushake undi nanjye ndacyali muto sindiheba nzasha ka nanjye undi umutima wanjye uzagwaho.

Ugire amahoro.

NYIRAMFAKARANYE Jeanne d'Arc.

Ni iyo rero inkuru ya Jeanne y'isabwa rye ubukwe bwe burapfa, ndetse no muli iyo minsi ninabwo yahise ahagalikwa ku kazi ni uko none rero ubu yerekeje iya Kigali. Reka mbakomereze rero naho uko byamugendeye.

Aliko mbere yo kugutekerereza ibyo byose, mugenzi ~~xxx~~ ufungure amatwi ukomeze umutima. Sinshaka amalira cyangwa amaseka. Kuko ntagushinyika cyangwa se guhinyura. Dore ko ali nawe ubinyisabiye. Simunegura cyangwa ngo musebye ni mushiki wanjye. Utazavaho unabiseka akasamubyara nkawe. Dore ka na se atahamagaye. Aho yalinze kumunanira we atali yaragoragaje? Reka se shahu Mfuyuru? Namwihanganiye tukibana nkatwese ubu agese kure nk'isuba? Ese wowe wabona umuntu wagize ibyago nk'ibyo ukamuseka sha! Ni uko rero ngaho tega amatwi nkubwire kandi rero nkunda umugabo utantaba mu nama!

Uva rero ibyo nkubwiye si inkuru mbalirano si n'impimbano. Ndakubwiza amanyakuri unsiho kuva kera twacudika. Nase ahasigaye twiyumvilire, kandi rero wilinde kumbaza menshi udatuma nteshaguzwa. Simunegura ni mushiki wanjye. Ndabiguha neza uko byagenze, kugirango nawe bigufashe kumenya abakobwa. Ndetse no kugirango abadashobotse ujye ubaha inama, nibakunanira ubareke aho kuryitesha.

Ntabwo nawe uyobewe imbaraga zabo zituma biyenza ngo wenda babona umwandurányo. Ndetse no kugirango nkwemeze ko nvuga imvaho, ndi bukwereke ibaruwa yandikiye agese iyo ali. Uzabigire ibanga ni wowe mbwi ye. Aliko shahu ceceka. Aliko mbere ya byose banza umenyeshe aho ahagaraliye muli iki gihe. Ese ko umenya uli intumwa, ntitwaseseranye kutandogoya? Kandi wabona mbwyihoreye. Oya ngaho komeza sinongera rwose. Aliko rero ubigire ibanga! Umva re! Aliko wowe uyobewe iyifata ryanjye. Naho rero nimbisanga hanze bisatuma ducana umubano. Naho unbundi ubyitayeho byatuma umenya n'abandi umutima w'abo. Kuko we yaralitaye urwe rwarushe. Ahubwo na bagenzi be bumviroho. Urubategereje niba nabo bifashe nabi. Batazavaho bibeshya ko kwiralika bigira umumaro.

Erega shuhu, ntaho ubeshya, kuko hali umwana w'inshuti yanjye wigeze kumbwira tuganira ati: Urucuruzo ruragwira ko Data buja" Kandi usi ko mu Rwanda tutavuga kimwe cyane n'ubwo igihugu cyacu atali kinini cyane bikabije. Aliko numvise iyo mvugo ye n'iyo nteruro mbitekerezaho numva binyuze amatwi n'ubu uwo mwana ali kure, aliko mpora mutekereza, nkanamwikundira kubera imico ye myiza n'ibitekerezo bye yihoranira.

Twakundaga rero nawe kuganira bene ibi biganiro tukavuga byinshi bikanatwigisha ibindi bifitiye abato akamaro. Nabitekereza nabona n'ingero zabyo ngatangara. Aliko se sha! Uretse ibyo kuba icyo he wakwilirwa ujya kuragira iyo usi ko ilibutembe?

Ngo ibe yalinda igusigamo imvune? Yo kagwa mu rugo? Niko se di Mfuyuru! Kurushywa n'ubusa kandi ubisi si amakuba? Uwo muruho nawuhunga ahubwo ngafata indi nzira, cyangwa se ngasaba inama.

Aho kwiyemesa ngo ndihagije kandi ejo bikangaruka.

Ako kali agaparu, n'ubundi ngo agaparu ni agashekeje. Nase rero reka nguhe umwanya ungarukire kuli ya makuru ya wa mwana w'umukobwa unkomereze aho twali tugeze.

EEEEEh, EEEEEh! Nibyo koko sha! Nali nabyibagiwe. Nuko rero mumase kumuhilika muli enseignema, amase nawe kwitesha umusore wali kusamufasha mu byago, ubwo ahita nawe agana iyo mu mijyi.! Ngo agiye gushaka akazi keza ko mu basilimu. Ngo no kuba mu cyaro yali amase kubisaya!

Yagiye amb_wiye ati: "Aho usi kubana n'injiji sitali na limwe ko umuntu ashobora guserebera no guseba bidasubirwaho? Nti: Wakwigumiye n'aha ra! ukamenyera ko akabi kamenyerwa nk'akeza? Ngo: "Reka reka utansusugura! "Ukaba unshyise hasi. Nungamo nti: "Ese ubu abatubyara bo Wabagaye iki?
Mbonye tugiye gutongana kandi dupfa ubusa, kandi nsi ko buli muntu agomba uburenganzira bwo gutekeresa no gukora icyo yumva kimumereye nesa mu giho nta wundi muntu kibogamiye, ni uko murekera amahoro yifusaga. Nti "Ngaho Nyakabyara uyu mwanya ni uwanyu!"
Genda nsaba ndeba akawe! Nti nugera ku ntego ugamije urage wibuka abo usize inyuma!

Ansesorabo nesa numva ndanyuswe ku mutima "noneho njyewe sinsi icyo nisize!".

Ubwo nkaba nali mfite magana abili aho ku mufuka gusa, mpita musingilisamo ijana; aliko rero icyo giho ryali ligifite agaciro bitali nk'ubu nti: "Umbabalire kuko ubu usanse nkennye, aliko mfa gushyikira iyo mpamba; usayigura "Fanta" nibigukomerana.

Nali nsi ko yise kandi agiye mu ruganda rw'amafaranga agomba kusakira byanse bikunse ninayo mpamvu ntashobora kwisibira amayira mugilira nabi kuko wenda yali kusandengera nanjye ngese kure kuko no mu "Kinyarwanda" baca umugani ngo" Umukobwa ni nyampinga".
Ubwo aliko agatima kagerahe kagakomahe nkibasa nti: "Mbese Nyagasani ko ntarutambulira imfusha ulabisa uliya we ni uruhe?.

Bikambana ikibaso kinini ntashoboraga kwisubisa muli ubwo busa bw'igihe kuko ntacyo nali nakamumenyaho.
Bityo bimbana urujijo, nsigara mu kantu, Nashobewe!

"Mbese bikubana urudaca" Ni uko shahu Nsabando" Aho ahubwo urangobotse. Iryo niryo jambo nyakuli. Komesa aliko nagirango ngusongere mu magambo. Dore rero ibindi bibaso nibajijo akimara kugenda.

Agiye he? mu mujyi. Kwenda iki? Gushaka akazi! Kwande? Ntabwo nawe ubwo ahazi. Kazi ki? ntabwo akazi. N'akabura se ubwo azamera ate? Ntakabusa azandavura kuko i Kigali ntihakinishwa! Hali amafaranga yali apfunyitse? Nta nalimwe Emwe habe n'ihafu? Uretse rya janalimwe gusa nalimunagiye! Lisamumalira iki? Kigali ko mpazi? Sinaluboshya! Nonese ko aliryo nali mfite gusa nali kwiyahura? Oya da! N'aho ndetse ngira ubuntu! n'ubundi butisa urugi!

Niba se yarabonaga ko azamererwa nabi ibe yararoreraga kujyayo? Umva shahu rero nawe ngo uratota! ubupfayongo se bwamukundiye?

Nase rero shahu nawe Nzabandora ureke wiyumvire ibyago bye! Agize guhubuka mu rugo iwabo batabizi, ngo agiye iyo ntazi kwangara! Nta nabusa abazigiye kandi aliwe tabonse akabanyunyuza! akabica urw' inbwa! Akaba abasize iheruheru! Ni uko mbese wabimenye! nduwva unkulikira neza cyane.

Ni uko mbonue arense atagigarutse nanjye ndatangira ndibwira nti: "Uliya mugwagasi nahannye nene akaba amaso kunanira, none akaba yifashe kuliya, ni agende azaboneraye rubi.!
Dore ko nanjye nsa n'umupfumu. Bisa mvuga.

Nyamara iwabo babonaga ngo acagura imyenda, ishaje anagira bene-Nyina bo bakibwira ko agiye kumesa! Naho indi alimo kurunda mu ivalisi yaguliwe n'iwabo akijya mu mashuli makuru. Naho ubwo ntibamenye ko we bucya yatumutse! Yohoshye: ni uko mbese wabimenye!

Yafiraye ku kababa inkoko niyo ngoma! Bigeje je mu museso arabyuka iyarutara, nuko afata iya "Bwoboya" Ati: "Kwaheli n'icyaro"! Erega mugenzi ntiwumve utye ngo ugirengo ni ukuhuhuka, cyangwa se ngo ni ukumwanga reka da! Ahubwo ni ukubura uko namugira, nawe urebye aho asize iwabo ntiwaba ukimucilije n'akali urutega! Ahubwo iyo niyo mvugo ikoreshwa bene abo bana bigize ibyomanzi! Bigize kagarara.

Ubwo nyine nawe urabyumva si uko ali umukobwa tuvugiraho gusa ahubwo ni abana bose ali abahungu cyangwa se abakobwa batangiye kwigira bya "Rutare".

<u>Urugendo rw'iyo Hogoza rero rwahogoje abasora.</u>
Aho mugabo mbone anasuru ntibabura n'imigisha y'akanya gato. Sha: Dore nawe ibaruwa yanyandikiye akimara kugera iyo ali, yerekeye nyine iby'urwo rugendo.

Yanyinyandiye mu gifransa aliko ndagerageza kuyisobanula mu "Kinyarwanda". Ubwo se yalindaga kunyandikira mu gifransa yali ayobewe ko amashuli yanjye angana! Yali ayobewe ko ntaho nise? Ntawa-

murenganya aliko kuko wenda ahali abagose mu "Kisungu" babujijwe kwandika i "Kinyarwanda! Ubwo se yalindaga kunyandikira igifaransa yali ayobewe uko amashuli yanjye angana? Ntawamurenganya aliko ubwo wenda yagose mu kisungu amase kwibagirwa urulima rwacu mbese ~~[illegible]~~ ubu n'igifaransa ab'iyo bose bakorosha gusa? Nicyo da! Noneho nibyo ndamwunva.

Ilindi sina ryanjye rero ni Christophe, ntibigutangaza kuko burya ndabatije n'ubwo nomera biko. Nako reka ibyo tube tibicumbitse, turebere hamwe iby'iyo baruwa ya Joanne d'Arc kuko niryo sina rye nawe lindi ryo mu idini. "Abapadri aliko ndakoka ko nabo baba baratayo igihe bamusukaho amazi cyangwa se ayo mazi ntacyo amase. Umva umuntu n'akazi ko, kandi nawe tumurokere umutima nawe siwe.

Dore uko atangiye.

Kigali, le...........

Cher Frère et A^mi Christohe,

Nkwandikiye iyi baruwa ngutashya cyane, kubera ko nguffitiye urukumbusi rwinshi cyane, kandi ni wowe nshuti y'amagara nagiraga. Urumva ko ntabura kuba ali wowe nabansa kugezaho amakuru yanjye, kuko ali wowe niseraga cyane, nawe urabemera.

Ubu rero shenge nagirango ngutekererese amakuru y'urugendo rwanjye, kuko nabonye rutangaje cyane. Kuko rero ntarabona umwanya wo kwandikira ababyeyi banjye usaba ubanyuliyemo mu makuru yanjye n'abo ndi ubungubu mu gihe bategereje ko mbandikira.

Burya rero tumase gutandukana, ngonde nguhagaraliro ku muhanda munini, nta faranga mfite ku mufuka uretse rya jana wamfunyikiyeho impamba, ndetse ryakuye ahaga! Ninayo mpamvu mboneyeho umwanya wo kugushimira byimaseyo di! Imana iguhe amahoro n'amafaranga. Nsabora ntekeresa iyo nesa kugeza gupfa. Amaherezo ngomba kukwitura! Ndetse yiba limwe wali kusanyarukira i Kigali twabonana!

Nuko rero ngira ntya mbona imodoka y'umusungi iraje. Nuhagarikana amasoni soni menshi cyane. Iby'imana mbona arahagase, turagenda n'ubwoba bwinshi, kandi ali nakwo igitima kidiha. Ngirango aransha amafaranga! Kuko ubwo hali hamse kuba mu ma saa kumi n'igice, kuko nali nagunye guhagalika isindi zanga nabuse icyo ntanga kuko amafaranga yali atusuye. Naratesetse wowe!

Ni uko ati "Ese uragana he Madamase? Nti "I Kigali".

Ahagana he? Kuli rond point. Kuko ntahandi nali nzi ngo abe aliho mubwira ngo ahangeze. Ni uko tuhageze ngira immana ntiaymbaza na limwe.

Nawe urumva ko namushimiye byimaseyo. Aliko niba yali umupadri simbizi kuko numvaga anvugisha mu kinyarwanda.

Ni uko nkanaguswa amaso hirya hino, mpabura umumenyi. Nshaka wa musungu ngo mubwire ajye kuncumbikira ndanubura nsanga yagiye nicusa impamvu ntamubwiye hakili kare!
None nali kubigira nte? Ko nali mbuze uko ngira?
Nyuma nza kwibuka ko muli home hali umukobwa twiganye muli ishuli kera witwa Uwimana; ni uko njya kumubwira ngo ancumbikire n'ubwo kw'ishuli twanganaga urunuka! Ni uko ndahabalilisa mbona ndahamenye, hanyuma ndarayo mbona iryo lirakeye!

Yewe: Amaburakindi yihetsa umwanzi! Bukeye cyakora mvayo ngumya kuraraguza ntyo hose hirya hino.

Amezi abili alinda yihilika atyo yombi nta kazi mfite. Ewe uretse n'akazi nta n'icumbi lifashije nalimwe nali mfite.

Sinzi rero ukuntu naje kubona akazi ko kuba "Vendeuse" mu iduka ry'umuhinde mpakora amezi atatu gusa, ashize ndahava kuko nyine we yampembaga make cyane reba nawe ibihumbi bitatu gusa yampaga i Kigali kandi nkubitiyeho no kuba umukobwa mvuye mu cyaro ngikeneye kwifata neza nk'umukobwa w'umujyi. Nkigabulira nkucumbikira nkagira no kwiyambika. Ni uko ndongera nirenza andi mezi atandatu ndi shomeli.
Ubuzima burongera bumbera bwabundi.

Nyuma hali umuntu w'inshuti yanjye twali tumaze kumenyana waje kunsabira kujya kwiga imashini yo kwandika ahanti bita i Gikondo. Umwaka urangira nanjye menye kuyandikisha. Ubwo nyine nkirangiza muli Ambassade y'U Bufaransa bahita bansmira mu birere ngo njye kubabera umukozi. Ubwo akazi ndakahashitura ako kanya. Ubu kandi mpamaze amezi abili. Aliko niba hali umuntu uhamerewe neza ni njye! Kuko ubu bantangije bitandatu kandi ndacyali mu igeragezwa. Ukwezi gutaha rero bambwiye ko bazampamba ibihumbi cumi. Limwe na limwe rero abo bafaransa nabo rero bagumya kuntembereza, tukajya muli za week-end, ubundi twaba ntaho twagiye, bakantumira iwabo mu rugo. Tukaganilirabo bityo sinumve ndambiwe kubaho. Aliko rero sinakwilirwa nkubwira ukuntu nabanje guteseka; mbere y'ubu buzima bwiza mfite. Mbese nawe wabyiyumvisha ko nali ngiye guserebera.
Yewe ni amabanga nzi ko byakubabaza, mbikubwiye ubu. Nzaba mbiguha uje kunsura kuko muli iyi minsi itaha ndateganya kuzagutumira, ngo uze kureba uko merewe, ngutembereze muli Kigali ujya wumva! Kandi nakwereke n'iso nshuti zanjye z'Abafaransa.

Cher Frère, nguseseyeho asigaye nzayakugezaho ubundi, ubutaha, aliko nawe ntusatangwe kungezaho amakuru yo muli icyo cyaro cyanu, kuko ndayacyeneye cyane. Kandi usantahilize abantu bose bantashya.

Ta soeur Nyiramfakaramye Jeanne d'Arc.

Ngaho rero nawe umase kwisomera amakuru y'imvaho uwo mukobwa yangejejeho ubwe. Ngirango urabona ko kugeza ubu tugifitanye ugutumanaho guhagije. Ngaho se shahu nawe mbwira ko nawe umaze kwisomera iyo baruwa, kandi uwa usanzwe usi neza ko ntawishyira habi abishaka.

Ubwo urabona ko igihe cyose yali amaze atarabona akasi ukeka ko yali amerewe ate? Agomba kuba yali ageze kure da! Yaratesetse nabi.

Buretse ni uko yagiye abiguruka abishaka, akambwira igipande kimwereskeye gusa. Nsahera kuli ibi mase nkulikirane neza ibisigaye nsaba mbiguha neza. Kuko nkeka ko ibisigaye alibyo biteye inkeke. Naho ibyo kugwa ku gasi nkawe ngo ngiye kumusura ntemeza ko hali ishingiro nawe afite simbishaka rwose habe na gatoya wenda ni ukwiralira kw'abanya-Kigali. Amahane umuro w'i Kigali nibigende! Singiye kusfungirwa i Kigali nsize amaherere.

Umva re! kandi akomeye mwa! Nawe ubwo uzaba uhamenyera ubwenge! Yewe: niba ali ubwenge nk'ubwo ndabufite bukubye inshuro mirongo cyenda n'icyenda ku ijana. Ese shahu ubwo wumva ubwo abo basungu avuga abona baba bameuca iki? Kasungu ko yaje ali umuhashyi, ubona ko se we afite ibyo kunyanyagisa gusa? Wenda bamukundira ko yita ku kasi ke neza! Ahaa! najyane rero. Aliko wowe ko utangira guteshagusma si wowe watangiye umbwira ukunti yirukanwe ku kasi ? ubu se niho yageseye yiga ubwenge?

Wenda yisubiyeho da! n'ahirwe rero!

Yewe reka tureke aho utahe karo ejo usabone uko ujya ku kasi k'abandi hakili kare naho ubundi dukomeje ibye ntitwava hano. Ejo utazavaho umera nkawe ukanyitakana. Ese wowe uyobewe akasi k'ubu? Uburangare bwica byinshi!

Ngirango usi ko iby'ubu ali ukubifatisha amaboko yombi! Umulimo w'ubu ni ukuwufatisha amashyi yombi.

N'ukwita gukora no gutanga ibyo igihugu kigukeneyeho, ntikirye imitsi gusa, naho ubundi byakugaruka.

Kuko igihe tugezeno kisira imbura mumaro, n'imvugatusi gusa. N'aho ubundi igihe tugezemo kirabirenze ibyongibyo..

Aliko ahò usaba uli hose usajye ubabalira abafite umutima nk'uwo unabagire inama ya kigabo, ngirango kuli ubu wowe umase kumenya byinshi. Ndashaka kuvuga abazashaka kuyikulikiza naho kuyikenera bo ni benshi cyane. Nta muntu n'umwe udashobora gukenera inama z'abandi igihe ageze mu masi abira.

Erega n'ubundi ngo isuli isambira byinshi igasohoza bike! Kandi ngo Nyamwanga kwumva ntiyanze kubona! Tusongera kubonana ryali se shahu Hamara? Ssageragesa kukubona muli week-end itaha, maze twongere tumeneho abili. Yeee! Ngaho genda akasi keza.Nanjye mfite akasi kenshi muli uyu mugoroba. Kuko hali inshuti yanjye ukora muli Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga i Kigali. Ngiye kugeragesa kuwandikira, musabe kugirango nawe ajye ambwira amakuru ya Jeanne niba amusi.

Kuko we yajya ambwira byose ntagire icyo ampisha. Niba atanamuzi nzagerageza kumubwira neza, kuburyo amumenya neza. Kuko uwo muhungu arakomeye cyane, kandi ashoboye gukulikira twose iyo abonye igihe. Cyangwa se tuvuge iyo ali ibintu bimushimishije.

Uwo muhungu mbese ntabwo umuzi? Reka da! Ni uwitwa Banyangiliki Théophile. Yooo! se ni uwo witwa Théophile? Yayayaya! Uwo ngomba kuba muzi di! Nta shiti ndamuzi kuko twigeze gukubitanira ahantu, mu Kirabo. Ndamureba ndashishwa ni uko nyuma nza kumubalilisa ndamumenya, amavu n'amavuko, ye, uwo ali we.

Ese ye, si musore uhamye, ukasa kandi ujya kwitwara nka Maneko? Ni uwo mbese uramuzi. Ni uwo ukunda kwivugira make cyane. Sha! niba ali uwo niwe ashobora gukulikira ibintu hafi, ntabe yanyurwaho na kimwe. Uramwihate gusa ahasigaye azabijyamo.

Erega burya mbona atanaryarya! Ashobora kuba burya yanavugisha ukuli kwe kwose. Reka shahu wivuga ibintu bilimo ukuli, kuko iryo jambo lisigaye lintera inkeke!

Erega n'ubundi ni mugihe" Ngo umuntu avuga ukuli akabizira"! Ese shahu wagiye ubanza kundeberaho? None se ubu njye ndasetse? Nasizi iki? Si nk'ibyo byose? Ngo ni uko ntinya kusinsika amafuti ra! Ni hahandi rwica igikenya ni urwakiramutse! Jyewe Immana irandinse. Ntabwo usankora mu jisho kabili gatatu ngo ngumye ngusekere!

Kuko ubwo wagenda unyita igihone.!
Umva sha dukomeje tukaguma muli ibi ntitwarangiza, ndabona twabara aya ba Mama, none reka turekera aha tubone uko tujya ku milimo hali kare.

Kandi ngo umbwira ugusasira naho ugusenyera ali inyuma y'urugo. Maze reka natwe tubicumbikire aha ngo ararekwa ntashira! Naho ubundi kukomeje ejo wasanga turyamira hanyuma ejo tukirukanwa bikaba n'urwitwazo rwo gushomera, kandi bitali ngombwa ejo ugasanga dupfa urwa Nyiramfakaramye Ngirango nawe ntuyobewe iby'ubu.

Yewe shahu Christo! Ibyo jya ubyihorera, ahubwo ndetse tubyiyibagize, tubishyire mu maboko ya Nyagasani" Ngirango ntuyobewe wa mugani uvuga ko "Umwanzi agucira akobo Immana igucira akanzu."
Cyangwa ngo "Immana itera amapfa itera n'aho bahahira! Ibyo se kandi ntujya ubyibonera? Aliko se ubu n'ubwo nakorana umwete gute? amafaranga magana alindwi na mirongo ine n'atatu asantunga, ansabire, anyambike, antungire urugo maze mbone n'icyo mfungurira umuvandimwe yaje nko kungenderera? Ejo rero abakobwa nibabura abagabo ngo bameze nabi naho ndetse bararengana? Nonese bakwirongora? Ko Immana yategetse ko umugabo agomba kubana n'umugore? None se wowe wajya kuvana mwene rubanda mu rugo rwa se kandi wenda ahamerewe neza ukaza kumwandagaza ntacyo urashyikira kimutunze? Kereka uli igicucu ko birutwa no kwibera aho wenyine ra! Iyo nkeke ikaba ali wowe ibahe wenyine aho kuyigirana n'umugore n'urubyaro? Ibyo birabe ibyawe sha!

Muzajyaxmunanirwaxgushakaxabagorexngoxmwabuzexibyoxbirah
Muzajya munanirwa gushaka abagore ngo mwabuze ibyo mubatungisha! Mukababahahira ubwo ni ukuvugaho uba waracitse amaboko? Cyangwa se aba ananiwe kwihingira unweretse aho wafashe isambu? Ahhh Nshimye ko n'amasambu usiko yabuze! Ehh! erega kurongora mubikuyeho? reka da! Ufite umwanya n'uburyo abikora adaseka da!

Mbese daweya, inka y'ubu yo wagise ngo ikirukirwa? Umva kandi ibindi amanye! Gukwa se kandi nabyo kuli iki gihe biracyali ikibazo iyo wishimaniye n'umukobwa ntimwigendora hanyuma mukazaba mujya kwirega rwarushe? Ehh Mbo mwa: Waruhingukamo se w'umukobwa akagutema. Oya da ababyeyi b'ubu nabo basigaye babyumva ko ubukene bubaho kandi navo bakifuza ko babona babakobwa babo bava aho iyo bamaze gukura! Yewe ibyo bigira bake ahubwo jye aho gukoresha ibyo nsemera ngume aho da. Nzapfe urwo nafapfuye singiye kwiteranya n'abaturanyi no kwangiza ubuzima bwa njye ngo ndihutira akadashira!

Ese ubundi bwo abakobwa b'ubu ubabona ute? Wagirango bo baliruki-rwa? Yeee! Muraburo uko mugira mwitwaze abakobwa! Kali uwo wigeze kugira icyo ubaza koko ubikomeje hanyuma arakwangira? Niba Nyiramfakaramye yarabaye mubi n'abandi bose nicyo bagiye kuzira? Oya shahu nabo ntiboroshye. Nyamara rero murabarenganya. Kuko ndabona ahanini mugiye kuzabatekerezaho nabi buli gihe ahubwo n'abali basigaranye umutima ndabona mugiye kuzawumunga kubera ibintu bibi mugumya kubatekerezaho.
Ndetse reka ibyo tubyihorere, dukomeze ibyacu twiganiliraga.

Amafaranga ni mabi yarananiye ninayo atuma ntekereza ibyo byose. Nyacamo uduce ntakwirwe imigabane mba nayageneye. Aliko shahu ceceka! Abali i Kigali bo ntibahoze? Umva nawe bakorera bitatu! Ubwo se urumva batararenganye? Batanga icya atanu ku nzu, agahahira umugore n'abana muli icy'atanu asigaye bakambika urugo, bagatungamo abashyitsi baho bagakuramo agatabi, akayoga nawe uralira? Ceceka, ahubwo uwakwereka bamwe balira wagirango ni umugani. Wowe ni uko utajya ukunda guhura nabo ngo wumve, bakuguza ugiye nko kubasura kandi baba baraye bahembwe! Yoooo se sha! nibyo byabo, bwa busilimu bwabo. Ceceka sha ahubwo jya ubasabira gusa!
Ese ye na barya basilimu bose njya mbona ni uko? Umva re! Burya nabo ni uko. Ahubwo ninabo benshi abamerewe nabi batyo. Yewe ndetse, haliho n'abize udushuli duke dutatu, tune, dutanu, bapfuye urwo. Eh! Ayo mashuli yose ni make? Ibyo rero si ikibazo bireke jya urya uryamo wiyumvilire hirya barya imbwa! None bavuye? Aliko shahu hora! bajyeho se? Bamwe se babaho batyo basetse? Ubwo se bagira iyo bajya ntibagenda hanyuma bakemera gupfa urwo? Nk'umuntu ufite abana cumi akemera kubayo ubona ko asetse kandi azi ko afite ubuzima bumeze butyo? Ubwo koko urumva aba atabuze uko agira? Abahungane se abajyane hehe? Niba se aba amaze yo imyaka cumi n'itanu ubwo ubona ko aba akibuka iyo sekuru atuye?

Yoooo! Se n'aho bigeze? ni ibyo da! Ubwo se amahereso ni ayahe? Ni urupfu da! Nta kindi! None se ubonako Imana isongera kumanura Mana

bwa kabili? Ko yamanutse limwe gusa? Ihorere.

Urarya magana alindwi yawe nta nduru, nta mitima y'indi ihagase ubunza, nta kana nta mugoro ugutera hejuru, yrarya urannywa, wifâtiye ikabutura yawe, umuturage w'umuhinzi aragufata nk'umutware, nawe urashunga indushyi. Cecaka sha! ubabaye he se?
Ndetse ibyo nabyo tubicumbiko kukohagize undi utwumva yatwita abashinyaguzi. Yewe ndetse, reka nkubise urabeho' Ngiye kwandikira Banyangiliki Théophile mubaze amakuru ye n'aya wa mwana. Nawe nasabankubwira uko byifashe maze kugira icyo menya kindi nyuma. Aliko se sha! Ntusibagirwe kungesaho iyo nkuru kuko ni âmwe mu minshimishije cyane!

Kumura ga shahu minkunda kugira amatsiko cyane keretse iyo mbishatse! Naho ubundi nsahera aho tubicumbikiye ahangaha, ni uko rero ngaho urabeho, nkwifuRije akazi keza. Ni uko ngaho nawe! Yeeo!

Noneho ubwo Nsabandora agiye reka noye kwicara ubusa gusa nandikire wa musore Théo, kuko n'ubwo muli coopération habamo akazi kenshi bwose nizeye ko atazabura akanya na gato ko kunsubiza. Kuko ajijutse kubera amashuli menshi aĝâgije afite atameze nka babandi bakangisha inyuguti imwe ibanza bazi. Kuko ngirango bene abo nibo bakunda kwica amategeko y'ikinyabupfura. Reka ntangire ndetse.

Birambo, le.........

Mon cher Théo.

Ubwo maze kumenya adresse yawe nejejejwe no kukugezaho iyi baruwa yanjye igutashya, n'amakuru yanjye y'iminsi myinshi ishize tutabonana.

Nkaba rero mboneyeho n'umwanya wo kukwifuliza umwaka mushya dutangiye. Urakubere mwiza, muhire w'amata n'ubuki.
Cyakora ino iwacu mu cyaro tumerewe neza, njyewe menyereye kwibera imuhira n'ababyeyi. Mama yali amaze iminsi amerewe nabi bitoŧoshye ndetse k'uburyo twali tumuvanye mu bitaro. Aliko ndabona atangiye kwijajara. Ma soeur nawe aragutashya cyane na abavandimwe banjye bose.

Aliko se Théo, amakuru ŷawe ko ntayaherutse ni ayahe ko hashize igiĥe kirekire? Aho muli Kapitali yanyu mumerewe neza? Twebwe ino guhinga turabimenyereye, turatabira ibishyimbo n'ibijumba biracika! Aliko urubura rwali rudusize ihere heru. Nyamara ali nakwo rusimburana n"izuba ry'ikiĥatu. Ubu rero tulitegura inzara itoroshye bikomeje bitya. Natwe rero bidutera ubwoba, kuko tuba dutegereje umukiro ku isuka gusa. Kwizera iby'ubuhinzi gusa biragoye mugenzi.

Cyakora ababyeyi bawe nabo bali aho, kuko mperutse guhura na murumuna wawe ki isoko akambwira ko ntawe urwaye bose bameze neza.

Ese nyine wowe nturatekeresa ibyo gushaka? "Agacanyi"? Fiancée) Aliko mbona n'ababafite balira ayo kwalika ushatse waba ubyihoreye niba ali umuruho usaba uwisanira haracyali igihe. Ngirango nawe ntuyobewe ubusima bw'ubungubu.
Ese ubundi ino mu gishugi ko alitwe twihutira ibyo kubera kà nta wundi mukiro tuba twimilije imbere kuko nta bindi bitekerezo tuba dufite! Ngo uwo niwo mukiro tuba dutegereje gusa ra! Ngo tubone natwe ijambo mu bandi bagabo n'ikicaro none twabihungira he?

Ese nkamwe muba mukihahira ifaranga ligwira mwaba mushaka iki kindi? Mbese nyine usi ko wa musore Sinsikwita Isidore yateruye umukobwa ejobundi? Ubu tumubara mu murongo w'abagabo da!
Bose ni abana, umusore afite 17 naho umukobwa we yifitiye cumi n'itandatu. Aliko ácyo "Kibondo cye" gikabije kuba gitoya cyane.
Iby'ubu ntawabimenya ahali basashoboka kwishingira urugo rukomeye!

Mbere yo kurangiza rero nagirango usambalize umukobwa uba aho i Kigali witwa "Nyiramfakaramye Jeanne d'Arc" Ngo akora aho muli Ambassade y'Abafransa. Birakomeye, kuko menye amakuru ye byanshimisha cyane kuko ni ibikomeye nshaka kuyakulikirira. Uyamenye ukayangezaho vuba rero waba umbyaye. Mbese nawe ntuyobewe iby'abasore b'ubu.

Nasaguhishira urwabitoke ubaye usa n'uwerekora ino aha.
Aliko kandi ntibigutere imitima ihagaze n'ubwo mwaba musiranye bihagije ibyo ntibyakuma utagikomeza kuko ngirango usi neza ko ali mushiki wanjye, naho rero njyewe ni amakuru asanswe mushakira.

Ewe njyewe mbaye ndekeye aho kuko nsi ko ufite akazi kenshi, ntagutera igihe, aliko nkaba niseye kuba nasasoma akabarowa kawe mu minsi itaha uramutse ukikutse imilimo ushinswe.

Mbaye mbifulije akazi keza.

Amahoro ni aho ubutaha;

Mfuyuruhe Christohe.

Ubu se ko iyi week-end imbanye ndende ndayigirante?
Ahh! Kandi rero wamuhungu Nsabandora yali yambwiye ko azaza kunsura uyu munsi, a vuye mu mama.

Ngise imana rero naboneraho n'agacupa kuko ngo iyo abalimu bagize inama baba bagiye guhembwa! Ubu rero bashobora kubona amafaranga uyu munsi. Ninayo mpamvu ntagomba kuva hano uyu munsi keretse aliwe uje kunyivanira hano. Naho ubundi aje akamburа wasanga biba urwitwazo yaje kunsengerera akambura. Ubwo rero naba nikuye amata k'umunnwa.

Ta,ta,ta,ta,.......oui.......
François, nta muntu numvise usa n'ukomanga? Aho ku rugi? Nanjye nsa n'uwamwumvise, aliko ntawinjiye namutegereje nambubuze.

Wajya kureba? Reka nse ndebe.

Ta; ta; ta; ta;........Entrez!!!!! Ahh, ni wowe Bwana Nsabando? Ni jye mwa! Kalibu, kalibu! Wakwicara? Nase umpe n'amakuru yawe! Murakoze. Ubu nibwo nkiva ku ishuli. Ecyuya kiranyishe reka inyota yo ni yayindi!

Shahu se ko ntacyo mfite ngo nkuramire agatima? Reka shahu geragesa, kubita insu ibipfunsi. Gira vuba inyota irancyokagura ibihaha. Ingwa ndumva yansibye umutima. Yewe harya munywa igikatsi? Gecoka sha! Ubwo se wampaye niba hali igihali? Usi ukuntu numva mfite icyaka nk'uwaliye inyama? N'ubundi wenda uje umase kwinyusamo mushikake inwe! Aho ntiwumva da! Ngaho rero ngwino nkwereke kuko kiracyoroshye, n'icya nimugoroba, nali natinse kucyiguha, kuko nsi ko abasilimu nkamwe mutajya mwinywera bene ibi bya giturage. Ashyiiiiii Urakoze shahu Mfuyuruhe we!! Usi ko nali ngiye kwitaba umuremyi? Erega musica abantu ngo ni umumungu! Nlikba se uretse ibyo abirasi biha, ubundi ibintu bya gihanga musabona icyo mubisimbusa bihwanye? Shahu njye ntimukamushire muli ayo. Nujye mumpa nihere imbavu ngihumeke! Sinjya muli ayo rusaba rusa rwegure.

" Ngo ntakica umuñindi" None rero ubwo umaze kuramira agatima ngirango noncho ushobora no kunywa agatabi. Ahubwo rero.

Niko se Mfuyuru? Amakuru ya Jeanne ntayo uherutse? Wohora n'iki Shahu ko nandikiye Théophile na n'ubu akaba ataransubiza? Aliko niseyo ko ali umwanya muke yagiyse, atali ukwanga kunsubiza. Naho ubundi rero bombi nta makuru yabo mperutse!

Aliko rero sinonesa ko iki cyumweru gitaha, gishira ntarabona urwandiko rwe: Kandi niseye ko hasaba halimo amakuru ashimishije?

Ushhita rero uyambwira, umva re! Ubwo se urabona ngyabwira nde w'undi? Ibyo se Shahu ni ibyo wilirwa umbasa Lilime? Noncho ga burya ntujya unyisera! Ngaho nsabandora! Oya sha! Nsabandora ni jye gusa!

Hanyuma se ibyo igihe ibyo bitarasa iyi week-end tusayigensa dute? Reka nañjye ubu byanyobeye rwose! Reka se shahu nawe wikabya! nawe byakuyobeye se sinumva ko ejo mwaba mwaragize inama? Kuko ushaka kumfata utyo? Ni uko ureba ugasanga nta kasi mfite gafashije? Rekeraho shahu nanjye si jyo wenda nanjye nsakira! Ese ni kuko usigaye ushaka ku ndyarya? Ni uko undeba nta faranga? Aliko shahu we ko ugiye kujya wifata nk'abaturage babisi? Ubwo rero nawe usi ko iyo inama yabaye iteka tuba tugiye kuyora nk'uko mubyita! None se shahu nawe urandeuganya. Ko aliko nanjye bambwiye.

Ahhh! Musigaye mushyuhaguse kurusha ababitetse.
Erega ntugirengo nanive kwumva ibyo uvuga! ahubwo nanjye ni ukubura uko ngira. Mba nashiliwe. Aliko se ngo ni uko utatunse amafaranga

menshi ubwo wowe uyobewe ibyayo?
Umva nyine ko ntayo nigeze. Nujye muduha noneho twilireho twe tutagira na busa. Aliko se sha! Uziko iyo mvuye guhembwa aliko ndusha kugira imitima ihagaze myinshi? Umva re! ali ubutindi ali n'ubukire byose biranganа. Byose bitera inkeke! Ubwo uba wabuze aho uyabika cyangwa uko uyabara.

Reka rero nkwereke uko tujya kuyacogoza. Ngukize iyo nkeke. Aliko usi neza ko ntashobora no kurangiza-imyenda nali mfite? Ndalira nawe ukalilimba?

Aliko koko umuntu yahembwa agahita ayarangiza uwo munsi? Sambona ayo nalikandagiye litajya limva k'umufuka? Ni uko utigeze utunga arense ijana?

Mbese shahu ngaho nawe ibalire niba ugirango ndakubeshya. Kwa Bizabavaho Dieu Donné, wa mucuruzi nyine w'igihinga, mfitiye umwenda w'icya atanu, ali ay'inzoga nyine za "Rushungandushyi" cyangwa se itabi, n'udoconco tundi.

Hali Kwajekare nawe mufitiye hafi magana atanu. Yeeeeee ! Sha niba hali umuntu ufunzwe kandi w'umurya myenda ni wowe. None se shahu nabigirante, ko nanjye nta kundi nabigenza? Ubundi ko nkorere kubaho wagize ngo nanjye nkorera kuzakira nk'abandi? Ubwo se uzayishyura mase uyirangize? Wagiye ugabanya? Dore re ! Ubwo kuyishyulira icyalimwe wagize ngo ni ngombwa Hiiii? Ahubwo bamwe ni ukujya mbakarabya, nyuma nkabacalika mbabwira ko ntarahembwa! Bityo iminsi ikaba yisunika da!

Yewe ndabona ugiye guseba mwa! Ni ukubona mugenda gusa!

Erega wagize ngo hali inkeke binteye? Hiim? Ashwi da! Ahubwo iyo niboneye ka rushungandushyi ndinywera hanyuma kamara kuntokosa ngakururuka mbonye ijisho litangiye kureba imirali, ni uko nkiganira iyo ubuliri nkisinzilira ibindi nkabyirebgagiza. Ngasinzira pee! Neza cyane!

Yewe rubanda mugira umutima ukomeye bitangaje.
Erega shahu ngo n'ubundi ngo utambuye ntabwo akira! Ahaaaaa! Mukinisha byinshi! Kwambura bandi utwabo ngo muli abakozi ba Leta? Yewe ~~xxkixixhxxbyxxxhixxXxxxxbxxxxxbxxxdixxxxxbxxxx~~ murayisebya! Ahubwo Leta yali ikwiliye guhiga ibisambo nkamwe, ikabikulikirana ikabishakira ibihano bibakwiliye.

Kubona munyanganya abaturage, kandi alimwe mwali mukwiliye kubajijura no kubarengera mu twabo sha? No kubateza imbere? Birakabije mwa! Wowe kugipande cyawe usisubireho! Ejo utazafatwa ukitwaza ko twabisangiye cyangwa ko ali jye wakumaliye imali.

Ese ko mumva uvuga utyo wagize ngo narangije kukurondorera indi myenda ndimo? Komeza twumve! Ntaho ntungiye nawe, yanyubakiye inzu none mulimo hafi bitatu magana atanu, kubera amezi abili nararnyije

ntamuhemba.

Aliko we ntacyo antwaye kuko nsajya muhemba igice kugeza igihe azayamaliramo. Hali n'abandi rero ntiliwe nkurondorera benshi ngirango ibyo bikweretse ko amafaranga ntabyayo! Kandi atagira nyirayo!

Yewe ga wo kanyagwa we! Ndakubabaliye!
Ko numva sa bigiye kungana n'umushahara wawe umva re! Kandi narawurengeje? None se ntusi ko nkorera bine magana atanu na mirongo ine n'atatu? Ubwo se urumva hasigaye iki? Ahyiiii! Ntacyo koko shenge!!!

Ubwo se kandi hali icyo ngukinze? Nyuma rero nibabona umuntu adasengera rero nibabona umuntu adasengera ngo ni umunyabungu? Naho ubwo yashiliwe! Ashyo! Ubu shahu nsoa kuli iyo myenda nkarenga ho nkajya kurara inkera? Ah! Ah! Ah! Musatulira mu nzu! Erega shahu uraturenganya! Ese wowe, umuntu wo hanze aha uramuyoboke? Iyo abonye agukuyeho n'iryo urwagwa hali ikindi ataliguze? Ntusi ko ayo yali kumusengereza arengera urugo rwe kabili? Yego halimo abakize barengutse, hali rero na Banyakujya batagira n'ihafu? Babyuka bajya gukora nk'abandi ukwezi kwashira bagaherekeza abajya guhembwa! None ntusi ko uwo nakwita umukozi ali ubyuka ajya ku kazi. Hanyuma ukwezi kwashira nawe akasacyura umusaruro mu rugo rwe?
Kubera ko imbaraga ze aba yatanze siba sitapfuye ubusa?

Yego sha! ibyo ndumva ntaho ubeshye ahubwo ikibi cya bene abo ni uko usanga batwica batubwira ngo ntacyo baturusha! kandi nyamara ali ukudushinyagulira. Nyamara kandi ntibuke ko nyuma yabo hali umutindi nyakujya utagira n'urwara rwo kwishima. Wapfuye agapfuka!

Ahubwo balikirwa bamubwira ngo "Komera"! Ngo "Ndagushyigikiye", ngo tubilimo. Nyamara se shenge bazahulira he?
Ko no k'umunsi wo guhembwa bene abo bataboneka.! Nyamara se ngo amenya ali n'umuhanya amunagire nibura ijana? Hali se n'icyo byatubya iyo mali ye y'umusi? Byaheho se aha? Yamubona akennye ngo mbese shahu nagiye gukira uli hehe? Ntamenye ko imma idaha bose! Cyangwa ko afite itegeko ryo guha utishoboye aho kumubwira nabi kandi nta n'icyo amuhaye!

Wowe wananirwa go kudepana umuntu ageze habi ukagira no kumushinyagulira? Ibyo n'iby'i Rwanda? se Ubwo se uba umubaniye? Ahubwo ntutangwe kumurwarya ngo ni "Ibyacu" ngo "Tuva inda imwe" n'ibindi byinshi cyane nawe ujya wiyumvira!Ubwo rero we agataha yishimye ko akose igiworwa, agirango ntabwo ubona neza ibyo ashaka kugeraho cyangwa se ibyo akora! Uretse ko nyirukubwirwa we abura uko agira akagwa neza!

Ngirango hirya y'ayo magambo avugitse neza kandi asize umunyu haba halimo ubumara bubi ndetse ahubwo budateze no kugombo-

rwa! Yewe bene abo jya ubilinda kuko bashobora kukurya ndetse bakakumara uhagase!

Yewe sha! Nzabando! Wilinda guhora, umva najye sinkunda kuganira n'abasilimu aliko bene abo bateye vatyo nanjye ndabasi kuko ntawe bategera. Ndetse cyane cyane nka bene twebwe basiho ko twashukika vuba.

Nse ubundi ubona dukunda kwiyegerera bene mwebwe tuba twishyikiliyeho ukagirango ni ukubasusugura? Oya da! Ahubwo ni ukubisera. Ali ko se wowe utangiliye akamaro, nese nabi wasatega kusangilira ryali?

Yego wowe ibyo utekereza ni ibya "Kimuntu" kandi by'ubukene, ukibuka iby'ivanjili. Umukire rero ibyo aba yarabirense, byo gushaka gushyiraho ilinganisa ry'abantu.
Ahubwo ntabyifuza na gato. Ubwo se shahu, urabona ko icyubahiro n'ikuzo bye ikuzo n'igitinyiro bye byasaturuka hehe kandi, mu gihe abonye ko nta wundi ugikeneye kujya kumujajaho no kumwaka inshuro? Erega ni uko isi yacu imeze! Kandi ngirango niba ntacyo wowe ubwawe ufite ku giti cyawe ntukibwire ko hali ukwitayeho nabusa aho waba wiboshya cyane rwose.

Uhubwo ukureyo amaso. Ubwo usilirwa ubunza urutwe rusa wibwire ko hali usishinga ingalisi ndakurahiye da!
Nturwanaho se nawe ngo uhatane ubona ko hali n'umwe usakwitaho ? Jamais!

Yewe Nzabando rekera aho numvise ahubwo ahasigaye ugiye gutuma ndwara umutwe. Kubera ibyo bitekerezo ntali nsi. Ahubwo niba ali ibyo buli wese yali akwiye guheruka agakoresha amaboka akirwanaho kugirango abeho neza ntawe agombye kutega ho umukiro wundi!

None se wowe! "Ijambo lihora libwirwa buli munyarwanda, ko akwiye guhagurukira umulimo w'amaboko akawukora atikorera sha kugirango asamure imibereho ye myiza bityo n'igihugu cyose gitera imbere"!
Burya wumva lidakubiyeho inyigisho s'ingirakamaro kandi sigomba kusatesa buli wese usashaka kulikulikiza? Ndusi ko mvuse usashobora kulikulikiza we buli wese abishoboye. Naho ubundi rero usajya ahinyuran inama abwirwa Yewe! nibyo koko iyo nama tugirwa nanjye kuva nayumva nicyo kintu nahise nitaho kandi nubahilisa kuko yanfashije nyine kwilinda bene babandi bilirwa iruhande rw'agacupa gusa hanyuma bamara guta ubwenge bagatangira kwikorera icyo babwiwe n'amazi y'insina, bwacya ugasanga rero bageze mu y'abagabo. Nta faranga bakigira, nta nshuti kuko bose baba baraye babanduranyijeho, batabisi. Umugore wabo yigendeye kuko atakibona na bwakeye buto? Abana ngabo mu ibarabara babuze kirera. Urugo rero rugasenyuka rutyo. Naho njyewe ubu nase kwumva merewenesa ra! Iyo mbonye ibinyerekeye bitunganye mu murongo uboneye, nkumva ndi no mu murongo ciboneye iby'igihugu kinkeneyeho ndashaka kuvuga abavandimwe inshuti n'abaturanyi ubwo iwanjye ni ubuhoro.

Nase mugensi twaganiliye byinshi kandi bifite akamaro

kuli twe ndetse n'abatwumva none ubu reka tube turuhuka. Tugane epfo iyi, ujye kunyihera limwe ndebe kò nakwiyibagiza ibi bitekerezo bimeze nk'iby'i ndushyi, kandi ntarageza aho kuruha nkili mutoya.

Sha! ni koko wiyisiye nkajya kukwihera limwe biraruta, maze iyo nkeke y'iby'isi tukaba tuyishyize iruhande dore ko nta cyo twishoboreye.

Jya kunyihera icyo kirahuli shahu nkuvugute ni hahandi hawe shahu nawe ntirugusaguliye, nawe ntusetse! Ntyabika ngo usabure kwicwa n'imyenda. Koko aliko umbwiye neza, ndayabika se koko ngo agwire? Ni amahanya koko! Reka ruzaze rwegure ni hahandi aliko nzabe nihereye igifu?

Yewe muhungu we! yewe sha! ko atumva ra! n'iliya mizika?
Barama! Karame! Eeee!! Ugirango iyo batavuze "barman" arabikunda?
Umva! none! We siwe titile ye? None se shahu kwo alibyo twahozemo, hali uwanze ikuzo kuli iki gihe? Ibintu byarahindutse byose! Reka reka!

Yaje mutume! Waba udusingilije limwe aho mwa! Urebe ilikonje aliko. Kuko icyocyere kilishe! Gira vuba aliko. Dore ibihaha biragurumana.

Bene Nyakamwe baratanze.
Eh! Eh! Eh! Watse limwe gusa? None se? Ni irya Petroli ugura se ?
Cyangwa ni irya amata? Maze sha bene ayo magambo niyo atuma umutegarugoli atajya soko!!! Cyangwa umugabo atava mu bandi n'ubwo yaba nta mali afite!

None se wowe ko ulira hali umugore ufite cyangwa hali icyò kwambara ubuze? Umva nyine ko nta mugore. Ubu se ndahunika mu Banki Nanshaka kurongora nzaza kubikuza hano? Zana ibyo uzana rero. Ibyo se bizatuma tuicwa n'imyenda? Ubundi aho ugejeje ubu twali kumwe? Ngaho nabe asanye abili hano! Yee! ahubwo rero! Suka vuba mwa! Do! Arayitombokesheje! Usi njyewe ngiye kunywa ifuro lisa?

Ku busima bwacu ! Merci!

Niko se ye ndumva noneho nsamye agatima! ntangiye guhunyeza! Uliya mwana se mbona winjiye usa n'ufite ibaruwa, yabaye iyo atuzaniye. Ko wumva ngo iyo umuntu iyo anywa akayoga, asoma n'urupapuro cyangwa se ikindi nk'ikinyamateka ko aliho arushaho kuba umusilimu?

Aliho? Dore nguyu hano da! Wenda shahu wabona Théophile yanyibutse, akaba anshubije.

Nimwakire ibaruwa yanyu, Banaah! Sinakubwiye! Ni uko sha! Uyikuyehe? Ni umugabo uyikuye kuli Komini wayimpaye ngo nzayibahe. Mbese wabwiwe n'iki ko tuli hano? Nonese mwamanutse imbere y'iwacu ntabareba? Ni uko urakoze mwa! Ahubwo bagusingilije ikirahuli nawe ube wihera imbavu.

Murakoze n'inyota yali ingalitse.
Giravuba aliko kukò utarageza ku myaka yo kwicara muli bara!
Fungura vuba shahu Christophe we! Ndumva mfite ishyushyu nk'aho ako gasore alijye kandikiye!

Ndakeka neza ko ali Théophile wanditse akubwira amakuru y'i Kigali. Nabyabindi rero sinzi niba walibutse kubimubaza ubwo uherutse kumwandikira! Nibyo nabanje ahubwo.

Soma cyane rero nanjye numve!
Yewe niwe n'ushaka ikirahuli ubo ugifashije hasi wiyumvire.
Ubu njye mba narangije kuyitera imboni! Dore hejuru ni
Kigali le... ...
Aliko se soma cyane nanjye numve! Aho ntunyumvira? Yeee! Nsome cyane Wenda halimo ibanga ryanjye nawe hanyuma wowe ulisamire aho? Ba uretse mbanze ndangize nyuma ndaba nguha nawe wisomere! Kuko nanjye ndumva ibilimo binteye amatsiko!

Sha nanjyaga nkwisera ngirango tuli inshuti z'amagara, none wowe ujya unyishisha bigeze aho? Unkinga byinshi! Oya mwa! Ahubwo wowe ni uko ugira ishyushyu! Ese wowe wabaye unywa inzoga ko najyaga mbona ntacyo uyigurana? Zashize ku meza? Nanjye aliko ukampa ~~kanjyaga~~ nkisomera? Sha! Ndabona ungeze ku buce: Ibyo bya alikoro umpaata, bihwanye n'udukuru tw'inshuti udaherutse?
Niko shahu umaze guhaga imitsi yanjye none reka umbwire utyo!
Aho ubwo ulibuka ko mu mwanya ushize ali wowe ungeza aharenga, ngo ugiye gutanga, ngo nta na limwe n'ubwo iry'amata?
None umaze guhendera igifu cyawe, kirapakiye ubu rero iyo niyo nyiturano!

Ubu ugomba kuba umaze gusinda ndabirusi.
Shahu ba uretse kunoyulira bigeze aho! Uwaha undi inka we yagerekaho bene ayo magambo?
Icupa limwe duciyemo ibirahuli bitatu nibyo bituma uteshaguswabigeze aho? Ndamaze ubwo se koko iyo utambona wayigiliraga? Simbona usa n'uwo baciye mu kabali aho abandi bateraniye? Ndamaze aho wowe ntujya ujya aho ukibeshya wibwira ko ali isanduku ubikamo usajya usakubikuza no mu gihe usaba umerewe nabi? Njo ntasahanyura wamangaliwe nta faranga ahubwo ntibatuma winjira no muli bara? Ese uragirango dutongane? Yewe ntaguhabwa n'umutindi!

Erega n'ubundi intagira ngo itanga iganya! Kuko n'ubundi umutindi aguha ikintu wahugaho gatoya akakikwiba!

Umva sha! Nzabando: Urananiye! Reka ibyo tubyihorere batavaho batwita abasinzi nk'uko ubivuga kandi tutashize n'inyota!
Iyo nduru tiyireke mase nguhe nawe wisomere, none nakira iyo nkeke!

Ndasoma cyane aliko njyewe: Umva mbese nawe ijambo atangije! Ubure gutangira uvuga uti nibabe basanye ilindi limwe hano kumeza: Nawe uli muli ayo uli umuntu wahembwe? Ese ni tutabirya tukiliho tusabiheza? Nibasane limwe mbe nihera imbavu kuko ntibasaduhambana!

Enda nawe isomere kuko mbikwibwiliye utabyisomeye wagirango ndakubeshya. Cyangwa ukagirango ndamushungirwaho.

Aliko ayo mabaruwa yawe agiye kumarako icyitwa ifaranga! Wowe uko umpaye ngiye kuyisoma niko ntanga icupa? Yasavahe rafasavahe ra? Buli saha, buli dakika? ngo ninsengere? Yewe" Ntarutambulira imfusha." Nibalizane!

Birashira bagahaha! Burya shahu koko nta mwuga udakiza! Abashomeli ntimubura ibyo mulisha rubanda. Cyakora njye ndasoma cyane. Ngaho soma cyane ko jyewe burya nali nabitinye ngo utanseka ngo ndasoma nabi se! Ibyo ni ibyawe ko nise se jyewe hali ikibazo?

Wagize ngo ndi nkawe? Udashoboye no gusoma alifu? Ahaaa! Nase iyo mujya kuba imbwa mukangisha amashuli nayo adashyitse! Ese uwise akaminuza ko atilirwa abivuga? Nkanswe wowe wakandagiye limwe haliya i Rulindo none ibyo nibyo ugiye kulimbuza isi? Ngaho hitana, simbikwatse! Nbese burya bwose shahu wowe urwanya abize? Christo? Reka reka data wo karama we! Aho shahu wowe ntushaka kunkorera ishyano mwa?

Ibyo wigeze kumva mbirevuga? Ndusi kohavuse data ambyara? Wowe warwanya ikintu gifite akamaro sha? Ubwo waba witwa iki?

Aho ntisibeshya ukambaza icyo kibazo hali undi muntu w'umutegetsi utwumva? Akagirango byigeze kuvugwa koko? Nasawuvamo? Aliko njyewe uransusuguye! Reka da! Aliko wowe, wajya mu bajiji utali umujiji?

Aliko daweya abantu bize wabanganya iki kuli iki gihe? n'aho tuli aha ubungubu ko ali ku bwabo? Egokoooo! Ibyo urabyisinyeho da! Ni wowe wabyitekererejo!

Ahubwo soma vuba anayimpe nyibike tuve muli iki kirabo aho ayo magambo avugiwe, ahasigare ejo atazankulikirana. Nato batankulikirana ngo hali Politike nali ndimo! Nbiswa ra!

Aliko tunabikabilije ga data, gira vuba nigendere aliko naaba ndora ibyo mukangisha aho bizabageza! Naho njyewe ubwo mbonye icyo ninywera reka mbe nimiraliza mase ahasigaye umpe amahoro.
Nato nawe wabona upfuye urwa "Nyiramfakaramye" ngo ilitwaza ko wize!

Ese ko numva wamugize indahiro yapfuye uruhe? Ese wowe wakwisomeye ukiyumvilira? Si ngiyo ibaruwa? Aho usi ko agigaye amerewe kuli iki gihe? Hiiin? Soma wiyumvire nawe kandi no gupfa aracyapfa! Ntaho aragesa! Ko unkuye umutima mwa? Sha reka nanjye nisomere numve.

Kigali, le...........

Très cher Ami Christo,

Nishimiye ibaruwa yawe mperutse kubona mu minsi ishize. Gusa sinashoboye kugusubiza vuba kubera akasi kenshi nagize muli iki gihe. Nali mase iminsi muli ankete ya sa mpunsi wenda wumvise duherutse gusibisa iwabo.

Ubu none mpugutse reka ngutumeho amakuru yanjye n'iyi ndamutso kandi niseye ko utanveba!

Hano i Kigali rero akasi ni kakandi. Cyakora merewe neza akasi kenshix

kenshi ntikantera ubwoba jye ndakishimira kuko gukora cyane ni cyo gih( tugezemo kugirango twubake igihugu cyacu" Udakora ntakarye".
Kuko uwarya gusa ntacyo akorera igihugu niwe twita "Imungu" ino kuli iki gihe kandi ngirango ntawe utazanga, no mu Kinyarwanda iyo sadutse mu bishyimbo uzi ko bigenda:!

Ubundi rero hambere aha nigeze kunyarukira imuhira, marayo iminsi itatu gusa, ngirango nawe usiko ndakunda kuserera!

Nahuye n'akagwa karampuza maze sinashobora kubona umwanya wo kuza kugusura. Ubutaha aliko nzakora uko nshoboye nzaze tumeneho abili nimbona konji y'iminsi itubutse.

Cyangwa se nawe ubonye akanya, wanyaruka ukansanga ino i Kigali. Mwebwe muzahora mwisingiye iyo mu cyaro. Ntabwo muzajya mutarabuka ngo murebe n'ahandi uko byifashe? N'aho amajyambere y'igihugu cyacu ageze?

Umva rero shahu umwana wize Kilime! Ureke bimwe byanyu mwiha bidafite epfo na ruguru. Avuga neza, si igihubutsi, ntiyirata, Ibuka kandi abo babanye kandi baciye bugufi cyane! Kandi amagambo ye yusuyemo inyigisho.

Gusa nawe ni uko yongeye kumbwira nawe ngo nzaze i Kigali! Mpatinya nte? kureba ibyiza by'umujyi gusa nta kazi mpafite?

Ntabwo azi ko ubwirwa nuko igihugu kijya mbere ni uko uba ubona amajyambere yiyongera mu cyaro? ubu rero ntibazi ko tubatanga kubimeny

Cyakora icyo cyo mbaye nkumuhakaniye rugikubita. Sinzajyayo. Njo ntazapfa ngafungwa bubandi!
Navuga ko nali ngiye i Kigali kwenda iki? Nta kazi ngirayo?
Umva nzakubitwa izindi! Uzi Leta yacu yanga imbungeresi n'imburamumaro, Nzaguma ino mu cyaro. Nzasiro Kawa yanjye, mpingire urutoke rwanjye, mpinge n'indi myaka nyongera-bukungu, ninde uzandusha kubaho neza?
Ngo niuuko atuye i Kigali?

Sibyo se shahu Nzabando? Ahubwo wowe ufite imigambi ya kigabo. Niwihamira se iwanyu, ugakora ugasora, ukabona icyo urya n'icyo unywa nk'ubu waligusha, ikagira limwe ukaza ugafata byoli yawe, harya uzaba ubabaye iki? Ubwo se Bourgmestri niwe uzaza kunfata? Anshaka ho iki?

Dupfa iki? Ahubwo ko anyemera mu ndatwa zifitiye Komini n'igihugu akamaro.

Ngaho rero komeza twiyumvire iby'uwo musore w'i Kigali kuko nanabinyuzemo ngo tugire icyo tubivugaho!
Arakomeza yandika ati: "Wa muhungu Klimenti ali aho se? Uramunsuhulize nawe cyane. "Sha! Wa mwana koko ni mwiza! Nanjye aracyanyibuka?" Ngo ntamperutse sha! n'ujya kumusubiza uzambwire nanjye nshiremo akanjye gapapuro, kamutashya.

Ndabona aje no kutugerera kuli ya ngingoyerekeye wa "Mukobwa" Jeanne d'Arc. Tega amatwi aragira ati: "Gusa hali n'andi makuru wigeze kumbaza ya wa muntu wawe, ahali wasa ga n'usi ko tubonàna buli gihe.

Amakuru ye rero umenya nayamenya neza. Kandi rero ni na maremare. Ninayo mpamvu nayanditse ukwayo kuli urwo rupapuro rundi ukwayo kugirango usayasome witonze niba agushishikaje joko, aliko wihereye. Arashimishije cyane, k'ushaka kuyakulikilira hafi, kugirango nawe asagire iryo abara. Kuko ni muntu wantangaje nkumubona ahubwo nabanje gihinda umushyitsi, ngirango arakomeye.

Ni uko igihe naliye kumumenya neza rero numva najya ndigaye cyane kuko nali ngiye kuryitesha. Dore uko yifashe rero kuli iki gihe. Aliko rero shahu usabigire ibanga ndabigusabye. Ubu ali i Kigali!

Christophe rero, uwo mukobwa "Nyiramfakramye Jeanne d'Arc ibye biteye inkeke, biteye icyo n'iki? i Kigali;
Maze rero sinali muzi na gato, nta n'ubwo nali nzi ko ali uw'iwacu rwose. Maze nyakunyagwa tuse kumenyana ali muli chomage! Kuko nyine yageze i Kigali umwaka ushize. Asa kumara rero amezi atandatu nta kazi arabona. Aliko muli iyo minsi tukajya duhulira mu ma bara.

Nkeka mu minsi ya mbere ko ali indaya ikomeye, dore ko ino naso sirutannwa.
Ino rero hali iso usanga sifashe, sikodesheresa ibyumba, ugasanga ndetse sifite icyo kurya no kunywa aho iwaso. Insu yaso ugasanga ntacyo ibuze. Aliko izina rusange sikitwa "Indaya".
Hali n'izindi usanga sipangirwa n'abàsikoneye nyine nabo bameze nyine nabo bameze nkaso aliko ali abagabo. Epfo iyo mu cyaro, hatali mu kisungu. Zitunswe no kubona iposho sahebe sigahebeba nawe ibyo urabyumva.

Icyo gice cya kabili rero nicyo kibi ku bantu batuye i Kigali ali abubatse ali n'abasore kuko bene nk'iyo yagushyikiriye ibyawe biba biguoikiye hejuru kuko nta kindi kintu uba ucyimaliye.
Ufite urugo rurasenyuka, uli ingaragu ugenderako watangiye kugira, ubucuti nabene abo. Ukaba imbwa pee!! K'uburyo usigara utakigira n'umwenda wo kuginga imbere! Undi rero waba warasise umugore wawe muli Komini, cyangwa se muli kumwe aho i Kigali mugaherukana ubwo ukiva mu rugo. NIbwo wumva ngo umugabo yashyanye n'umugore ngo batandukanye. Sha, izindi ngeso umugore wawe yasihanganira aliko bigeze kuli iyo iragatsindwa iba injyana muntu!

Maze rero hali n'ikindi gice cya gatatu, tita bwa "~~Nyiramfakam~~ ~~ramye~~ Nyirarutuma ivu"! Buba mu kanivo nabwo ni ububandi buliba ntibugira aho buba, ntibugira ikibutunga gifashije, mbese n'udukeceyi ni utugore ~~xxxxxxxxxxxxxxxxxxxxx~~ ~~tu~~'amabandi". Ntacyo twambaye usanga dusengira n'amabandi kuli buli munyago wayo ya buli munsi kuko usanga basirshye. Nicyo atulinda. n'ibyitso byayo, mbese ni "udusega.

Cyakora ubundi ubwo ntacyo dutwaye cyane kubyerekeye abashakanye. Ako rero kali agace nga n'uruhare rw'indaya s'ino reka dukomeze ibya Jeanne. Nyine rero uko duhuliye mili bara, limwe ngakeka ko ali indaya ubundi ngakeka ko ali mascko, kuko nabonaga yifashe nesa kandi ubundi akaba ali kumwe n'abakomeye abasungu, wenda.

Gusa yasagamo buli munsi ahali! Icyamutungaga, icyo yayweraga aho yararaga simpasi, kuko rero uwo utasi nesa uramutinya.

Mbona iminsi iragumya guhita ali nyinshi asa muli ayo ma hoteri mu mabare akomeye ujya wumva y'i Kigali ndetse abenshi tudakunda kwisukira uretse uwifashe. Cyangwa tujyamo ali uko hali impamvu idasanzwe!

Nguwo rero muli za Milles Collines, Impara, Rupichi, Kiyovu, Sierra n'ahandi.......Ndetse limwe nkabwirwa ko yashobewe ni uko agiye bityo nsa kumenya ko ali indaya!
Aliko hagati aho nkaba narabanje gukeka ko ali umugore w'umusungu, bakunda ga kusana gufuraha. Uwo musungu we aliko nkaba nali nsanswe musi yitwaga "Monsieur Dupont Jean Pierre" Akaba nyine yali Conseiller muli ambassade y'ubufransa. Icyaje rero kibimenyesha ni uko uwo basanaga none, ataliwe basuranaga kusana ejo. Reka rero nse kumuca urwaho ali wenyine. Yibe yali yashonje sinabimenya.

Ni uko ninyara mw'isunsu ndamurembusa nanga kumusanga aho ali ngo aboneko nkomeye atansusugura!Aliko icyaba ali cyose.
Nyine usiko bene ibyo bya gisore nkunda kubihungira kure kuva kera unsi.
Gusa nagirango mbone uko menya nesa gusa uwo aliwe.

Ni uko rero ahita anyitaba nk'agasasi. Ubwo aba yihaye intebe yali iruhande rwanjye. Nanjye ndibwilisa mutumilisa ikirahuli.
Dutangira gutraita cyane mutangira ngira ntI:

" Cyokora Madamosela umbabalire niba ali uburondogosi sinsi aho nakubonye niyo mpamvu naguhamagaye ngo nkubaze nesa! Kuko najyaga nkubona kenshi aliko sinshobora gusobanukirwa nesa! ntabwo wanyibwira nesa ko iteka iyo nkubonye numva nishimye nkumva nshaka kukuvugisha? Kuko numva unguye k'umutima aliko nkababaswa n'uko tutasiranye! Kuko shahu Christophe, bene abo ino niko tubansa kubabwira kugirango twumve abbavamo. Kuko iyo wumva bakomeje umurego abona ko ibyo umubwira ubikomeje uhita umukwepa! Kugirango utasa guseba!

Ubwo mba nkojejo agati mu ntozi rero ansubiza agira ati: "Ni koko nanjye mpora nkubona ngasanga narakubonye ahantu, aliko simpibuke nesa. Kuko ntabona ukuntu nabikubasa cyane cyane abagabo, turanabatinyira y'uko iyo ntacyo abanje kukwibalisa utabona aho wamuhera ngo umuvugishe.

Cyakora natwe iwacu ni ahitwa i Busindi.
Aragumya alirondora nesa ararangisa, bitali bimwe bisanswe by'indaya sipanga umuntu ngo sibone ibyo simukuraho.

Ambwira nyine ko yitwa "Nyiramfakaramye Jeanne d'Arc".
Ko yarangije muli école norale inférieure akaza akigisha umwaka uwo

muli primaire iwabo. Nyuma numvise ubwalimu butanujyano mpita nva ku kazi nzi ino kuva muli janvier y'uyu mwaka ushize.

Maze amezi atandatu nta kazi mfite. Akazi nza kukabona ku italiki ya gatatu z'ukwa kalindwi k'uyu tulimo. Ni uko mbanza gucuruliza umuhinde bya mbuse uko ngira. Bukeye umugabo w'inshuti a nsabira akazi ko kwiga imashini i Gikondo. Maze amezi cyenda ndaza mpita mbona akazi muli Ambassade y'Ubufaransa. Aho naho mpamara umwaka n'amezi munani. Ubwo aliko aho mpagilira inshuti ikomeye y'umufaransa witwaga Dupont Jean Pierre. Akaba ali umugabo wankundaga bingaje! Bukeye bene wabo banvahisha ku kazi, kubera ishyali.
Ni uko baranyirukanisha ngo bafite abakozi benshi. Umusungu aragumya andwanaho cyane ndetse kugeza na n'ubu.

Nyuma yaho ndetse, haza umuntu ansabira akazi, muli Ministeli y'imali. Mpamaze ibyumweru bitarenga bibili bahita bansuka hanze None ubu, narangeye ntangira ubushomeli. Aliko ubunsinsi ko nsabuvazzx imbere! None amakuru yanjye kuli ubu ni ayo nta yandi n'ayi inzara.

Yoo!! Jeanne we ni igitangaza rwose sinali mbizi. Nsauira andi macupa abili aho nisimanire umwana w'iwa cu.

Ibyawe rero biranshimishije cyane kuko ntali mbizi. Aliko kandi bikaba bimbabaje nyine kuko, wagize itabu, ryo kutabona akazi na n'ubu kandi bikaba bigikomeza.

Wowe se amakuru yawe ni ayahe? Jye kugeza ubu ni meza ra! Reka ahubwo nanjye ngutekerereze! Ese nyine wali uzi ko nanjye ndi uwo iwanyu? Harya hakurya hitwa "Kiryango"? Rekayo! Harya nzi? Nkaba ntali nkuzi? Burya disi abantu bashobora kuryanira mu mahanga kandi bava inda imwe! None? Reka se nyine nkurangilize! Ubwo uwo mukobwa rero shahu Christophe, ubwo uwo mukobwa aba atangiye kunkubita udupfunsi!

K'umutima nti" Kambayeho biramkomeranye! ndibubyifatemo nte? Ko urwishigishiye arusoma? Ubwo mukomereza umwirondoro yali anyatse.

Maze rero nkaba nitwa "Banyangiliki Théophiele". Reka ye! Di! Iryo zina yiba ali jye waryiswe! Linyibukije byinshi mu buzima bwanjye. Ilihe se? Théophle? Cya: iryo lindi lisigaye ! ry'ikinyarwanda. Huuuu! Ubwo uraba ubimpa neza reka mbanze nkurangilize ibi byanjye.

Ni uko ndangije Humanités Scientifiques, ndakomeza njya kwiga muli Université Nationale i Butare, ubwo nkulikira faculté ya lettres

Aho mparangilije sinzi ukuntu nje kugobotora ka Bourse, njya kwiga mu mahanga, mu Bufransa. Marayo imyaka ilindwi nkulikiye Dogtora yanjye ya Droit. Ni uko aho maliye kuyishyikira nibwo ngarutse ino, iwacu i Rwanda. Yewe Data wee! Ubwo mbese burya bwose wize n'i Burayi? Cyane rwose! Ubwo koko uli Docteur en Droit? Rwose: Nyamara se hali uwabigukekeraho so da? Usiko wowe witonda cyane da?

Nyamara abandi bavayo, ni ubwo baba bakoze stage y'amezi abili gusa, cyangwa se bimwe bita voyage d'études, Bakaza baca ibikuba, bakiyibagiza i Kinyarwanda ngo bavuye i Buraya. Bityo bakigira indakorerwa ngo babatinye.

Reka jyewe ibyo ndabirenze, kuko icyo mfa ni ugukora akazi igihugu kinyifuzaho, ukwezi kwashira nkabona ikintuga, n'ikibeshaho Ababyeyi n'inshuti, n'abavandimwe, ibindi byose ni ubusa.

Naho abo ni ukbora complexe baba bifitiye ntazi neza iyo aliyo. Ubwo kwilirwa umuntu asakuza ngo yalize niko gukorera igihugu neza? Ubwo se walize ntiwigeragageza ali mu byo ukora cyangwa se imyifatire yawe ali ku kazi cyangwa se mu bandi hanze? Kubera ubwiyubahe n'ubwitonzi buba bukuranga utagombye gusakuza? Umwete ku kazi, kwiyoroshya n'ibindi ibyo si byo byose bikuranga? Naho bamwe bilirwa alicyo bakora, biranga, mbona ko baba bafite ibikorwa bibi bafite baba bashaka gutwikira ngo abantu bagumye guhugishwa n'ayo magambo gusa.

Di ni koko, aho ntubeshye, Di, Mon cer Théo, aho uhavuze imvaho! Ahubwo wagirango wize na Busikologi, nayo nayinyuzemo da! Gakeya aliko ko si cyane.

Aliko se ntakunyuze mu byo uvuga, ubu ukora he? Nkora muli Coopération, yewe najye nakabikenze! Ni koko baguhaye umwanya ugukwiliye; "Tu es un vrai Diplomate" Ugomba kuba uli Kissinger wa kabili rwose.

Oya di! Winshinyagulira bigeze aho! Namwishyikiliza icyo kirangilire? Ahaaa! Cungira n'aho! Ntihoroshye!

" Ngo isuli isambira byinshi igasoheza bike". Ubu se jye we ndasetse? sinize se? Ihangane nawe uzakira! Uracyali muto.
Yewe, oya nashisemo, ntamukiro wanjye. Ubu se umukâro ntabonye nkili muto nzawubona narahumye? Aliko kukâ mwiheba ko immana itangira igihe ishakiye, mwabaye mute? Ngaho ntegereze.

Nse nyine Joanne, twarondogoye byinshi twishinga ikiganiro. None dore bagiye kutizimilizaho, amatara. Dore hasigaye iminota makumyabili ngo minuit igere! Aho singukereza? Oya da! Ndihuta se ngo njye he?, Urataha he? Hali aho ngira se muli iki gihe? Hiim? ashwi da! Mba mu kirere nk'inyoni! None se ko inzu nabagamo bayinyirukanyemo nki va no ku kazi wowe iby'i Kigali se urabiyobewe? Yoooo! ufite ibyago. Nonaho reka tube tunywa limwe haliya. Ahubwo mwaba mugize neza kuko ubwo kili jye amasaha yaba yizunika. Nana ilindi cupa aho mwa! None se ko mbona isaha igeze tukaba tugiye kuzimya mu minota itanu muraba murangije? Gira vuba gusa ni wowe udutindiye!

Naze umpe na fagiture nkwishyulire limwe byose, na za godets za martinâ.

Di Jeanne, urabona ndimo kwiyumvira, si ukutakuvugisha ahubwo

ndimo kwibasa ikibazo cyawe kinteye inkeke. Ubu se nk'ubu nagufashisha iki? Nali no kugucumbikira none iwanjye hakunda kuza abashyitsi benshi, bagwa nk'imvura. N'ubu nahisize bane. Ahubwo ubu nanjye bya mbaye ikibazo cy'ukuntu tuli buraze? Mfite ibitanda bibili gusa. Kandi sinkunda kurarana n'undi muntu ubu byanyobeye rwose.

Kuko iyo ndyamanye n'undi ndafuruta umubili wose, kandi sinshoboboye gusinzira ahubwo ngatangira kwibaza ibitekerezo bibiiii, bukalinda butandukana. Ejo rero bigatuma ndakora akazi kanjye nesa! kubera ibitotsi mba ntashoboye kurangiza neza.

Kandi rero abo ni abantu baba bavuye iwacu bansanze urabona ko ntabirukana, kandi ali jye baba baje basanse kuko ali jye bazi ino gusa. Abaturage se ubu wowe uyobewe ukuntu barushya? Wabagira ute?

Cyakora Jeanne we, umva nshuti sinkwibagiwe, n'ejo ni umunsi! Ntacyo bitwaye cher Théo, ubundi nawe si wowe kuko abana b'iwacu bada kunda kugwa nabi. Sinakurushya ahubwo aho kukurushya nsagumya mfe urwo nagapfuye. Tusaba duhura tubonye igihe kitumereye neza twembi.

Umva reka ngende njye kureba abo bashyitsi iwanjye urabona habatereranye bikabije; yewe nibyo koko, erega ni uko ali ubwa mbere tubonanye naho ubundi tubonye igihe nkagutekerereza ibyanjye, wababara cyane! Umva di! ihangane Nzashaka umwanya nse tubonane neza.

Gusa hagati aha urajye unshakishiliza ahaboneka akanya, kuko nkamwe mukomeye mukunda kuhamenya kubera gukunda kuganira n'abantu bakomeye! Imana yonyine niyo izabiguhembera.

Kandi rero nanjye mbonye iko mva muli ubu bushomeli urumva ko ntaterera agati mu ryinyo gusa ngo ndume gihwa ngo nibagirwe ineza uba warangiliye. Rwose naguha icyo ushaka cyose ntajijinganya. Ngirango urabona ko nanjye ubu ntacyo n'ubwanjye nimaliye kuko ngeze aho gusaba uwo nimye.
Umva rero Jeanne sinkorera ibihembo, nkorera igihugu, ibihembo uzabireke, kuko nawe ntacyo wifashijeho ahubwo mbonye uko nkurwanaho biranshimishije kurusha uko naba rwana no kugera ku bihembo.

Ubu rero ulibonera ko haramutse habonetse umwanya urumva ko ntawundi nawurangira atali wowe.
Rwose musaba mukoze bwana Dogté! Ahubwo ibyo naba mfite byose byaba ibyawe.

Umva Jeanne we, sindindiliye kumara izi nziga zusuye ameza cyangwa ngo ngiye kuzibitsa ngo bazazimpe ejo, kandi ngirango wumvishije neza iwanjye uko bimeze none rero uramuke ubwo wenda bishobotse ni aho ubukeye bw'Imana, sibyo se? Kuko wenda tusongera guhurangufitiye amahabali mazuli. Ngaho rero muramukeho.

Dogté, murakoze cyane muramukeho neza namwe, mugire ijoro ryiza kandi murote Imana; ni aha ejo!

Ibyo shahu rero Christophe ni ibyo twaganiliye, muli Bara duhuye ubwa mbere!

Aliko njye nalingiye kumushaka ngo awige neza.
Ubwo aliko ibyo wowe umaze kwisomera ni ibyo twaganiliye njyewe nawe maze rero noneho ubu wihangane nkubwire uko njyewe namwiboneye.

Nyurambirwe kuko ubu tugeze aho umuntu atasomya undi.
Tugeze aho biryoshye!

Umva "Nyiramfakaramye ni umukobwa w'umujyi, ushoboye kwifatatax neza kandi w'umulimbyi. Ndetse cyane cyane navugako ali n'umunengamensi. Uretse ko ubu nta kazi afite, ubundi wajya umusangana n'abakomeye cyangwa abazungu ntazahingutse ko akuzi kandi mwali muziranye. Aliko ni mugihe kuko hali wa muzungu Dupont ngiye kukubwira niwe wamwishe umutima!
Ngiye kukubwira niwe wamwishe umutima!
Ngirango rero nawe uzi umukobwa wawe utarashyikira ifaranga iyo alibonye ko atakuva iruhande, ryamara kugushiraho, ugasanga aragusebya, kandi aliwe waguteye ubwo kukene! Amafaranga rero abakobwa akunda kubashuka cyane cyane abasanzwe bikeneye kandi baba bashaka kwigira ibirori nk'abandi ngo batere ubushyuho umuhungu ababônye.

Cyakora Nyiramfakaramye we ntabwo yashobora kurya abahungu kuko yirata kandi akishongora, ni ukubakuraho dukeya nabwo aba mwishyiliye gusa. Nabwo kandi ni abafite umutima wo kwihangana kuko umuntu ugira amarasо maremare urumva ko batabana kuko atashobora kwihanganira amafuti ye ya buli gihe.
Agikora muli Ambassade y'ubufaransa uzi ko yali ameze? Akili muli ako kazi kamuhaga ifaranga yali ameze nka babandi bita ba "Nyiramatwi" cyangwa se "Abashikazi".

Niwe ahali wali waradukanye bimwe byo kusinga imisatsi, bimwe abagiswayire bita "gusuka imnweli"! Amatwi ye nayo nti yali yatakuyapfumura. Kugirango abone uko asilikaho bya bintu nyine baseseka no; byo sindamenya kugeza ubu uko babyita. Yageraga ku matara rero yo muli "Bara rero nawe ntuyayobewe, uziko halimo amabara menshi, wamukubita amaso ugasanga amaso arahuma kubera nyine ibyo bintu bishashagirana!

Dore reron nawe ubwe koyali amaze kwiremura kubera ibyo yisigaga bimushishuraho umubili usanswe ngo akunde nawe abe igituku mubandi, cyakora nabyo yali amaze kubigeraho. Kuko yali ameze gusa na "Nyamweru"!

Harya ngo umuntu yose isabune isanswe, akihanagura akarekera aho akagumya akaba umunyarwanda, ntiyakwitwa umukobwa? Ubukire bwo bwagusabye, ayo gupfusha ubusa bigeze aho ntiwayafashisha umutindi mwene wanyu? Cyangwa ugateganyiliza urugo rwawe aho kugirango rusaterwe na bwaki? Ahaaaaa!! ngaho mbaliz nsaba mbalirwa? Kumubona binyeganyega rero alimo gucesa! Byo n'ibindi wagirango n'inzovu yishwe n'inyota kubera kubura amazi. Kuko byakururaga amatwi cyane

Urumva rero ko yamiti yo kumunnwa no ku maso atibeshyaga ngo ave mu nsu atarayitsilitaho. Mase shenge wamukubita amaso ukagirango ni "umugirwa wa Nyabingi"! Cyangwa se w'Immandwa" mo hambere.

Erega ndabikubwira ukagirango wenda ndamukabilisa! Ndakurahiye da! ahubwo wowe uko umuheruka ntiwamumenya ndakubwiye! Cyo nawe umutindi amaso kwambara bya byenda basingasinga muli mode ya "Sénégal" agise ko bimusaga, agise ko bishonnwe nabi, agise ko bisanabi, mase wenda simfe n'ibyo, "ahubwo bimara amafaranga"! Aho alibuka ko ejo asasonsa? Uwo mutima yawukuyehe? Nyamara se akenaye "Kinyarwanda" akarensaho akitero byâ Gihanga" aho usi ukuntu byamwisihira? Nawe naga ijisho ku "Munyarwandakazi "ucyubahilisa uwo muco wacu mase umugereranye n'uwo! Ntibapima ndakurahiye.
Aho usi ngo mukubitanye mu gitondo yambaye niba ali "Muni" niba ali "Minijupu" sinsi uko abo babyita. Aliko nkubwije ukuli ko uwo munsi wose utasamura! Usi kumubona se shenge muli bya bikweto byadutse ubu ngubu? Bimwe nyine by'imitumba! Abigeramo rero ukagirango aragenda mu rusi cyangwa se ukaba wakeka ko yakubiswe inkoni s'igitondo!!!!

Ubonye ngo atambuke mase yenda guhilima? Sha biteye umubabaro rwose. Erega wowe ibyo bikweto nturabibona! Ndakeka ko bitaraduka muli icyo cyaro cyanyu cy'amahoro. Yewe ntibikahagere mbese, kuko bikwiliye hose sinsi noneho uko byagenda! Ese aho usi icyigusi cyabyo? egokooo ni amabanga. Usiko umuntu ukorera ibihumbi cumi atakigeresa mase ngo uko kwesi agutese ino muli Kigali? Nyamara byambarwa n'abafite bibili igihumbi, abakorera magana atanu, ndetse n'abatagira akasi rwose! Yibâ nanjye iyo uwayinyereka! Nahakilira rwose! Aliko njye nabicurusa gusa!

Umva shahu Christophe, sindwamyaamajyambere uko undeba. Aliko nanga ibilimo agakabyo. Abanyamahanga haba ubwo badushuka! Wowe batusanire ibicurwa bimwe na bimwe byo kudusenyera? Kwambara nesa ni byisa, aliko rero yiba buli wese yibukaga kwambara ibyo areshya nabyo! Naho ubundi tusandavura!!! Ejo induru sikavuga ngo....

Ndetse ibyo reka tubyihorere noye kubusa abantu kumererwa nesa no kwiryoshya, ndavuga ababishoboye, kuko alicyo abantu babereyeho!

<u>IRAMBAGIZWA RYA NYIRAMPAKARAMYE I KIGALI.</u>

Cher Christophe, ngirango igipande kimwe uracyiyumviye. Ahubwo reka nkunyulireme n'akandi gaparu gato kesa k'irambagiswa ry'iyo "Hogosa" mase mbe nkurekeye aho kuko ngirango ayuyu munsi arahagihe cyane!

Hali umwe mu ba "Fonctionnaire " rero b'ino aha i Kigali wali usahtse kurambagisa muli iyo minsi rero akimese nesa.
abansa kumbasa uko yitwaye. Mubwira ko ashobora kuvamo umugore w'ibilili gusa! Aliko nungamo nti" Mo kubaka urugo yabishobora uli umuntu wifite. "Mbese nawe urajye kwinagiraho akajisho!

Dore ko nyine yali akili muli ambassade y'Ubufaransa, akinese nesa. Kuko nanjye icyo gihe nali ntaramumenya nesa, bihagije. Urumva rero ko ntashoboraga kuba namwicira ubukwe nawe atabanje kwirebera ngo yinanilirwe?
Kuko bo babibonye batyo bombi wasanga bashyiraho" Rwaserera ngo narabahemukiye mbicira ubukwe.

Reka rero se shahu iyumvire uko byagenze uwo musore ageseyo. Umukobwa rero ubwo ntiyatinsamo. Aratangira aramujoga! Shahu ahera ku ino ligufi agesa ku musatsi muremure. Ibibaso bitangira ubwo.

Amubasa aho yise, icyo akora, amafaranga ahembwa, amubasa niba afite imodoka wenda hakaba hali aho yayisize, kugirango imajye imugeza ku kazi, umwana w'umuhungu rero icyo kiramutsinda? Ati: "ucumbika mu mujyi se? Cyangwa se ni mu cyaro? Dore ko nyine niba warakulikiye nesa ulibuka ko alicyo ahanini cyali cyaramuvanye iwabo. Undi biramuyobera;

Se Data wanjye ahubwo asigara yibasa icyatumye anamutekeresa. Ndetse asigara asaba Imana yonyine ngo imukure aho! Kuko yali amase kusiba amatwi atacyumva ibyo amubwira yali yahindutse nk'ikiragi!

Umukobwa agese aho aramwerulira aramubwira ati: "Umva shenge si nkurenganya n'aho ndetse abahungu mwihagararaho! Mulihambira cyane rwose! Dore ndacyali muto, ndacyashaka ifaranga ryo kwikenusa no gufasha iwacu, aliko ubwo alijye wahisemo kubwira ni uko ali jye wikundiraga mu bakobwa!

None rero ba ugiye nawe ubanse ushake nawe icyakubeshaho nesa, mase nyuma y'imyaka itanu usabone kugaruka,Mase nanjye kuko ntitegeka kandi nkaba mfite abambyara ubwo nzaba mase kumenya icyo babitekeraho nzagusubiza!!!!

Umuhungu cyakora yambwiye ko atasi ukuntu taba yaravuye aho kwa Jeanne, ni uko yaba yarataashye uwo munsi cyangwa se yararaye kuko ngo yumvaga asa n'uwali ahamase umwaka musima!

Cyakora abintekereraje ndamusubisa nti: "Abakobwa baragwira" Nti: "Ntarutambulira imfusha" nti: "n'ababyeyi b'uwo mukobwa barahangayitse. Ubwo nyine namubwira ntyo kuko nabonaga yidekuraje rwose yataye umutwe nyine kugirango njye mwereke ko mubabaliye none atihoba akitera icyuma!

Hasise iminsi rero haba hikubisemo undi musore nawe wali ufite nawe icyo gitekereso. Aliko rero we ntabwo "Nyirakobwa" yaliwe amuvugisha menshi cyane: Yaramurebye igihagararo gusa ni uko aramubwira ati: Nitwa Nyiramfakaramye, akadaqhyitse ntikangerera mu wanjye" Genda ndacyali muto! kandi atagihaguruka!
Usi nawe rero ko umukobwa ko abwirwa ko akuse ni uko abona yarahumye Sindasasa byo kwihambira, ugende usagaruke nakuse. Ugende amahoro. Ubwo nyine nawe urumva nesa uko yahagurutse n'uko yatashye.

## IMYIFATIRE YA NYIRAMFAKARAMYE MU BUSHOMERI I KIGALI

Mu gihe avuye ku kazi Nyiramfakaramye, yabaye Nyiramfikije, atangira kwitonda, no guca bugufi, kuko iminsi yali itangiye kumugera ijanja.

Théophile rero singwa nabi nk'uko nali nabimuseseranije, tuje guhura nyuma muli iyo minsi, mubwira ko naje kumubonera umwanya, muli Ministère y'abakozi ba Leta? Yoo, alishima, arabyina, ahubwo yali yenze kunsidan aho, ashaka kunkorera ibidakorwa aho muli Bara. Nuko nyine kuko nshisha make kandi nkunda kwiyubaha nsa n'umwitasa bucye, aliko n'ikinyabupfura cyinshi cyane.

Erega umukobwa atangira akazi atyo! Aliko noneho si ukwirya yimarayo. Nyamara bamuhembaga ibihumbi bitatu magana atanu na mirongo ine n'atatu. Yewe karahanyuse muli iyo minsi ya nyuma kuko yahuraga n'umuntu ngo "Je travaille au Ministère à Kigali" Iyo akaba aliyo ndamutse. Abantu bose rero bali bamase kumumenya, ndetse aho bigeze bamuhindura umusazi. Noneho rero shahu Mfuyuruhe! Reka nsajye ku mutûra, muryango ndebe niba ali umuntu ushobora kuvurwa noneho mubwire ko nshaka kumusaba! Ndebe rwose ko nanjye anyangira noneho nkureyo amaso! Ubwo yaca ku nesa namugiliye hanyuma akampemukira? Emwe nanjye nsoraroe! Ko ntamukeneye! Dore ko duturanye rero. Mutumaho nti "Ku cyumweru nzakugenderera" Kandi ngufitiye n'ubutumwa bukomeye cyane!

Ubwo buracya, ku cyumweru, mu gihe cya saa cyenda inzira nyihata ibirenge n'iwe ngo ba! Ngezeyo ubwo nsanze yo undi mukobwa, mugenzi we ~~xxxxxxxxxx~~ baganira. Ampa intebe ndicara, atumiza byeli ibili, turanywa, k'umutima nti: wa mukobwa ararengana! Aliko mu gihe ngitekeresa ibyo ibyo n'igihe ibiganiro wa mukobwa ararengana! Aliko mu gihe ngitekeresa ibyo n'igihe ibiganiro biryoshye ngo mbe nagira icyo mvuga, numva ku muryango ngo" Bum, Bum, Bum". Irahagarara, mbona Jeanne arashigutse, ngo mbese mama abo ni bande? Ntangira kwibaza nti: "Yee! Rurabaye, nanjye ndorel Ubwo aba yansimbutse ahagarara ku rugi, arebye mu modoka asanga n'igituku kilimo da! Uwo rero niwawundi Dupont Jean Pierre, wali ukimuliho, ubwo agaruka mu nzu arasokoza, arambara,alisiga, aliryoshya arangiza mu busa bwigihe, arasa aduhitaho, adusize aho, agenda atyo. Adupepera mu ililishya ry'imodoka aratubwira gusa ngo "deux minutes" Yiba iyo minota yatubwiye yali iyo kumutegereza cyangwa kumuvira mu nzu? Tugwa mu kayubi n'uwo mukobwa wundi kiradukora! Nanjye ndasusuguLika. Uwo mukobwa twali dusigaranye ntitwali tusiranye na gato. Ntabwo yali yatumye tumenyana ngo twibwirane! Akandeba akareba hasi. Bityo nanjye nkabura icyo mubwira ngirango rero nawe uzi ukuntu ntinya abakobwa na n'ubu. "Nyuma yaho kugirango twe kumera nk'injiji ndamubaza nti: "Ese Mademoiselle lle witwa nde? Ati nitwa Marie Louise Chantale! Nti n'izina ryiza ra! ilindi se? ati: MIYOYITA" Nti: Ni uko di! Ukora he se? Kondeb wifashe neza? muli ministère y'Abakozi ba Leta!

Nuko nti nanjye nitwa BANYANGILIKI Théophile nkaba nkaba nkora

muli Coopération. Ati: Echanté. Nkaba nali njo gusûra Jeanne ali uwo iwacu nono dore ibyoz adukoze!
Aliko se Louise we? Yee! Uliya si mugenzi wawe? Niwe! Aliko se ubu iyo tutajya kuba abasilimu? Ngo twibwirane tube tiganilira, aho ntikibakudukose Cyane da! None wagira ute? Natwe buliya yaratuyobeye. No ku kazi nikwo aba yifashe! ndetse n'imbere y'abamutegeka nta soni agira! Ameze nk'agasazi.

Ata abantu nk'uko cyangwa se akazi ukabona araturumbutse alirutse! Ngo baje kumushaka.! Ni uko rero hose niko yifashe!

Abo bamushaka yirukira rero kurusha ibyamukiza cyangwa se kurusha abamukoresha simbiyumvisha!
Aragenda akaba iyoooo! nyuma y'amasaha nk'amasaha nk'tatu cyangwa se ane ukaba ukabona arahinduye! Gusa wé aza ku kazi aza ni ujo kwitaba "présent"! Sinzi ahubwo niba iwacu azahamara kabili kuko abamukoresha bamuli na nabi! Aliko bosimbarenganya ngo bagirengo ni bimwe byo kwikorera umuntu bamuzisa ubusa! ahubwo nanjye ndi nka bo mba naramushyize hanze kuva kera!

Aliko se wowe umuntu udakora? Akilirwa yisorerera gusa! Bakamushaka ngo bamuhe akazi bakamubura yandurutse, wowe koko urabona wahora hehe umubabaliro kandintampamvu aba yatanze muli bagenzi be nibura ngo base kumuvugira adahali?

Yooo! hose burya ni uko ameze? Noneho burya turamurenganya nta bundi bwenge afite! Nuko ameze rero. Nta muntu umuliho ahubwo ni igishushungwa. Wowe waba uli muzima, abantu bangutegusa ngo bazaza kukusûra, ukabonerera! Nyuma ukabakora bone akokangeni! Ese wowe ntiwamutegujo? Oya singomba kuko ali mugenzi wanjye gusa w'akazi. Aliko ubu adukoreye ibya mfura mbi. Buliya se uramutekeresaho iki n'ubwo ali mugenzi wawe bwose reka ngewe naramuhebye byararangiye.
Ahubwo njye sinzongera no kumugarukira ahitwa iwe. Tusajya tuhulira ku kazi gusa.

Noneho rero wowe ejo musabonana, reka mugutumeho.
Ejo mu gitondo cyangwa se ugize ibyago mu kongera kubonana nawe muli uyu mugoroba, kuko njyewe ntifuza kwongera kubonana nawe, wowe usamubwilire ko ntacyoz mfa nawe, ibyo wamukoreye birahagije, umunsi w'ejo wakurengera! Byaretse nosa umubano uli hagati yanjye nawe uko ungana n'icyo upima! Wongereho aya magambo, ko ntababajwe ni inyiturano anyeretse, ahubwo mbabajwe n'urwo agiye kusihamagalira kandi azicuza igihe cyaratakaye.

"Uti "Rubanda rwose rurakuvuma, muvandimwe utitonze ngo wisubireho: usamererwa nabi bidasubirwaho! Nase rero kubera uburakari yanteye n'umubabaro anyeretse nanjye niwe ngomba kumwitura!
n'ubundi ngo "akebe kajya iwa "Mugarura" Dore rero icyemezo nafashe:"

Ntabwo nifuza rero kusongera guhura nawe, haba muli Téléphone, mu nzira imuhira iwe cyangwa se iwanjye, muli Film, cyangwa se ku kazi, uti: "Mbese ntiyifuza kwongera kukubona mu maso yo. Uti: "Nubyaranye abo"!

Aliko se reka nkubaze Théo, n'iki se Niyoyi? Ko numva amagambo yawe yose kaze, kandi akaba ali menshi, mbimubwiye gutyo ko yañtsinda aho agirango ndabateranya by'abakobwa, nta kuntu wabishyira ku gapapuro nyuma ngo azaba aliko yisomera kugirango ntazibeshya nkibagirwa na kimwe?

Di! Louis (Louise rero) Ni koko wowe uratekereje ntabwo uhubuka nka bamwe mu b'ubu? Nonoho kuko ali wowe umenyereye bano, ndebera agapapuro mbimwandikire, ejo atazakurogesha mupfa ubusa, akagutera hejuru kandi aguhora ubusa. Dore ko abakobwa aliko mumeze! Mugilirana amashyali nk'abagore b'impalike? Kandi mupfa mwese umuntu mukibona bwa mbere w'umuhisi gusa. Oya Théo, ntukokore muli abo kuko jyewe ibyo simbigenderamo. Cyono rekeraho! Uwo ntazi se nzi Nyina! Apa ibyo nkwatse neye gutinda aha atagaruka akahansanga wenda ibintu bikababya genda ukundi! Nrega mwese! Nrega mwese muli kimwo! Oya ga! ni uko mùbifata nabi abahungu b'ubu, ntuzi se ko ngo " Umukobwa aba umwe agatukisha bose?" Ahaa!! Reka niyandikire ibaruwa!
Yego wenda wowe ushobora kuba ugifite akabanga ka "Gikobwa"! Kuko bisa n'ibyenda kwigaragagaza; aliko urebye ubusanzwe kuli bamwe, ushatse wakurayo amaso! Oya vraiment, ñdagusabye mujye mubabalira abakobwa bose umubatera urubwa n'utagiraga ingeso mvi akasandulira aho kubera umujinya aliko wowe xrxbwxxxtxtx umuntu umaze nk'intama mukubita ntatake, wamutuka ntasubize, iyo umubwiye ntabe yasubizaho ngo uramutegeka ngo uli umugabo! ngo naho niba ashubije kuryo umubwiye ngo aragomye wowe ubwo urumva mudufata nk'abantu cyangwa se n'inyamaswa? Oya birumvikana kuko umuntu w'umugabo wafata umugore gutyo, umukobwa, umuhungu, wo se, cyangwa se undi uwo aliwe wese ngo amurusha ikintu, nta mugabo umulimo. Ahubwo jya umureba wowe ntugire icyo umubwira kuko yaguhda aho bene uwo. Aliko iteka ujye umubabalira kuko ahubwo aba aliwo uba abuze ikintu kimwe mu bituma umuntu agira umubano mwiza n'abandi. Cyakora ni koko bene abo bagabo baliho aliko umuntu yabagera ku mashyi kuko iyo bahuye n'abandi mu gitaramo bakabifataho batyo barabakosora.

Aliko ko di! Chantal (Marie Louise Chantal rero) Wowe umenya witonda kuko kubona abakobwa bagitekeresa nkawe kuli iki gihe wabagurana inka. Umenya utameze nka kiliya cyoho!

Uvuga neza, ulitonda, ntabwo uhubuka, mbese uvugira k'umutima. Ndabona wowe koko umutima wawe ugitekanye. "Yewo! Nyumvira disi Théo!

Ubwo ayo magambo aguturukamo n'uko tuli kumwe! Reka tumare guta ndukana, utaragenda uvuga ngo "Kaliya gakobwa ni agasazi?"

Di! Chanta! Ndakabura icyo nkugurana iki gihe, ntabwo wowe nakuvuga ibyo kuko njyewe simpisha uwo ngayo mubwlira aho!

D'ailleurs, ni wowe muntu duhuye bwa mbere kandi tukaba dushoboye kwumvikana bigeze aha ahubwo wantangaje.

Reka nza mfe kwangiza uru rupapuro mwandikira mutuko nawe ndabanguha wosomere!

Kigali, le..........

Madamasela Jeanne we,

Waramutse,

Ukimara kuva aha nahise numirwa ahubwo nkubitwa n'inkuba kuko ibintu wadukoreye s'iby'i Rwanda ahubwo n'ubu sindiyumvisha neza ko wadukorera bene ibi bintu!

Byatangaje ababibonye ali Chantal mugensi wawe, ali wa musungu mwajyanye ejo, ali najye ubwanjye. Cyangwa se nawe ubwawe niba hali ubwenge ugifite bwa kubyibaza!

Ico bikora nawe sinkurenganya ni ubukene wifitiye! Aliko abo basungu wishinga wibuke ko ali abanyamahanga, kandi ntibagirwe neza ko bajo ali ababashyi. Basakusungereza! Ese ujya wibizshya ko nibafata indege mu majyana? Ndakurahiye da! Keretse niba amahirwe n'ibyago byawe ukajya kudusebya iyo mu mahanga!

Burya baba baguhema kuko bakugize igikoresho cyabo. Ngirango usi neza ko ejo nali nakugendereye kandi nagumyaho. Iyo utanansusugura ngo unabinyerekere mu ruhame rw'abantu, ahubwo uka mbwirako nta gihe uzaba ufite cyo kuntaho, byajyaga kunshimisha ntiliwe nta nanjye icyanjye ngo nje kugusura! Ntacyo ubu bikintwaye aliko kuko wakinkojeje bikaba byaramangiye !

Wibagiwe akamaro nakumaliye, n'inama naguhaye ngo wisubireho none n'akazi k'abandi ngo urakica! Ubwo rero balibaza niba umukozi nabamaniye yali uwo kwuzuza umurongo gusa no kusiba icyuho!

Ubu rero waransebeje! Aliko wowe ntiwibaza? Ntumenye ko abantu bose bakwanga ngo uhindure imico yawe mibi? Ubu se nibakwirukana usongera kwiyambaza nde, ko ali jye wali usigaye gusa?

Cyakora umbabalire kuba nkwandiye bitali ngombwa. Dore nandikiye ku ntebe wansizeho ninaho iyi baruwa nyisize kugirango use kuyisoma igihe uli bubungukire cyose!

Mase rero ngusabye ikintu kimwe gusa kandi uzakiteho ejo tuzabipfa: Nta gisubizo nshaka kuko ni icyabahilisa nzabyibwira.

Ntabwo nshaka kusongera guhura nawe, haba luli téléphone, mu nzira, ku kazi, mu rugo iwanjye, kuko iwaweho sinabikubwira kuko nawe urabyibonera ko mpaninutwse kuva uyumunsi! Mase rero ibyo ni ubikulikiza nzaba nsubiranye amahoro yanjye nali nsanganywe.

Sinshaka ko usatuma nta agaciro nkawe!

Uli uw'iwacu sinkwanga ntacyo dupfa, aliko aho kugirango unsebye nakugendera kure! Sinkwanga ntacyo dupfa aliko rero umubano niba hali n'uwigeze kubaho uhagaraliye aha! Nashatse kugufasha ngo ngusubize mu rwego rw'abantu warananiye, none genda ukwawe nanjye nkulikiye iyanjye nzira.

é Gusa sinarangilisa ku bitutsi gusa, ntaguhaye indi nama naba nguhemukiye cyane! "Geragesa kwisubiraho, naho ubundi ugiye kubura ubuzima bwawe ali wowe ubyiteye. Kuko ndabona ugiye kurutwann'uwipfiliye.

$R_u$banda barakwanga, iwanyu bashilira kw'icumu kubera inzara, wabamazeho utwabo urohoha, none ugiye gupfa nabi ntacyo ubamariye inyiturano ubahaye ni intimba igiye kubatulitsa. Nta mukunzi ugifite n'umwe ku isi, ubwo ni ibyumvikana ko no mu ijuru nta n'umwe! kuko utamerewe neza kuli iyi si no mw'ijuru nta mwanya! Abantu bose bakuzi barakulilira uboshye uwabavuyemo akitaba Immana. D'ailleurs nayo irakwanga niba ntibeshye kubera imyifatire yawe mibi mu bana bayo. Urayisebya nayo rero!

Naho ubundi rero niba utisubiyeho ubuzima bwawe bukurangiliyeho.

Urabeho mwana wa Mama ntacyo twapfaga!

Banyangiliki Théophile.

Umukobwa muzima rero araje arayisoma haba no kwikuliramo n'akali urutega. Ntacyo byamubwiye na gato. Ahubwao aterura intugu ngo "Ibyo ntacyo" Ngo "Ese ubundi yali kuzamalira iki kindi"? Ubundi bwo ntiyali Docteur muzima! Ahh! n'agende rwiza! ngo yaramfashije?
Ese nkabaliya bakize baba badakijije ab'iwabo baba bamaze iki kindi? Twatungwa no kubareba gusa nta kindi? Yewe ndetse reka noye no kugumya kwibaza ayo mateshwa! Ngo yangiliye akamaro! Kahehe? Yabaye Dupont ntiyahoze?

Abagabo nzi ni bakeya? We avuyemo hali icyo binjyanye? Bizatuma umubare utazamuka? Ubundi naki kubura undi w'umutima mwiza undwanaho? Uretse abirabura, abazungu tuziranye bo si i Kivu? Abo ntibahagije kundwanaho?

Ubundi se njya kuza ino twali kumwe cyangwa se azi uko naje? Ni agende rero! Ni uko umubano wa Jeanne na Théophile urangilira aho. Ngibyo ibyanjye na Jeanne bagenzi.

<u>Biracyaza</u>

Niko se shahu Nzabando? Ko umaze kwosomera ibyo Bwana Théophile atugejejeho ubwe kandi ukaba uzi ko atali umuntu ukunda kuzana rwaserera ku bantu ibyo akaba ali impamo, urabitekerezaho iki? Reka ndekashahu ubu byanyobeye! ndumva nenda kulira!

Ni uko Jeanne d'Arc rero yikomereza imigambi ye idafite epfo na ruguru, mase mu gihe agikora mu biro bigenga abakozi ba Leta, akajya yifata neza. Ninde wambaye inyenda nyiza yadutse? Ni we da! Ninde wambaye bya bikweto bifungiye mu mavi bijya gusa na bimwe ba Goronomu bajyana mu Gishanga? Ni madamazela Jeanne!

Mbese umuntu ataratangwaga kuli mode ni Nyiramfakaramye! Hali tibitenge bitangaje, inkweto za Haut Talon, reka aho bya bikweabe moja bisiye sinakubwira! sinakubwira! Za magisi so byali ibindi. Ngibyo ibitare ku ntoki, ya miti bisiga ku nzara, ku minwa, ku maso, inigi ku ijosi, ya masaha bambara nk'imidali, n'ibindi byinshi mbese bidafite epfo na ruguru! Mbese n'ibindi by'amarorerwa ntabonera amazina.!

Kuko we ntiyabyambaliraga kubikenera ahubwo yabyambaliraga iki mbuse uko mbisobanura mbese nawe ishakire ijambo wishiliramo ligutunganiye. Wasanga umili we utagaragara ahubwo ali nk'uko usanga ikinyogote cyambaye amahwa. Ntabwo muli iyo minsi yali akili Nyiramfakaramye ahubwo yali asigaye yitwa Jeanne d'Arc gusa!

Iby'i Kinyarwanda yali yarabironze byose aliko kandi akibagirwa ko iby'isi ali gatebe gatoke! Biyoyoka uko byaje! Ibije vuba bisubirayo vuba ibije buhoro kandi nabyo ni uko.

Ese ubwo mwumva ubwo yahembwaga angahe? Bitatu mu mujyi muzima! Ubwo se ibyo byose yabiguraga mu mushahara we gusa? sinagushuka rwose! Aliko se ubwo wowe icyo kibazo ntabwo wahita wibonera igisubizo cyacyo? Kiroroshye da! Shyira mu gaciro aliko mbese nawe wibaze! Ahhh! Nibyo koko sha ndabyumvise!

Ahubwo reka ibyo tubyihorere twikomereze ibi biruhije ibi kuryoha no kubabaza aliko! None wagira ute? Akaliho ko kavugwa! Wabireka se? Reka da! Waba uhemukiye benshi!

<u>INTANGILIRO NYAYO Y'UBUZIMA BUBI KOKO BWA JEANNE</u>!

Ubundi rero byali ugukina, mureke mwiyumvire inkuru ya Jeanne! Hashize iminsi rero miko umukoresha we aramureba arashoberwa! Ati: "Uliya mukobwa, ntabwo afite amatwara y'Abanyarwandakazi! Akazi ke, ni ukwilirwa atembera! Ndabona afashe umwanya w'abandi ku busa, kandi ngumye kumwihanganira mu milimo ya Leta n'amakosa angana kuliya naba nyuze kuoyo narahiliye igihugu!

Hanse hàli abashomeli benshi kandi bashoboye kuza bakita ku kazi kabo neza, kandi rero abenshi bafite inda nyinshi zibumbuye iminwa. Kubera iyo mpamvu rero; Kuva uyu munsi rero ntagaruke hano.

Ubwo ajya hirya yandika ibaruwa imuvana ku kazi burundu. Ni uko umukobwa agenda atyo. Nehe n'akazi! Azongera kwandurwanya kwa nde? Ni nde uzakamuha? Ko hose yahahetuye none bakaba baramujanguye, baramusinutswe?

Uwa nawe ibyago, iwabo ntabwo ateze gusubirayo. Agezweyo n'iki?

Aracyahibuka? Yakwakilirwa na nde? Ku mujyi hose baramusinutswe naho! Apfuye uruhe? Azahungirahe se kandi? Noneho urwo yalindiliye ruramubonye, imbwa ziramushotse!

Aragenda n'aho yacumbikaga baramwirukanye. Kuko ntacyo asigaranye cyo kuliha insu. Kandi nyine aho agize ngo baramubabaliye ngo bamucumbikire iwabo ku buntu, yahamara iminsi mike bakamwirukana kuko yesaga kubakingusa igicuku kinishye!

Yongera kuruta ashaka akazi, aho ageze, ngo widutera igihe turakusi. Ubwo rwose nta ni uwali ukimurebesha n'ilihumye.
Ali ba basungu ali abandi bakobwa bagenzi be, ali abahungu, bose baramubonaga ugasenga barashimana insara ngo dore "Cya cyomanzi; ni uko umukobwa alita atyo!

Abonye rero nta bundi buryo ashigaje bwo kubaho, yihitiramo gushaka ukundi kuntu yabaho! Ni ubuhe? Umva re! Nawe ulilirwa umbaza? Hasigaye bungahe se? Ni bumwe gusa da! Hiim!! Ni "Uburaya BWERUYE" koko Hiim! Yoo ni ubwo, ntakundi rero buli urwo rwushe yahilimye buliya! Ubwo kandi imyenda yali imaze kumushiliraho, rya vuta lihumura atakilibona, ahasigaye abura icyo kurya n'icyo kunywa. Aho kuryama ho byarashize, byashiranye na wa munsi bakimutumira! Uretse bimwe bitendera ku matwi gusa kuko byo bidasaza kuko niyo ndanga-muntu yali afite! Uretse ko ahasize iminsi mike akabigulisha nabyo na ba nyiramatwi bandi kuko we, ya myobo bali baramutoboye ku matwi yali imaze kusiba nyine kubera imbyiro no kutoga nyine kubera kubura amazi? Biragutangaje se? reka da!

<u>Uko rero yaje gusama inda y'indaro aliko atabizi!</u>

Reka rero muli iyo minsi ali shomeli ubukene bumutere abure uko agenza! Amererwe nabi cyane! Aliko wa musungu ntiyamuvilira! Yiba yali yaramuhaye igiti simbisi! Aliko ni ngombwa ko yali yaramuvugûtiye nawe ununtu abantu bose bali bararetse! Ahhhh!!

Ase kujya muli Bara asinde alite! kuko isisakora ku muntu ntisibura aho ziva!

Kuko nyine yali yaramenyereye akarahuli, urumva ko mu gihe atali agishoboye kukiheresa, yagombaga kwemera guseba aliko akakabona. Nguwo buli munsi mu kabali yagiye gusafa, ali akarahuli cyangwa se agasigara k'isegereti, bali bagiye guta! Byose ntacyo yanze. Aracyashoboye kubyiha se? Cyangwa se ngo babimuhane umutima mwiza nka mbere? Ashwi da! Yewe" Ak'inda ni agahomoho, wa mugani!

Alinjiye abonye ishusho ry'umusore usa n'uwo yali azi kera. Ehh! So muli aho Shemo? (Shemeki rero) Undi ahindukiye aramureba amuhereza isitwe y'intoke. Abonye atamwitayeho yirukira mu y'indi bara! Asanga undi amukomyeho, undi akubita ikirahuli hasi kubera ubwoba yali

agise ngo atewe n'umusazi!. Alitaza!

Nyili bara ati: "mushyire uwo musazi hanze! Mu giho bakisurungutana muli ibyo yiyegamira ku nkingi, kuko yali abuze intama n'ibyuma. Ginzi ukuntu yarunguruse hanze, abona imodoka intunze amatara mu nzu. Hanyuma yitegereje asanga ni Dupont. Cya kiroge cy'umuzungu rero; kilimo gikinga ibirahuli by'imodoka. Dore ko bahiganaga!

Aba yamuguye mu nda ga ye! Abali aho barumirwa bati:" Mbese wa musazi n'abazungu baramuzi? abandi ngo rero ubanza ali muzima! Babona baliganilira barabyihorera.

Ati nfite inyota rero. Umuzungu ati uranywa iki? Undi ati icyo alicyo cyose kuko yali yaramumenyereye inzoga n'amoko yose!
Ubwo amuguliye ikirahuli n'inzoga bita Rufusi nyine imwe banywa bakaza gusinzilira aho bicaye batabizi. Kuko nyine we yamiraguranye bitatu umubabaro mwinshi n'inyota.

Nuko ijisho limaze guhena umuzungu aterura ajyana mu modoka. Kuko bataguzmyaga kulitora aho kuko umukobwa yarebaga agasanga inzu yose ilimo gutembera! Nyine nawe uliyumvigha neza ko yali amaze gutokorwa? Ubwo nyine yali atangiye gusanyka asekera buli wese! Nibwo rero abwiye umuzungu ngo dutahe! Nawe rero ubwe dore ko yali amaze gutoha bose ali uko! Yewe inzoga zigira ayazo! Ubwo aliko niba yaragiye agahita akomaho sinagushuka.

Aliko birumvikana ko bose ntawali ugifite ubwenge bwo kwigarura, hali aho bali bataniye n'inyamaswa muli ako kanya?

Bagumya kwandagara gutyo bombi rero uko bahuye, ni uko hashize iminsi umukobwa abona inda ye ilimo kujya ibyimba. Yappaye inka data! Ashaka ukuntu yazayikuramo biramushobera! Umunore yahuraga nawe yagirango azamucyuro umwana w'umukobwa akubuka ko afite mwene "Rutuku" mu nda! Bikamutera imitima ihagaze. Ubwo agahita rero amuhakanira bimwe bye bya kera ngo ntabwo arashaka kurongorwa! Naho ubwo ali ikimwaro cyamwishe n'ubwoba bwinshi cyane.

Kuko yarebaga ko narazuka yemeye yazabyalira igituku mu nzu y'abandi bagahita babanigana bombi ako kanya! Ali wowe ikintu kiba kugutunguye gisa gityo wakihanganira kandi kangahe?

Noneho rero reka igihe cyo kubyara, kigere, ginzi uko yagiye mu ishyamba ngo agiye kwituma! Nuko rero ahubwo hasohoka akana k'akazungu! Ntibyamuruchya mugabo! Dore ko bene abo bibyasa ukagirango niryo shuli bakulikiye!

Arebye neza rero asanga ni "Kasungu" wusuye, ni uko areba icyo amumugabulira kiramushobera, Ni uko arebye no kumwica asanga bazabimenya, bakamufunga! ubutazavuvamo.
Ni uko araterura arunda mu ikanivo yali aho hafi ni uko alikubura aligendera! Umwana arara aho, inzara, imbeho byali bigiye kumuhitana kuko nyina ntakintu yali afite nawe ngo amukinge ku mubili! Yewe burya umuntu arakomeye.

Bukeye rero mu gitondo abahisi bigiraga ku isoko nibo batangiliwe n'urusaku rw'ako kana kalira. Ni uko aba "Croix rouge " nibo bahagakuye bajyana muli "Orphelinat". Naho abagensi nabo bagatangara ngo mbese abazungukasi nabo, gasigaye bananirwa n'urubyaro bakaza kurushyira mu ikanivo?Erega si ibihimbano byarabaye! Ndetse bimwe muli ibi niwe wagiye abyivugira, nyamara ararengana.

Nyiramfakaramye ubwo yisubiza kukobwa rero nyamara aliko amara iminsi yaracitse mu mujyi! Ubwo nyine we n'umwana we baherukana ubwo!

Mu mujyi yahagarutse iyo nkuru imaze kwibagirana! Ese Babyeyi, hali ubuhotozi n'ubugisi bwa nabi burenze ubwo? Yewe niba hali abali bakiliho bamese nk'uwo bali bakwiye kwisubiraho. Umba mbabwire kuko ibintu nk'ibyo ntibiteye isoni gusa abali gusa, ahubwo bibabaje abantu Immana twese yaremye ikadutandukanya n'inyamaswa.

AKAMENYERO KICA NK'INDWARA.

Wagize ngo se kumererwa nabi ibyahagaraliye aho? Reka da! Ahubwo niho biba inabi koko. Dore rero ko wamusatsi wali waramenyereye amavuta menshi; wayabuze nase ugahita wunuka ugashiraho! Mbese urebere harya ku mavi y'ihene uko hasa ni uko habaye!
Umutwe wali imbuga nsa! Ibirenge bye birasadagulika kubera imyate. Uliyumvisha nawe ko nta nkweto yali akigira! Kuko ibyo yali atunze byose yararaga ubusa kabili agahita agulisha ngo abone indamu y'uwo munsi bityo rero alinda yisigalira ubwe gusa.

Jeanne yacitse iwabo no mu rugo ntakiboneka! Asa n'utahaba ! Kuko asigaye ali "Igitegwajoro" gusa.

Yifusaga kujya iwabo akagira ubwoba; kandi yibutse ibyo yasize akose. Yifusa kugera mu mujyi akabuswa n'uko yahura n'abandi bali bamusi kera akili "Igishongore" none akaba yarasikinnye.

Kujya mu kabali noneho bisigaye bimutera isoni! kuko yinjiragamo bakavuga ngo nibasohore uwo musasi ngo arabusa amahoro abakiliya! Gusa yahulira hanze n'ibandi ikamusanira aho ikirahuli, bakasa kuryamana iyo mu gisambu ni uko yamuha ic'umi agatahana icyo akaba abonye umuraliro.

Ubwo se bahungu ubwo ni ubusima ki? Buli wese ajye yililira aliko atekereza ko hasi ye hali imbabare s'inshiragahinda!

Noneho ubun go sinsi uwamunagiye akajipo w'umugiranesa, nyine kamutwikiliye amatako gusa, aliko nabwo ~~ikuzu~~Immana ikuswe Nyagasani! None se ntibiruta gahamira aho?
Aliko ~~yahwe~~ agashyiramo ukagirango ni inkoko bapfuye amababa. Ni uko nyine we ntacyo agikisa naho ubundi.......

Ubwo rero yagirango agize "Sortie" hanze, yahura n'abubahiliza amahoro bakamucyaha ngo nibirukane iyo ndaya yalitaye! Akiruka! Ngo itunzwe no kwiba abagabo no kubatwara umutima yo hagamba! Ngo "Hoshi" Akongera noneho agakora iyo bwabaga. Abagabo se ubwo hali abo yali akibona ugirengo! ashwi da!

Umuntu muto utabuze amaboko yo kwitunga mu buryo bwizaakalinda yandavura bigeze aho? Rubyiruko murabitekeresa ho iki? Murabyibaze maze musansubize!

Munambwira uko mwe mwabigenza! Kuko ngirango nta n'umwe ushyigikiye iyo mibereho n'imyifatire. Ubundi rero hagiraga nk'umunagira indeka y'akabyeli aho ali aho k'umuryango, amabandi akamwenda ubwo, agatimbagura ngo yabanywereye ibyeli ku busa, bakamusiga aho ali indembe ku muhanda akigendera! Nyamara atali nabo bayimuhaye ahubwo yayihawe n'abandi naba ali ukumushungirwaho.
None rero ubu isura ye ntiwayimenya, amatwi ye yarunutse amese nk'ay' ihene y'impeshyi amavi n'imirundi bye ni inkovu nsa, reka mu ruhanga rwe rwo n'imisharu gusa.

Asigaye arangwa n'inkovu gusa, mbese mu maso he ni urubara! Reka Nyiramfakaramye niwe Nyiragahinda naho abandi bazayahinduse barabeshyerwa! Nibwo akiba icyatwa. Asigaye yicara yatekeresa uko yabayeho uko ali ubu, akicuza ibyo yakoze aliko kandu ubu ataagishoboye kubibonera umuti! Kuko byabaye impitagihe uko byakavuzwe.
Ntagaruliro ryabyo. Aliyumvira akisangamo ubuhemu bwo kuba yaligiyeye ubusima.

Kwifata nabi, gusuzugura, kwiyandalika, kwiralika no kwibeshya; kuba yaraliye ababyeyi imitsi akayimara adasubizaho n'ibindi.... Reka aliho ataliho n'iyo nkeke yose imugendaho aho ali hose. Mbese agiye kugwa ruhangu. Ntahuliro akigiranye n'abo bava inda imwe, inshuti ababyeyi, ni ako yahebye. Kuba ananiwe kubona urumuhuta none umuliro w'iteka akaba awutangiliye ku isi ndusi mu ijuru ko ho batasamwakira na gato. Ndetse no muli uwo muliro keretse agize bahati akahasanga uwo baziranye akamuvuganira! naho se ubundi yajya hehe? Iyo ntimba rero nagira Imana izamuhuta awe kuli iyi si aho alimo gutara urubwa, abo yahemukiye bamuha urw'amenyo, bamwisekra Twaramye!
Umva nawe asa n'uwavuye ku isi kandi akiyihagazeho! Alifusa urwamwangura akarubura, yumye ahagaze. Ni ahumure rero nirwo rwiha narwo ruratoranye. Wowe rwajya gufata iyo minambe hali imishishe? Rwaramurenze narwo wa mugani we! Kuli iki gihe rero asigaye amese nk'igishushungwe, nta muntu ukimulimo!

<u>Reka mbaaetse rero maze dutahe</u>.

<u>Icurusa rya Jeanne d'Arc Nyiramfikije mu isoko rya Kigali</u>!

Sinzi rero ukuntu yaje kubona udufaranga mirongo ilindwi, reka none imitima ihagaze irushaho kwiyongera. Agize iyo yali asanganywe,

noneho akubitiyeho n'iyo uko akize akaba afite amafaranga yabuze uko ayakoresha!! Kuli we yali menshi cyane! Ubwo noneho atangira kwiga ubwenge bw'ukuntu yayakoresha kugirango abone uko abaho muli iyo minsi mike yali asigaranye mbere y'uko ubusimba bwe burangira.
Kuko yabonaga ko nashira vuba imbwa zizaba zimuliye bigashira. Yiyemeje rero kuyashora mu bucuruzi kugirango niyunguka icumi ku munsi azabe abonye indamu. Abanza kucamo imigabane amubana make noneho! Abanza gukuraho mirongo itanu ayigura imyumbati. Naho makumyabili asigaye ngo azabe ayo gusheshe mase ngo atangire gucuruza bufu. Ubwo ibyo ntibyatera kabili arahomba! Kuko we bangaga kumugulira ngo afite umwanda! Ageze aho ati :"Moshi, inyanya n'intoryi niso sifite icyashara! kuko yali asigaranye mirongo ine gusa. Ashora ayo sahomba akasihekenyera! Ibyo nabyo biramushobera.

Asigara yifuza na none icyamuvana ku isi kuko aho niho yali asigaye ategerejo umukiro aheba. Nta kindi yali ashigaje imbere n'inyuma uretse gupfa nabyo abibonye.

Ati: "Noneho sinarekeraho ntakoze umwuga w'indaya sishaje. Ubwo akugulira ibikamba cumi muli bya biceli yali asigaranye. Akajya aharwanira n'inka mali sije kubirya dore ko n'inka y'umujyi ali cyo kiyitunze. Arabyanika arabishya. Itabi aryinika mu masi naryo aralisya arabivanga . Nuko apfunyika mu durere udushandiko adyana mu isoko. Aracuruza, aratandika, yipfunyitse agatambaro mu maso! Nyine agatanyu k'agakwembe yali asigaranye ngo hatagira umumenya mubo bali basiranye. Ni bya bindi rero bita "Ubogoro".
Bitera igituntu, agahanzi, mfura, bimwe usanga bene abo bagore n'abakobwa bakuturiye kulita banyunguta bakabijundika, mase bajya gucira ukagirango baliye "Kokobe" k'uburyo mumenyo yabo wakwibeshya ukagirango ni ikibumbe cy'amamesa baliye.

Aho uzahura nabo hose uzabibwira kuko usanga bacira-gura boshye abarwaye iseseme. Umunuko ni wawundi, umwanda nawo ntibisigana, baracuyutse, mbese batayo ibara.

<u>IBGANANA RYA NYUMA RYA NYIRAMFAKARANYE NA NTIBIHEZWA MU ISOKO I KIGALI.</u>

Uwe muli abo basore rero yali yarajujubije, yanga ko amusaba, aliwe Ntibihezwa Jean de Dieu, ase kumenya ko, urukundo rwe Nyiramfakaranye, yasusuguritse akaba asigaye acuruza mu isoko ubugoro. Abalilisa mbere y'igihe inguni yakundaga kwicaramo atanditse ubwo busa bwe, arakugendera agiye kumusura, abona amuhagase imbere.

Aramubaza, ati: "Aka gafungo ni angahe se Mada? Ati: "Ni ifaranga limwe gusa gura, bwana unteze imbere, umpe icyashara kandi njyewe ndongeza!

Umugabo, ati: "Huu! ese burya bwose, umugore wanjye yandaje ku nkeke ngo araye itabi, naho ubwo kagura ifaranga limwe gusa! karahendutse bigeze aha? Nyamara iyo mbimenya na nimugoroba mba namujyaniyeho udushandiko nka dutanu!

Ubwo aliko Ntibiheswa yali amaze kuba umusungu mu bandi, kuko kuba umusungu atali ugutukura. Kandi rero yali yaraje gukora mu mujyi! Ikibazo cy'ifaranga we yali yaragishyinguye iy'umufuka: Ati "Noneho mfungira icumi kuko aliryo lisamumaza iminsi. Ati ""No kuba uli umusilimu nturongore umugore ujijutse birababaje!
Naramuhendahenze ngo ajye anywa n'agasegereti yarananiye, none dore arangensa ijoro! Nyiramfakaramye(Nyiramfikije rero nawe aryumaho, ni umushonji wawe rero ubonye insahu. K'umutima ngo si abakire basi? "Undi abonye ntamugaruliye, asa n'uhagarara gato;ubwo rero abonye abagase aramutangurannwa, ati" Mbese ko wampaye menshi ntureke ngo nkugarulire? Nta mafaranga mato ufite ngo abe aliyo mpa ngo mbone uko nkugarulira? Undi ati :"Yihorere ni iby'isi, kandi ntawe ubihesa."

Undi ati: "Ahubwo usabure kwongera urwo rucuruzo rwawe! ngo kamwe ugashyire kuli atanu cyangwa icumi? Naho ubundi ntiwasabona ikigutunga! Ati "Ntabwo usi hose ko ibiciro byiyongereye? Naho Nyiramfakaramye ngo "Ni koko mbona n'itabi ryanjye n'abantu benshi basigaye balikunda cyane nanjye ndasa kusasamura ndebe ko basagumya kuligura. Amafaranga akubira iy'ingutiya yali yaramushiliyeho hasigaye umufuka musima musa. Alishima cyane ati: "Yewe uwagira abakiliya yagira bene baliya! "

Bahase iby'isi. Ngo "Mbese kuki nta bene baliya buli gihe ko najya mbona ikintunga? Ntibiheswa aligendera, agese imbere arabireba, hanyuma arabijugunya. Ati: "Yewe iby'isi ni ubusa koko! Ati: "Uliya siwe mukobwa mwisa namenye kera? Wali warahogoje abasore b'isi nsima? Udusore tutifite twamureba tukabebera? Aliko tumwifusa! Njyewe se sinali ngiye guta umutwe kubera we? None ni kuliya yahindutse?Ati: "Ni koko burya umubili ubyara udahatse! Mungu asingiswe, kandi Imana imubabalire yonyine? Ubwo se aho buliya yarakinyibuka?
Ati aliko Imana imufashe ye kunyibuka!

Naho ubwo Nyirakobwa nawe ntiyamukuyeho amaso kegesa igihe arengeye, yibasa aho yamubonye bikamubana urujijo! Agese aho yibuka ko ali uswe mubo yigese kubemukira kera aliko none we akaba amubonanye umutima mwiza.

Yibajije we aho agese ubu, arebye n'uwo musilimu, uko yifashe n'impuhwe amugiliye kandi atamusi, ati: "yewe koko iby'isi ni gatebe gatoke, koko insira ntibwira umugensi. Iyo mbimenya simba mfuye uru! Ubu yifitiye undi mukobwa, kandi aliho neza,

Ati: "Ni koko abafite inkwi barya ibihiye". Nyamara njyewe nitesheje umukiro rugikubita. Nsigaye ntara inkuru hano mu isoko

ry'i Kigali litali nibura nibura n'iry'iwacu. None koko dore abansi barampa urw'amenyo, bakanshungirwaho banshinyagulira. Ubu se none nawe yaba akinyibuka? Akaba alicyo cyamuzanye? Oya aliko ra hashize imyaka myinshi ubu ubwo ali umugabo ntabwo akibyibuka! Ikibi ni uko yaba ali umugore mugenzi wanjye naba naragiliye nabi kuko alitwe dukunda kubika inzika! Aliko se none ejo hasa undi nkuliya ko yibuka ko namugiliye nabi hanyuma akabona urwo mfuye uru?

Ubu se hali undi mukiro nshigaje inyuma? Ntawo keretse urupfu rwonyine.

Ejo ningaruka aha nzabe ngana urwatumye mba ikigoryi! mu bantu! Ahubwo reka nimugoroba nze kureba aho nkura agapapuro n'ikaramu, nimbona uwo mbitira, mase nsesere ku babyeyi n'abavandimwe, nyine nali mfite kera, niba nabo bakibaho. batazagumya kuntekreza bagirango ndimo ndahaha ngo nzabazanira umukiro. Kuko ibyo natekerezaga byose mbibuze uko bingana! Naho nyuma y'ibyo nze gushaka umugozi nimanike mase mbe ntandukanye n'uyu muruho w'iyi ntindi y'isi.

Ahambira udukaratasi twe yahabambiragamo uwo mutungo we dore ko nawita "Uburozi" arasindagira nyine kuko n'inzara yali imugeze aharenga! Arataha!

Wowe imitaga ine yali amaze atagira icyo akoza ku munnwa atabona n'aya liba? Ngo atibeshya akuraho ifaranga limwe urucuruzo rwe rukagwa hasi? Ubwo rwali rumumaliye iki rutamutabaye aharenga? Amasi yo se i Kigali ntagurwa?

Ese ubundi wahaza utaharagulije ukibwira ko uzahakilira? Ndakurahiye ahubwo uba ushaka kwandavura naho ubundi ni ukubanza kuhateresa insuzi.!
Naho rero we urumva koyali ashigaje amagufa gusa:

Agezeyo ashaka umugozi alimanika! Mase mu gihe atararekana nibwo hagobotse nduzi ko namwita umugizi wa nabi kuli we, aba yamubonye, aratabaza baraza bamukuramo baramumanura, bajyana intere ku bitaro! Amazemo iminsi myine amaze kwijajara bamukuramo bajyana iya "GEREZA" Ni uko ubuzima bwo burangilira mu "Gifungo."

Dore rero uko yazize abwiye bagenzi be bali bafunganywe, mbere y'urupfu rwe.

UMURAGE WA NYIRAMFAKARANYE.

Bagenzi banjye birarangiye njye ndipfiliye. Ngiye kuruhuka. Cyakora kuba nali kumwe namwe, ngirango ibyo ntawe byatangaje. Ndetse ahubwo ni uko Imana idahutiraho, naho ubundi mba naragezemo mbere yanyu. Nahaniwe ukuli, koko nagize nabi kuli iyi si.

K'uburyo ntifuzaga kwongera guhura n'abantu. Imitima y'abantu benshi narayiliye! Abaje bansanga nkabirukana. Ababyeyi n'abavandimwe nabishe uruboso. Gusa ubuzima bwanjye bwabaye igitangaza mu bantu. Nabayeho neza cyane, ndiheresa, nibwira ko nashyikiliye iby'isi

n'iby'ijuru. None rero dore birangarutse!

"Ubwisa ntibulibwa, kandi rero shenge n'ubuto buraryana kurusha igisebe" Ni ukuvuga ko rero nabwo bushukana! Cyakora mwebwe ndakeka ko ntababaniye nabi cyane kuko twali duhuje ubusima! kandi rero niba hali n'uwo naba naragiliye nabi ayxxxxxxxxxxxxxxxxxxx ashobora kumbabalira, kuko naba narabigize ntabishaka ngirango mwabonye ko nageze aha ndi igishushungwa ntakili umuntu musima nasaga n'uwataye ubwenge. Ni uko rero ahubwo mushobora kujya munsabira ku Mana. Kuko nayicumuyeho bikabije kubona ingabire cyampaye zose narasipfushije ubusa.

Naho rero amasengesho yanyu niyo agomba kungilira akamaro, kandi Imana yumva imbabare cyane kurusha byose, naho njyewe rero ubu ntacyo nkimaliye kuko ntakili umuntu!

Namwe kandi mwihangane mutange impongano z'ibyaha mwakoze. Ndetse kimwe n'iz'ibyo mwitilirwa byarakoze abandi. Mwihangane, wenda musafungurwa. Aliko muzilinde kugilira mugenzi wanyu nabi. Bagenzi muramenye, muramenye, ejo mutazapfana intimba nk'iyo mugiye kumpambana.

Abazira ubusa kandi namwe ni uko mubyihanganire, kuko kuli iyi si niko bimera. Hali abarengana benshi nyine ahubwo bagahanirwa ibyaha by'abandi bakoze, ha hano rero nzi ko mubimo sinshidikanya rwose na gatoya! Aliko nimubyihanganira mukabitura Imana muzabona ingurane yabyo kandi izababera ikuzo n'ikamba lizaruta akababaro muzaba mwaragize aha mbasize!

Nanjye kandi muragumye kunsabira ku Mana yoye kuzagumya kundakalira kuko niba ali ibihano by'ibyaha byinshi nzi nakoze, nabirangilije aha ku isi. Naze rero kandi iyi baruwa nsize, muzakore uko mushoboye muyingereze ku babyeyi habavandimwe, ndetse n'undi wese washaka kumenya ukuntu yakwifata mu busima!

Kuko nadakeka ko mbaye igitambo, urugero, nsize inkuru ku isi idashobora kuzima no gushira kugeza ubwo abantu bamenya cyangwa banyumvishe bazaba batakiliho.

Bagenzi banjye murabeho!!!

Ni uko Nyiramfakaramye aranogoka!!!!!!

IBARUWA Y'ABABYEYI N'ABAVANDIMWE BE IBASEZERAHO UBWA NYUMA.

Prison de Kigali le,..............

Babyeyi, Bavandimwe, Nshuti!

Nta rukundo, n'urukumbusi ngifite, kubisezeraho rero no kubasaba imbabazi ndabona ntacyo bikimaliye! Aliko ntimubabaswe n'uko mutasongera kumbona, ahubwo njyewe mbabajwe n'uko nabahemukiye bitavugwa.

Ubukene n'intimba mbasigiye, musabimarwa n'iki se? Nabaye umukobwa gito, icyohe, icyomansi, inyandagasi, none rero nanjye Immana yarampannye. Ibihano byanjye nabirangilije hano ku isi, cyahora sinsi no mu ijuru ikintegereje! Aliko niba hali ya onaho ibindi bihano Immana integanyilije ndamenya ko itagira imbabazi na gato kuko hano narababaye bihagije ndetse birenze!

Gusa aliko mbabajwe cyane cyane n'ibara libi naise mu muryango wanyu. Nase rero ibyo byose biteranye binteye kwiyahura n'ubwo ali amagufa masa nalinsigaranye!

Nagirango rero nayo nyashyingure nayo atazagumya kuunukira abantu!

Abo nahemukiye kuli iyi si ni benshi cyane, sinzi ni uko batazajya banyikanga buli gihe! Uretse ko mwebwe Babyeyi, mwali mwaramaze ako kumbyara, gusa. None rero ntimuzagumye kuntegereza ndetse, ngo munagumye no kuvuga izina ryanjye, ngo musitere igihe munshakisha kuko waba ali umuruho w'undi mbateye w'ubusa.

Bavandimwe mbabereye urugero, isomo, ntimuzamere nkanjye. Muramenye, muramenye, murajye muneswa n'uduke mufite. Mukunde ababakunda, mubabalire ababanga, mwubahe buli wese, mwemere ubukene iyo mubona nta kundi kuntu mwakoresha kugirango bubaveho! Mugire umutima mwiza n'ubwihangane, nimwumvira muzabaho neza kandi mukundwe na bose; Gusa jye ibi mbitekereje igihe cyarampiseho, none rero nanjye niyo ngaruka mbonye yo kubaho nabi no kwifata nabi, ninayo mpamvu tugomba kwitondera iby'isi!

Ese ye? Ubundi, hali igihano kiliho ku isi, kirenze icyo gupfa ntawawe ukuli iruhande? Sibyo kugwa rushangu ?

Muramenye, muramenye, murajye mubagalira yose kuko mutasi lisera n'ilisarumba!!!!

Cyane cyane wowe Habamahirwe nawe Nzaruturamo nimwe nakiye iyi baruwa ahanini kugirango izabafashe gucunga ubusima bwanyu neza,

ejo mutazamera aka njye maze ugasanga nonoho umuryango wacu wose bawita ko woranye. Muranturure.

Ngicyo igisigo, umurage, inyigisho, n'ubukungu mbasigiye! kuko nta kindi nali ntunze! Niwo mutungo nabonye nsigaranye mu maboko yanjye mbere yo kwitaba Imana.

Nyagasani ampanire ibyago nwagombaga kugira byose narabibikoreye nibyo koko "Uwiyishe ntalilirwa. "Mungu ni ababe umugisha abasigiye.

Naho ibyanjye bindi muzabibwirwa n'abambonye!

Uwahoze ali uwanyu,

Nyirapfakaranye Jeanne d'Arc.

Nshuti zanjye rero mwakulikiranye neza iki kiganiro cya Nyirapfakaranye twagiranye ngirango byabafashije kwumva neza bimwe na bimwe mu bintu by'isi uko bigenda!

Uko byifashe, uwabyitayeho cyane rero niseye ko akuyemo isomo lishobora kumugilira akamaro limwe mu busima bwe. Utabyitayeho rero azongera atangire bundi bushya ntabwo arakererwa. Gusa halimo amagambo amwe n'amwe asa n'agoye.

Aliko ubwo ali ikinyarwanda cyacu niyo mpamvu nshimiye ko buli wese azaba ashobora kwumva neza ibikubiye muli aka gatabo. Nyamara aliko utazumva ijambo na limwe ni byiza ko yalibaza abandi mbere yo gukomeza kuko buli jambo nalishyize mu mwanya waryo kandi ngo ligire icyo ryumvisha ryonyine. Mulishyiramo rero ni uko liba litagombaga kuburamo. Gusoma ukulikiranya amapaji nibyo by'ingenzi kugirango mwumve ibilimo uko byashatswe kuvugwa!

Gusa gukora, gufatanya, kubana no kubahana n'abandi nibyo biza tugeza ku busima bwiza twese tuhora tulilimba kandi twifuza buli wese ukwe. Nta kibi rero nko kubona uruyusi rutera udutonge, rukibwira ko utwo dutonge (utudegede cyangwa se imyungu) natwo tuzabyara inzusi nazo ubwazo zizongera kubyara izindi nzusi nyinshi zizungura umuryango iso zashaje, hanyuma izuba ryacana, twadutonge tukumira kuli nyina kuko amazi yabaye make cyane. Bityo umuryango ugacika.

Aliko ntibibuze uruyusi kugumya gutohagira.
Aha rero nkuko natangiye buli wese afitemo imirongo n'umwanya wo agomba kwitaho cyane. Uzaburamo uruhare rwe azanyibwire.

Gusa mumbabalire wenda, bimwe byarashaje, ndashaka kuvuga ibitekerezo kuko natangiye kukandika aka gatabo muli mirongi ilindwi n'ibili aliko impamvu zitanturutseho zituma ntakabageza ho vuba. Ubu rero uyumwanya ni uwanyu mwese.

Tuzongera guhura ubutaha nshuti niseye ko bizarushaho kurycha.

Mugire umwete w'ubumenyi burwanya ubujiji.

Murakoze.